## *Ibirimo/Summary/Sommaire* *page/urup.*

***Itegeko Ngenga /Organic Law /Loi Organique***

**N° 08/2012/OL ryo kuwa 02/11/2012**
Itegeko Ngenga rigena imikorere ya Sena…………………………2

**N° 08/2012/OL of 02/11/2012**
Organic Law establishing internal rules of the Senate.......................2

**N° 08/2012/OL du 02/11/2012**
Loi Organique portant règlement d'ordre intérieur du Sénat……….2

**ITEGEKO NGENGA N° 08/2012/OL RYO KUWA 02/11/2012 RIGENA IMIKORERE YA SENA**

**ISHAKIRO**

**INTERURO YA MBERE: IMITERERE N'IMIKORERE BYA SENA**

**UMUTWE WA MBERE: ISHYIRWAHO, IRAHIRA N'ISIMBURWA RY'ABASENATERI**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko ngenga rigamije**

**Ingingo ya 2: Abasenateri, uko batorwa cyangwa bagenwa n'irahira ryabo**

**Ingingo ya 3: Inyandiko igaragaza umutungo**

**Ingingo ya 4: Manda y'Umusenateri**

**Ingingo ya 5: Ikarita y'ubudahungabanywa**

**Ingingo ya 6: Kwegura ku murimo w'Ubusenateri**

**Ingingo ya 7: Isimburwa ry'Umusenateri**

**UMUTWE WA II: IMITERERE YA SENA**

**Icyiciro cya mbere: Biro ya Sena**

**ORGANIC LAW N°08/2012/OL OF 02/11/2012 ESTABLISHING INTERNAL RULES OF THE SENATE**

**TABLE OF CONTENTS**

**TITLE ONE: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF THE SENATE**

**CHAPTER ONE: APPOINTMENT, TAKING OATH AND REPLACEMENT OFSENATORS**

**Article One: Purpose of this Organic Law**

**Article 2: Senators, modalities of their election or nomination and taking oath**

**Article 3: Declaration of assets**

**Article ya 4: Term of a Senator**

**Article 5: Immunity Card**

**Article 6: Resignation of a Senator**

**Article 7: Replacement of a Senator**

**CHAPTER II: ORGANIZATION OF THE SENATE**

**Section One: Bureau of the Senate**

**LOI ORGANIQUE N°08/2012/OL DU 02/11/2012 PORTANT REGLEMENT D'ORDRE INTERIEUR DU SENAT**

**TABLE DES MATIERES**

**TITRE PREMIER : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU SENAT**

**CHAPITRE PREMIER: DESIGNATION, PRESTATION DE SERMENT ET REMPLACEMENT DES SENATEURS**

**Article premier : Objet de la présente loi organique**

**Article 2 : Sénateurs, modalités de leur élection ou désignation et prestation de serment**

**Article 3: Déclaration des biens**

**Article 4 : Mandat d'un Sénateur**

**Article 5: Carte d'immunité**

**Article 6: Démission de la fonction de Sénateur**

**Article7 : Remplacement d'un Sénateur**

**CHAPITRE II : ORGANISATION DU SENAT**

**Section première: Bureau du Sénat**

**Akiciro ka mbere: Itorwa n'irahira by'abagize Biro ya Sena**

**Ingingo ya 8: Itorwa n'irahira by'abagize Biro ya Sena**

**Akiciro ka 2: Inshingano za Biro ya Sena**

**Ingingo ya 9: Inshingano za Biro ya Sena**

**Ingingo ya 10: Ifatwa ry'ibyemezo by'inama za Biro**

**Ingingo ya 11: Igenzurwa ry'inyandiko y'umutungo**

**Ingingo ya 12 : Inshingano za Perezida wa Sena**

**Ingingo ya 13: Inshingano za Visi-Perezida ushinzwe gukurikirana iby'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma**

**Ingingo ya 14: Inshingano za Visi-Perezida ushinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'abakozi**

**Ingingo ya 15: Kuyobora inama y'Inteko Rusange**

**Ingingo ya 16: Imiyoborere y'inama y'Inteko Rusange iyo hasuzumwa ikibazo kireba umwe mu bagize Biro**

**Sub-section One: Election and taking oath of the Bureau of the Senate**

**Article 8: Election and taking oath of the Bureau of the Senate**

**Sub-section 2: Responsibilities of the Bureau of the Senate**

**Article 9: Responsibilities of the Bureau of the Senate**

**Article 10: Decision making during meetings of the Bureau**

**Article 11: Verification of declaration of assets**

**Article 12 : Responsibilities of the President of the Senate**

**Article 13: Responsibilities of the Vice President in charge of Legislative Affairs and oversight of Government Action**

**Article 14: Responsibilities of the Vice President in charge of activities related to Finance and Administration**

**Article 15: Presiding over the Plenary Sitting**

**Article 16: Presiding over the debates of the Plenary Sitting while dealing with issues relating personally to a member of the**

**Sous section première: Election et prestation de serment des membres du Bureau du Sénat**

**Article 8: Election et prestation de serment des membres du Bureau du Sénat**

**Sous-section 2 : Attributions du Bureau du Sénat**

**Article 9: Attributions du Bureau du Sénat**

**Article 10: Prise de decisions lors des réunions du Bureau**

**Article 11 : Vérification de déclaration du patrimoine**

**Article 12: Attributions du Président du Sénat**

**Article 13: Attributions du Vice-Président chargé des affaires législatives et du contrôle de l'action gouvernementale**

**Article 14: Attributions du Vice-Président chargé des activités relatives aux finances et à l'administration**

**Article 15: Présidence de la séance de l'Assemblée Plénière**

**Article 16: Direction des débats de la séance de l'Assemblée Plénière lorsqu'elle délibère sur une question qui concerne personnellement l'un des membres du**

**Akiciro ka 3: Isimburwa ry'abagize Biro ya Sena**

**Ingingo ya 17: Kwemeza ko abagize Biro ya Sena bava mu myanya**

**Ingingo ya 18: Gutumiza inama idasanzwe y'Inteko Rusange yo kwemeza ko umwe cyangwa bose mu bagize Biro bavuye mu myanya**

**Ingingo ya 19: Isimburwa ry'abagize Biro**

**Icyiciro cya 2: Inteko Rusange**

**Ingingo ya 20: Itangira n'isozwa ry'imirimo y'Inteko Rusange**

**Ingingo ya 21: Ibyicaro by'Abasenateri mu cyumba cy'Inteko Rusange**

**Ingingo ya 22: Aho Inama y'Inteko Rusange iteranira**

**Ingingo ya 23 : Gukurikirana inama z 'Inteko Rusange**

**Ingingo ya 24: Umubare wa ngombwa kugira ngo Inteko Rusange iterane n'isubikwa ryayo**

**Ingingo ya 25: Kumenyesha gahunda**

**Bureau**

**Sub-section 3: Replacement of members of the Bureau of the Senate**

**Article 17: Statement of vacation of office of members of the Bureau of the Senate**

**Article 18: Convening the extraordinary sitting of the Plenary Assembly to determine that the post of one or all members of the Bureau has fallen vacant**

**Article 19: Replacement of members of the Bureau**

**Section 2: The Plenary Sitting**

**Article 20: Commencement and closure of the Plenary Sitting business**

**Article 21: Senators' seats in the Plenary chamber**

**Article 22: Venue of the sitting of the Plenary Assembly**

**Article 23: Publicity of Plenary Sittings**

**Article 24: Quorum for the Plenary Sitting and its adjournment**

**Article 25: Announcement of the agenda of**

**Bureau**

**Sous-section 3: Remplacement des membres du Bureau du Sénat**

**Article 17 : Constatation de la cessation définitive des fonctions des membres du Bureau du Sénat**

**Article 18 : Convocation de la séance extraordinaire de l'Assemblée Plénière pour constater qu'un membre ou tous les membres du Bureau ont cessé leurs fonctions**

**Article 19 : Remplacement des membres du Bureau**

**Section 2: Assemblée Plénière**

**Article 20: Début et clôture des travaux des séances de l'Assemblée Plénière**

**Article 21: Sièges des Sénateurs dans l'Assemblée Plénière**

**Article 22: Lieu des séances de l'Assemblée Plénière**

**Article 23 : Publicité des séances de l'Assemblée Plénière**

**Article 24: Quorum pour la tenue de la séance de l'Assemblée Plénière et son ajournement**

**Article 25: Communication de l'ordre du**

| | | |
|---|---|---|
| **y'inama y'Inteko Rusange itaha** | **the next Plenary Sitting** | **jour de la prochaine séance de l'Assemblée Plénière** |
| **Ingingo ya 26: Inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo z'inama z'Inteko Rusange** | **Article 26: Minutes and verbatim reports of the Plenary Sitting** | **Article 26: Comptes-rendus et procès verbaux des séances de l'Assemblée Plénière** |
| **Ingingo ya 27: Gushyira umukono ku nyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo** | **Article 27: Signing of minutes and verbatim reports** | **Article 27: Signature des comptes-rendus et procès verbaux** |
| **Ingingo ya 28: Gusaba no gufata ijambo mu Nteko Rusange** | **Article 28: Requesting and taking the floor in the Plenary Sitting** | **Article 28: Demande et prise de parole dans la séance de l'Assemblée Plénière** |
| **Ingingo ya 29: Aho uhawe ijambo mu Nteko Rusange avugira** | **Article 29: Place where a Senator being given the floor in the Plenary Sitting stands** | **Article 29: Endroit où se tient l'orateur à la séance de l'Assemblée Plénière** |
| **Ingingo ya 30: Ibibujijwe mu nama y'Inteko Rusange** | **Article 30: Prohibitions in the Plenary Sitting** | **Article 30: Interdictions lors d'une séance plénière** |
| **Ingingo ya 31: Imyitwarire y'ufite ijambo mu nama y'Inteko Rusange** | **Article 31 : Behaviour of a Senator who is speaking in a Plenary Sitting** | **Article 31: Comportement de celui qui a la parole lors de la séance de l'Asssemblée Plénière** |
| **Ingingo ya 32: Gusaba mosiyo** | **Article 32: Moving a motion** | **Article 32: Demande d'une motion** |
| **Ingingo ya 33: Gusaba guhindura ibiri ku murongo w`ibyigwa** | **Article 33: Request to change the agenda** | **Article 33 : Demande de changement de l'ordre du jour** |
| **Ingingo ya 34: Ihagarikwa ry'impaka** | **Article 34: Closure of debates** | **Article 34: Clôture des débats** |
| **Icyiciro cya 3: Komisiyo na Komite** | **Section 3: Committees** | **Section 3 : Commissions et Comité** |
| **Akiciro ka mbere : Komisiyo zihoraho** | **Sub-Section One: Standing Committees** | **Sous-Section première : Commissions permanentes** |
| **Ingingo ya 35: Ishyirwaho rya Komisiyo zihoraho n'Abasenateri bazigize** | **Article 35: Establishment of Standing Committees and their composition** | **Article 35 : Création des Commissions permanentes et leur composition** |
| **Ingingo ya 36: Komisiyo zihoraho** | **Article 36: Standing Committees and their** | **Article 36 : Commissions permanentes et** |

**n'abazigize**

**Ingingo ya 37: Biro ya Komisiyo n' itorwa ryayo**

**Ingingo ya 38: Kuyobora Komisiyo**

**Ingingo ya 39: Manda y'abagize Biro ya Komisiyo n'uko basimburwa**

**Ingingo ya 40: Komisiyo zihoraho za Sena n'inshingano zazo**

**Ingingo ya 41: Ingengo y'imari ya Komisiyo**

**Akiciro ka 2: Komisiyo zidasanzwe**

**Ingingo ya 42: Ishyirwaho rya Komisiyo zidasanzwe**

**Ingingo ya 43: Abagize Komisiyo idasanzwe n'uko batorwa**

**Ingingo ya 44: Irangira ry'imirimo ya Komisiyo idasanzwe**

**Akiciro ka 3: Komite ishinzwe kugenzura imikorere ya Sena, imyitwarire, imyifatire n'ubudahungabanywa by'Abasenateri**

**Ingingo ya 45: Itorwa ry'abagize Komite**

**Ingingo ya 46: Inshingano za Komite**

**Ingingo ya 47: Iterana ry'inama ya Komite n'itumizwa ryayo**

**composition**

**Article 37: Standing Committee Bureau and its election**

**Article 38: Chairing the Committee**

**Article 39: Term of office for members of the Bureau and their replacement**

**Article 40: Standing Committees and their functions**

**Article 41: Budget of the Standing Committee**

**Sub-section 2: Ad hoc Committees**

**Article 42: Establishment of Ad hoc Committees**

**Article 43: Members of an ad hoc Committee and their election**

**Article 44: Termination of ad hoc committee mandate**

**Sub-section 3: The Committee in charge of Assessment of the Senate's Activities, Senators' Conduct and Immunity**

**Article 45: Election of Committee members**

**Article 46: Responsibilities of the Committee**

**Article 47: Meeting and convening of the Committee**

**leur composition**

**Article 37 : Bureau de la Commission permanente et son élection**

**Article 38 : Présidence de la Commission**

**Article 39 : Mandat des membres du Bureau et leur remplacement**

**Article 40 : Commissions permanentes et leurs attributions**

**Article 41: Budget de la Commission permanente**

**Sous-section 2: Commissions Spéciales**

**Article 42 : Constitution des Commissions Spéciales**

**Article 43 : Membres d'une Commission spéciale et leur élection**

**Article 44 : Fin de la mission d'une Commission spéciale**

**Sous-section 3: Comité chargé de l'évaluation des activités du Sénat, de la discipline, du comportement et de l'immunité des Sénateurs**

**Article 45: Election des membres du Comité**

**Article 46 : Attributions du Comité**

**Article 47 : Réunion et convocation du Comité**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 48: Ibikurikizwa mu mirimo ya Komite** | **Article 48: Proceedings of the Committee** | **Article 48: Exercice des fonctions du Comité** |
| **Ingingo ya 49: Kuba muri Komite no kuba muri Komisiyo ihoraho** | **Article 49: Membership of the Committee and Standing Committee** | **Article 49: Etre membre du Comité et membre de la Commission permanente** |
| **Akiciro ka 4 : Ingingo zihuriweho na Komisiyo zose** | **Sub-section 4: Common Provisions to all Committees** | **Sous-section 4: Dispositions communes à toutes les Commissions** |
| **Ingingo ya 50: Itumizwa ry'inama za Komisiyo** | **Article 50: Convening of Committee meetings** | **Article 50 : Convocation des réunions d'une Commission** |
| **Ingingo ya 51: Aho inama za Komisiyo ziteranira** | **Article 51: Venue for Committee meetings** | **Article 51 : Lieu de tenue des réunions d'une Commission** |
| **Ingingo ya 52: Igihe imirimo muri Komisiyo itangira n'igihe irangirira** | **Article 52: Commencement and end of Committee proceedings** | **Article 52: Début et cloture des travaux d'une Commission** |
| **Ingingo ya 53: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane** | **Article 53: Quorum required for holding the Committee meeting** | **Article 53 : Quorom requis pour la tenue de la réunion d'une Commission** |
| **Ingingo ya 54: Gukurikirana imirimo y'inama ya Komisiyo** | **Article 54: Attending Committee meetings** | **Article 54: Assister aux réunions d'une Commission** |
| **Ingingo ya 55: Kohereza Komisiyo ubugororangingo** | **Article 55: Submitting amendments to the Committee** | **Article 55: Transmission d'un amendement à la Commission** |
| **Ingingo ya 56: Guhamagara umuntu wo gutanga ibisobanuro muri Komisiyo** | **Article 56: Calling upon a person to provide explanations in a Committee proceedings** | **Article 56 : Faire appel à une personne pour donner des explications lors des travaux de la Commission** |
| **Ingingo ya 57: Amatsinda y'Abasenateri bagize Komisiyo** | **Article 57: Sub Committees of Senators members of the Committee** | **Article 57: Sous Commissions des Sénateurs membres de la Commission** |
| **Ingingo ya 58: Raporo ya Komisiyo** | **Article 58: Committee report** | **Article 58 : Rapport d'une Commission** |

| | | |
|---|---|---|
| **Icyiciro cya 4 : Inama y'Abaperezida** | **Section 4: The Conference of Chairpersons** | **Section 4: Conférence des Présidents** |
| **Ingingo ya 59: Abagize Inama y'Abaperezida n'umubare wa ngombwa kugira ngo iterane** | **Article 59: Composition of the Conference of Chairpersons and quorum for its meetings** | **Article 59 : Composition de la Conférence des Présidents et son quorum** |
| **Ingingo ya 60: Inshingano z'Inama y'Abaperezida** | **Article 60: Responsibilities of the Conference of Chairpersons** | **Article 60 : Attributions de la Conférence des Présidents** |
| **Ingingo ya 61: Iterana ry'Inama y'Abaperezida** | **Article 61: Meeting of the Conference of Chairpersons** | **Article 61 : Réunion de la Conférence des Présidents** |
| **Icyiciro cya 5: Inzego z'imirimo n'ingengo y'imari bya Sena** | **Section 5: The Senate Administration and budget** | **Section 5: Administration et du budget du Sénat** |
| **Ingingo ya 62: Inzego z'imirimo za Sena** | **Article 62 : Administrative organs of the Senate** | **Article 62: Services administratifs du Sénat** |
| **Ingingo ya 63: Ishyirwaho ry'inzego z'imirimo za Sena** | **Article 63: Establishment of the Senate's administrative organs** | **Article 63: Mise en place des services administratifs du Sénat** |
| **Ingingo ya 64: Ishyirwaho ry'Umunyamabanga Mukuru n'Umunyamabanga Mukuru Wungirije ba Sena** | **Article 64: Appointment of the Clerk and Deputy Clerk of the Senate** | **Article 64: Nomination du Secrétaire Général et du Secrétaire Général Adjoint du Sénat** |
| **Ingingo ya 65: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru wa Sena** | **Article 65: Responsibilities of the Clerk of the Senate** | **Article 65: Attributions du Secrétaire Général du Sénat** |
| **Ingingo ya 66: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru Wungirije wa Sena** | **Article 66: Responsibilities of the Deputy Clerk to the Senate** | **Article 66: Attributions du Secrétaire Général Adjoint du Sénat** |
| **Ingingo ya 67: Ingengo y'Imari ya Sena** | **Article 67: Budget of the Senate** | **Article 67: Budget du Sénat** |
| **Ingingo ya 68: Igenzurwa ry'imikoreshereze y'ingengo y'imari ya Sena** | **Article 68: Audit of the budget of the Senate** | **Article 68: Audit du budget du Sénat** |

| | | |
|---|---|---|
| **Icyiciro cya 6: Amahuriro y'Abasenateri** | **Section 6: Senators' networks or forums on special issues** | **Section 6: Réseaux ou forums des Sénateurs** |
| **Ingingo ya 69: Amahuriro y'Abasenateri ku bibazo byihariye** | **Article 69: Senators' networks and forums on special issues** | **Article 69: Réseaux et forums des Sénateurs sur les problèmes spécifiques** |
| **Ingingo ya 70: Gusaba no kwemera ishyirwaho ry'ihuriro ry'Abasenateri** | **Article 70: Request for and approval of establishment of Senators' network or forum** | **Article 70: Demande et approbation de la constitution d'un réseau ou forum de Sénateurs** |
| **Ingingo ya 71: Amategeko agenga amahuriro y'Abasenateri** | **Article 71: Statutes of Senators' networks or forums** | **Article 71: Statuts des réseaux ou forums** |
| **Ingingo ya 72: Gahunda na raporo y'ibikorwa by'amahuriro y'Abasenateri** | **Article 72: Plan of actions and activity report of Senators' networks or forums** | **Article 72: Plan d'actions et rapport d'activités des réseaux ou forums des Sénateurs** |
| **Ingingo ya 73: Raporo y'umutungo w'amahuriro y'Abasenateri n'imikoreshereze yawo** | **Article 73: Financial report of networks and forums of Senators and use of their assets** | **Article 73: Rapport financier des réseaux et forums des Sénateurs et utilisation de leur patrimoine** |
| **Ingingo ya 74: Gukurikirana imikorere y'amahuriro y'Abasenateri** | **Article 74: Follow up on activities of networks and forums of Senators** | **Article 74: Suivi des activités des réseaux et forums des Sénateurs** |
| **UMUTWE WA III: IMIKORERE YA SENA** | **CHAPTER III: FUNCTIONING OF THE SENATE** | **CHAPITRE III : FONCTIONNEMENT DU SENAT** |
| **Icyiciro cya mbere: Ibihembwe** | **Section One: Sessions** | **Section première: Sessions** |
| **Akiciro ka mbere: Ibihembwe bisanzwe** | **Sub-section One: Ordinary Sessions** | **Sous-section Première : Sessions Ordinaires.** |
| **Ingingo ya 75: Ibihembwe bisanzwe bya Sena** | **Article 75: Ordinary Sessions of the senate** | **Article 75: Sessions ordinaires du Sénat** |
| **Ingingo ya 76: Inama ya mbere y'igihembwe gisanzwe** | **Article 76: First Plenary Sitting of an ordinary session** | **Article 76: Première séance d'une session ordinaire** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 77: Itumizwa ry'igihembwe gisanzwe** | **Article 77: Convening of an ordinary session** | **Article 77 : Convocation d'une session ordinaire** |
| **Akiciro ka 2 : Ibihembwe bidasanzwe** | **Sub-section 2: Extraordinary sessions** | **Sous-section 2 : Sessions extraordinaires** |
| **Ingingo ya 78: Itumizwa ry'igihembwe kidasanzwe** | **Article 78: Convening of an extraordinary session** | **Article 78: Convocation d'une session extraordinaire** |
| **Ingingo ya 79: Uburyo bukoreshwa mu gutumiza igihembwe kidasanzwe n'ibikubiye mu nyandiko itumira** | **Article 79: Procedure to convene an extraordinary session and content of an invitation letter** | **Article 79 : Procédure de convocation de session extraordinaire et contenu de la lettre d'invitation** |
| **Icyiciro cya 2: Gufata ibyemezo no gucisha mu majwi** | **Section 2: Decision making and voting** | **Section 2: Prise de décisions et du vote** |
| **Ingingo ya 80: Uko ibyemezo bifatwa** | **Article 80: Decision making** | **Article 80: Prise de décisions** |
| **Ingingo ya 81: Gucisha mu majwi** | **Article 81: Voting** | **Article 81: Vote** |
| **Ingingo ya 82: Impamvu zo kwifata** | **Article 82: Justification of abstention** | **Article 82 : Motifs d'abstention** |
| **Ingingo ya 83: Isubirwamo ry'amatora** | **Article 83: Repeating of the voting** | **Article 83: Reprise du vote** |
| **Ingingo ya 84: Gucisha mu majwi hakoreshejwe uburyo bwo kwandika mu ibanga** | **Article 84: Vote by secret ballot** | **Article 84: Vote par scrutin secret** |
| **Ingingo ya 85: Gucagagura impapuro zatoreweho** | **Article 85: Destruction of used ballots** | **Article 85: Destruction des bulletins de vote** |
| **Ingingo ya 86: Uko ibindi byemezo bya Sena bifatwa** | **Article 86: Other decisions of the Senate** | **Article 86: Prise d'autres décisions du Sénat** |
| **Ingingo ya 87: Kwemeza abayobozi** | **Article 87: Approval of appointments** | **Article 87: Approbation des nominations** |
| **UMUTWE WA IV : IBYEREKEYE IMYITWARIRE Y'ABASENATERI** | **CHAPTER IV: CONDUCT OF SENATORS** | **CHAPITRE IV : COMPORTEMENT DES SENATEURS** |

| | | |
|---|---|---|
| **Icyiciro cya mbere: Imyitwarire rusange y'Abasenateri** | **Section One: Conduct of Senators in general** | **Section Première : Comportement général des Sénateurs** |
| **Ingingo ya 88: Imyitwarire y'Umusenateri** | **Article 88: Conduct of a Senator** | **Article 88: Comportement d'un Sénateur** |
| **Ingingo ya 89: Kuregera icyemezo cya Sena cyo kwirukana Umusenateri muri Sena** | **Article 89: Appeal against a decision of the Senate relating to the exclusion of a Senator** | **Article 89: Recours contre la décision du Sénat relative à l'exclusion d'un Sénateur** |
| **Ingingo ya 90: Kwirukana Umusenateri muri Sena wakatiwe igihano ku buryo budasubirwaho n'urukiko kubera icyaha cy'ubugome** | **Article 90: Exclusion of a Senator definitively sentenced for a crime** | **Article 90: Déchéance d'un Sénateur définitivement condamné pour avoir commis un crime** |
| **Ingingo ya 91: Ibyemezo bifatirwa Umusenateri bitewe n'ikosa yakoreye mu nama z'Inteko Rusange** | **Article 91: Measures taken against a Senator due to misconduct in Plenary Sittings** | **Article 91 : Mesures prises contre un Sénateur suite à une faute commise pendant les séances de l'Assemblée Plenière** |
| **Ingingo ya 92: Umusenateri ubuza ituze mu Nteko Rusange** | **Article 92: A Senator who disturbs the proceedings of the Plenary Assembly** | **Article 92 : Sénateur qui trouble l'ordre public en séance de l'Assemblée Plénière** |
| **Ingingo ya 93: Guhezwa k'Umusenateri mu Nteko Rusange** | **Article 93: Exclusion of a Senator from the proceedings of the Plenary Assembly** | **Article 93 : L'exclusion d'un Sénateur de la séance de l'Assemblée Plénière** |
| **Ingingo ya 94: Uko bigenda iyo Umusenateri wahejwe mu Nteko Rusange yanze kuva mu mwanya wagenewe Abasenateri** | **Article 94: Procedure when a Senator expelled from the Plenary Sitting refuses to leave the Senators' area** | **Article 94 : Procédure à suivre lorsqu'un Sénateur exclu de la séance de l'Assemblée Plénière refuse de quitter la place réservée aux Sénateurs** |
| **Ingingo ya 95: Imbabazi ku Musenateri wahejwe** | **Article 95: Apology from a Senator expelled** | **Article 95 : Excuses d'un Sénateur exclu** |
| **Ingingo ya 96: Gukuraho uguhezwa k'Umusenateri mu nama z'Inteko Rusange** | **Article 96: Removal of expulsion of a Senator from Plenary Sittings** | **Article 96 : Levée des mesures d'exclusion d'un Sénateur des séances de l'assemblée Plénières** |
| **Ingingo ya 97: Ituze mu Nteko Rusange** | **Article 97: Order in the Plenary Sitting** | **Article 97: Ordre public en séance de l'Assemblée Plénière** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 98: Uko bigenda iyo Umusenateri asibye inama z'Inteko Rusange cyangwa iza Komisiyo atarabimenyesheje** | **Article 98: Procedure when a Senator is absent from plenary or Committee sittings without prior notification** | **Article 98: Procédure à suivre lorsqu'un Sénateur s'absente des séances de l'assemblée plénières ou des réunions des commissions** |
| **Icyiciro cya 2: Imirimo itabangikanywa n'Ubusenateri** | **Section 2: Incompatibilities with the Senator's office** | **Section 2: Incompatibilités aux fonctions de Sénateur** |
| **Ingingo ya 99: Imirimo itabangikanywa n'iy'Ubusenateri** | **Article 99: Incompatibilities with the Senator's office** | **Article 99: Incompatibilité avec la fonction de Sénateur** |
| **Ingingo ya 100: Ubwigenge n'ukutabogama k'Umusenateri mu nshingano yo kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma** | **Article 100: Independence and impartiality of a Senator in the exercise of the mission of executive oversight** | **Article 100: Indépendance et impartialité d'un Sénateur dans l'exercice de la mission de contrôle de l'action gouvernementale** |
| **Ingingo ya 101: Gutorwa cyangwa gushyirwa muri Sena ku muntu uri mu mirimo itabangikanywa n'iy'Ubusenateri** | **Article 101: Election or appointment of a person holding incompatible functions with the Senator's office** | **Article 101: Election ou désignation d'une personne qui occupe les fonctions incompatibles avec la fonction de Sénateur** |
| **Ingingo ya 102: Ukwifata k'Umusenateri ufite inyungu bwite mu kibazo gisuzumwa** | **Article 102: Refraining from debates for a Senator personally concerned by an issue under consideration** | **Article 102: Abstention d'un Sénateur lors de l'examen d'un sujet l'intéressant personnellement** |
| **Icyiciro cya 3: Ukudahungabanywa k'Umusenateri** | **Section 3: Immunity of Senator** | **Section 3: Immunité d'un Sénateur** |
| **Ingingo ya 103: Ubudahungabanywa bw'Umusenateri** | **Article 103: Immunity of a Senator** | **Article 103: Immunité d'un Sénateur** |
| **Ingingo ya 104: Urukiko ruburanisha Perezida wa Sena mu manza z'inshinjabyaha** | **Article 104: Court trying the President of the Senate in penal proceedings** | **Article 104: Cour qui juge le Président du Sénat en matière pénale** |
| **Icyiciro cya 4: Ubutumwa bw'Abasenateri** | **Section 4: Senators official missions** | **Section 4: Missions officielles des Sénateurs** |

**Ingingo ya 105: Ubutumwa bw'Abasenateri imbere mu gihugu no mu mahanga**

**Ingingo ya 106: Uko Umusenateri asura abaturage**

**Ingingo ya 107: Kwitabira inama z'Inama Njyanama z'imidugudu kw'Abasenateri**

**Ingingo ya 108: Impapuro zihabwa Umusenateri ugiye mu butumwa**

**Ingingo ya 109: Igenwa ry'ibigenerwa Umusenateri ugiye mu butumwa**

**Ingingo ya 110: Itangwa rya raporo y'Umusenateri wagiye mu butumwa**

**Ingingo ya 111: Ibigenerwa ushinzwe umutekano ujyanye n'Umusenateri mu butumwa**

**UMUTWE WA V: IBYEREKEYE UKUTAVOGERWA KW'INGORO YA SENA**

**Ingingo ya 112: Ukutavogerwa kw'imyanya yagenewe Abasenateri**

**Ingingo ya 113: Kutavogerwa kw'Ingoro ya Sena**

**Ingingo ya 114: Kutavogerwa kw'Icyumba cy'Inteko Rusange**

**Article 105: Official missions of Senators within the country and abroad**

**Article 106: Senator's visit to the Population**

**Article 107: Participation of Senators in meetings of the Village Council**

**Article 108: Travel clearance for a Senator on official mission**

**Article 109: Determining allowances allocated to a Senator on official mission**

**Article 110: Submission of official mission report**

**Article 111: Allowances for a security officer assigned to escort a Senator on official mission**

**CHAPTER V: THE INVIOLABILITY OF THE SENATE BUILDING**

**Article 112: Inviolability of the area reserved for Senators**

**Article 113: Inviolability of the building of the Senate**

**Article 114: Inviolability of the Plenary Chamber**

**Article 105: Missions officielles des Sénateurs à l'intérieur et à l'extérieur du pays**

**Article 106: Visite d'un Sénateur à la population**

**Article 107: Participation d'un Sénateur aux réunions du Conseil de Village**

**Article 108: Documents de mission officielle d'un Sénateur**

**Article 109: Allocations d'un Sénateur en mission officielle**

**Article 110: Transmission du rapport de mission officielle**

**Article 111: Frais de mission d'un agent de sécurité accompagnant un Sénateur en mission officielle**

**CHAPITRE V: INVIOLABILITE DU PALAIS DU SENAT**

**Article 112: Inviolabilité de l'espace réservé aux Sénateurs**

**Article 113 : Inviolabilité du Palais du Sénat**

**Article 114: Inviolabilité de la Salle Plénière du Sénat**

**Ingingo ya 115: Imyitwarire y'abaturage bakurikirana imirimo y'Inteko Rusange n'uko bamenyeshwa amajwi n'amashusho byafashwe bijyanye n'imirimo y' Abasenateri**

**Ingingo ya 116: Ibyemezo bifatirwa umuntu utari Umusenateri ubuza umutekano mu Nteko Rusange**

**Ingingo ya 117: Kumenyesha rubanda ingingo z'iri tegeko ngenga zirebana n'ukutavogerwa kw'aho Sena ikorera**

**INTERURO YA II: UBURYO BWO KWEMEZA AMATEGEKO**

**UMUTWE WA MBERE: IYAKIRWA RY'IMISHINGA Y'AMATEGEKO**

**Ingingo ya 118: Gushyikiriza Abasenateri imishinga y'amategeko yoherejwe n'Umutwe w'Abadepite**

**Ingingo ya 119: Kwemeza ishingiro ry'umushinga w'itegeko**

**UMUTWE WA II: KWIGA IMISHINGA Y'AMATEGEKO MURI KOMISIYO**

**Ingingo ya 120: Isuzumwa ry'umushinga w'itegeko muri Komisiyo**

**Article 115: Conduct of people attending the Plenary Sittings and how audio-visual recordings of the Senate are transmitted to them**

**Article 116: Measures taken against a person other than a Senator who disrupts the proceedings of the Plenary Sitting**

**Article 117: Display of provisions of this Organic Law concerning the inviolability of the Senate premises**

**TITLE II: PROCEDURES FOR PASSING BILLS**

**CHAPTER ONE: RECEIVING BILLS**

**Article 118: Submission of bills adopted by the Chamber of Deputies to Senators**

**Article 119: Adoption of the relevance of a bill**

**CHAPTER II: CONSIDERATION OF BILLS BY COMMITTEES**

**Article 120: Consideration of a bill in the Committee**

**Article 115: Comportement des personnes assistant aux séances plénières et diffusion des enregistrements audio-visuels**

**Article 116: Mesures prises pour une personne qui n'est pas Sénateur et qui trouble l'ordre de la séance de l'Assemblée Plénière**

**Article 117 : Porter à la connaissance du public les dispositions de la présente loi organique relatives à l'inviolabilité du Sénat**

**TITRE II: PROCEDURES D'ADOPTION DES LOIS**

**CHAPITRE PREMIER : RECEPTION DES PROJETS ET DES PROPOSITIONS DE LOI**

**Article 118 : Transmission aux Sénateurs des projets et propositions de loi adoptés par la Chambre des Députés**

**Article 119: Adoption de l'opportunité d'une proposition ou d'un projet de loi**

**CHAPITRE II : EXAMEN DES PROJETS ET DES PROPOSITIONS DE LOI EN COMMISSION**

**Article 120: Examen des projets ou propositions de loi en commission**

**Ingingo ya 121: Gutumiza uhagarariye Guverinoma cyangwa umuntu uwo ari we wese gutanga ibisobanuro ku mushinga w'itegeko**

**UMUTWE WA III : KWIGA IMISHINGA Y'AMATEGEKO MU NTEKO RUSANGE**

**Ingingo ya 122: Ubwoko bw'impaka zigibwa ku mishinga y'amategeko mu Nteko Rusange**

**Ingingo ya 123: Impaka kuri raporo ya Komisiyo yize umushinga**

**Ingingo ya 124: Impaka ku bugororangingo cyangwa ubugororangingo bw'ingoboka butemewe na Komisiyo**

**Ingingo ya 125: Gusaba gusubirana ingingo y'umushinga w'itegeko**

**Ingingo ya 126: Kumenyesha Umutwe w'Abadepite ibijyanye n'itorwa ry'umushinga w'itegeko**

**Ingingo ya 127: Kugenzura ko itegeko ryemejwe ryohererezwa Umutwe w'Abadepite rihuye n'inyandikomvugo, ko itegeko ryasohotse mu Igazeti ya Leta rihuye n'iryatowe n'Inteko Rusange**

**Article 121: Inviting a Government representative or any other person to provide explanations related to a bill**

**CHAPTER III: CONSIDERING BILLS IN THE PLENARY SITTING**

**Article 122: Types of debates when considering a bill or private member's bill in the Plenary Sitting**

**Article 123: Debates on the report of the Committee that considered the bill or private member's bill**

**Article 124: Debates on amendments and sub-amendments rejected by the Committee**

**Article 125: Request to re-consider a provision of the bill**

**Article 126: Informing the Chamber of Deputies of the adoption of a bill or private member's bill**

**Article 127: Certifying that an adopted bill to be sent to the Chamber of Deputies corresponds to the the verbatim transcripts and that the law published in the Official Gazette corresponds to the law passed by the Plenary Assembly**

**Article 121 : Inviter un représentant du Gouvernement ou toute autre personne à donner des explications relatives à un projet ou à une proposition de loi**

**CHAPITRE III : EXAMEN DES PROJETS ET PROPOSITIONS DE LOI EN SEANCE DE L'ASSEMBLEE PLENIERE**

**Article 122 : Débats lors de l'examen d'un projet ou proposition de loi en séance de l'Assemblée Plénière**

**Article 123 : Débats sur le rapport de la Commission qui a examiné le projet ou la proposition de loi**

**Article 124 : Débats sur les amendements ou les sous-amendements rejetés par la Commission**

**Article 125 : Demande de réexamen en commission d'un article de projet ou proposition de loi**

**Article 126 : Informer la Chambre des Députés du vote d'un projet ou proposition de loi**

**Article 127 : Certification que la loi à transmettre à la Chambre des Députés est conforme au procès-verbal et que le texte de loi publié au Journal Officiel est conforme au texte de loi qui a été adopté par l'Assemblée Plénière**

**Ingingo ya 128: Ivugururwa ry'Itegeko Nshinga ritangijwe na Sena**

**UMUTWE WA IV : IMIGENDEKERE Y'IMPAKA MU GIHE BYIHUTIRWA**

**Ingingo ya 129: Guhindura ibiri ku murongo w'ibyigwa, ibijyanye no guhindura inyandiko mu rundi rurimi cyangwa ibyo kubahiriza igihe**

**Ingingo ya 130: Gushyikiriza Komisiyo umushinga w'itegeko wihutirwa n'igihe kigenerwa ufata ijambo mu gihe byihutirwa**

**Ingingo ya 131: Gusaba ko umushinga utorerwa utanyuze muri Komisiyo**

**INTERURO YA III: IMIGENDEKERE Y'IMPAKA KU BYEREKEYE KUMENYA NO KUGENZURA IBIKORWA BYA GUVERINOMA**

**Ingingo ya 132: Igikorwa cyo kumenya no kugenzura ibikorwa bya guverinoma n'imigendekere y'impaka**

**Ingingo ya 133: Uburyo bwo kumenya no kugenzura imikorere ya Guverinoma**

**Ingingo ya 134: Kugeza ku Nteko Ishinga ibikorwa bya Guverinoma**

**INTERURO YA IV : KUREGA IMITWE YA POLITIKI**

**Article 128: Amendment of the Constitution initiated by the Senate**

**CHAPTER IV: DEBATES IN URGENT CIRCUMSTANCES**

**Article 129: Changing of the agenda, translation or time schedule**

**Article 130: Submission of an urgent bill to the Committee and time limit of speech during urgent consideration**

**Article 131: Request that the bill be put directly to vote without being considered by a Committee**

**TITLE III: CONDUCT OF DEBATES DURING OVERSIGHT OF GOVERNMENT ACTION**

**Article 132: Oversight of Government action and conduct of debates**

**Article 133: Means of oversight of government action**

**Article 134: Informing Parliament of Government activities**

**TITLE IV: LODGING A PLAINT AGAINST POLITICAL ORGANIZATIONS**

**Article 128: Révision de la Constitution initiée par le Sénat**

**CHAPITRE IV : PROCEDURE D'URGENCE**

**Article 129 : Changement de l'ordre du jour, traduction et respect des délais**

**Article 130 : Transmission d'un projet ou proposition de loi urgent à la Commission et durée de parole en cas d'urgence**

**Article 131 : Demander qu'un projet ou proposition de loi soit soumis directement au vote sans passer par une Commission**

**TITRE III: DEBATS LORS DU CONTROLE DE L'ACTION GOUVERNEMENTALE**

**Article 132: Contrôle de l'action gouvernementale et déroulement des débats**

**Article 133: Moyens d'information et de contrôle de l'action gouvernementale**

**Article 134: Informer le Parlement de l'action du Gouvernement**

**TITRE IV : ACTION EN JUSTICE CONTRE LES FORMATIONS POLITIQUES**

**Ingingo ya 135: Kurega imitwe ya politiki**

**INTERURO YA V : INGINGO SENA IHURIYEHO N'UMUTWE W'ABADEPITE**

**Ingingo ya 136: Itumizwa ry'Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi mu gihembwe kidasanzwe**

**Ingingo ya 137: Gutanga ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta**

**Ingingo ya 138: Gusuzuma umushinga w'itegeko watowe n'Umutwe w'Abadepite**

**Ingingo ya 139: Komisiyo ihuriweho nImitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko**

**Ingingo ya 140: Gutangaza itegeko**

**Ingingo ya 141: Amahuriro ahuriyemo Abasenateri n'Abadepite**

**Ingingo ya 142: Raporo zigezwa ku Nteko Ishinga Amategeko ziteganywa n'Itegeko Nshinga**

**Ingingo ya 143: Ifatwa ry'ibyemezo igihe Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko yateraniye hamwe**

**Ingingo ya 144: Imikoranire y'Imitwe yombi igize Inteko Ishinga Amategeko**

**Article 135: Lodging a plaint against a political organisation**

**TITLE V: COMMON PROVISIONS TO THE SENATE AND THE CHAMBER OF DEPUTIES**

**Article 136: Convening both Chambers of Parliament in an extraordinary session**

**Article 137: Providing opinion on the State finance bill**

**Article 138: Consideration of a bill adopted by the Chamber of Deputies**

**Article 139: Joint Committee of both Chambers of Parliament**

**Article 140: Promulgation of a law**

**Article 141: Networks bringing together Senators and Deputies**

**Article 142: Reports submitted to Parliament as provided for by the Constitution**

**Article 143: Making resolutions during a joint Plenary Sitting of both Chambers of Parliament**

**Article 144: Working relations between both Chambers of Parliament**

**Article 135: Action en justice contre les formations politiques**

**TITRE V: DISPOSITIONS COMMUNES AU SENAT ET A LA CHAMBRE DES DEPUTES**

**Article 136: Convocation du Parlement, les deux Chambres réunies en session extraordinaire**

**Article 137: Avis du Sénat sur le projet de loi des finances de l'Etat**

**Article 138: Examen d'un projet ou proposition de loi adopté par la Chambre des Députés**

**Article 139: Commission Paritaire des deux Chambres du Parlement**

**Article 140: Promulgation d'une loi**

**Article 141: Réseaux regroupant ensemble les Sénateurs et les Députés**

**Article 142: Rapports transmis au Parlement tel que prévu par la Constitution**

**Article 143: Prise de décision dans une séance conjointe des Chambres du Parlement**

**Article 144: Rapports entre les deux Chambres du Parlement**

**INTERURO YA VI: IMIKORANIRE YA SENA N'INTEKO ZISHINGA AMATEGEKO U RWANDA RURIMO**

**Ingingo ya 145: Isuzuma ry'inyandiko zivuye mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba**

**Ingingo ya 146: Isuzuma ry'inyandiko zivuye mu Nteko Zishinga Amategeko z'imiryango u Rwanda rurimo**

**INTERURO YA VII: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 147: Isubiramo rya kabiri**

**Ingingo ya 148: Gahunda y'icyumweru y'imirimo y'Inteko Rusange**

**Ingingo ya 149: Itangwa rya raporo y'ibikorwa bya Sena by'igihembwe giheruka**

**Ingingo ya 150: Iyemezwa ry'umushinga w'ingengo y'imari ya Sena**

**Ingingo ya 151: Ururumi rukoreshwa n'Abasenateri iyo batanga ibitekerezo**

**Ingingo ya 152: Uburyo bwo gukemura ikibazo iyo bitateganyijwe n'iri tegeko ngenga**

**Ingingo ya 153: Umushinga wo guhindura iri tegeko ngenga**

**TITLE VI: RELATIONSHIP BETWEEN THE SENATE AND PARLIAMENTS IN WHICH RWANDA HAS MEMBERSHIP**

**Article 145: Consideration of documents from the East African Legislative Assembly**

**Article 146: Consideration of documents from Parliaments of organisations in which Rwanda has membership**

**TITLE VII: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**

**Article 147: Reconsidering the adopted organic or ordinary laws**

**Article 148: Weekly agenda of the Plenary Assembly**

**Article 149: Submission of the Senate activity report of the previous session**

**Article 150: Adoption of the draft budget of Parliament**

**Article 151: Language used by Senators to express their opinion**

**Article 152: Addressing matters that are not provided for by this Organic Law**

**Article 153: Proposal for amendment of this Organic Law**

**TITRE VI: COLLABORATION ENTRE LE SENAT ET LES PARLEMENTS DONT LE RWANDA EST MEMBRE**

**Article 145: Examen des documents provenant de l'Assemblée Législative de l'Afrique de l'Est**

**Article 146: Examen des documents provenant des Parlements des organisations dont le Rwanda est membre**

**TITRE VII: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**

**Article 147: Deuxième lecture des lois organiques et des lois ordinaires**

**Article 148: Programme des travaux hebdomadaires de l'Assemblée Plénière**

**Article 149: Transmission du rapport d'activités du Sénat de la session précédente**

**Article 150: Adoption du projet de budget du Parlement**

**Article 151: Langue utilisée par les Sénateurs au cours de leurs interventions orales ou écrites**

**Article 152: Résolution de question non prévue par la présente loi organique**

**Article 153: Projet de modification de la présente loi organique**

**Ingingo ya 154: Itangira ry'imirimo ya Sena**

**Ingingo ya 155: Gukurikiza ibisabwa mu bijyanye n'imirimo itabangikanywa n'iy'Ubusenateri**

**Ingingo ya 156: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko ngenga**

**Ingingo ya 157: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga**

**Ingingo ya 158: Igihe itegeko ngenga ritangira gukurikizwa**

**Article 154: Commencement of the Senate business**

**Article 155: Compliance with provisions relating to the incompatibilities with the Senator's office**

**Article 156: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law**

**Article 157: Repealing provision**

**Article 158: Commencement**

**Article 154: Début des travaux du Sénat**

**Article 155: Conformité aux dispositions relatives à l'incompatibilité avec la fonction de Sénateur**

**Article 156: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique**

**Article 157: Disposition abrogatoire**

**Article 158 : Entrée en vigueur**

**ITEGEKO NGENGA N°08/2012/OL RYO KUWA 02/11/2012 RIGENA IMIKORERE YA SENA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**SENA YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Sena, mu nama yayo yo ku wa 06 Kanama 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 55, iya 61, iya 62, iya 65, iya 66, iya 67, iya 69, iya 71, iya 72, iya 73, iya 74, iya 79, iya 82, iya 83, iya 84, iya 85, iya 86, iya 87, iya 88, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 134; iya 182 n'iya 201;

Isubiye ku Itegeko Ngenga n° 02/2005 ryo kuwa 18/02/2005 rigena imikorere ya Sena nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ;

**YEMEJE :**

**ORGANIC LAW N°08/2012/OL OF 02/11/2012 ESTABLISHING INTERNAL RULES OF THE SENATE**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE SENATE HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

The Senate, in its session of 06 August 2012;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 55, 61, 62, 65, 66, 67, 69, 71, 72, 73, 74, 79, 82, 83, 84, 85, 86, 87, 88, 93, 94, 95, 108, 134, 182 and 201;

Having reviewed Organic Law n° 02/2005 of 18/02/2005 establishing rules of procedure of the Senate as modified and complemented to date;

**ADOPTS:**

**LOI ORGANIQUE N°08/2012/OL DU 02/11/2012 PORTANT REGLEMENT D'ORDRE INTERIEUR DU SENAT**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE SENAT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

Le Sénat, en sa séance du 06 août 2012;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 55, 61, 62, 65, 66, 67, 69, 71, 72, 73, 74, 79, 82, 83, 84, 85, 86, 87, 88, 93, 94, 95, 108, 134, 182 et 201;

Revu la Loi Organique n° 02/2005 du 18/02/2005 portant règlement d'ordre intérieur du Sénat telle que modifiée et complétée à ce jour ;

**ADOPTE :**

**INTERURO YA MBERE: IMITERERE N'IMIKORERE BYA SENA**

**UMUTWE WA MBERE: ISHYIRWAHO, IRAHIRA N'ISIMBURWA RY'ABASENATERI**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko ngenga rigamije**

Iri tegeko ngenga rigena imikorere ya Sena.

**Ingingo ya 2: Abasenateri, uko batorwa cyangwa bagenwa n'irahira ryabo**

Abasenateri batorwa cyangwa bagenwa hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko Nshinga cyane cyane mu ngingo zaryo iya 82, iya 83, iya 84, iya 85 n'iya 86.

Mbere yo gutangira imirimo, Abasenateri barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika indahiro iteganywa mu ngingo ya 61 y'Itegeko Nshinga, ataboneka bakarahirira imbere ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

**Ingingo ya 3: Inyandiko igaragaza umutungo**

Abasenateri bashyikiriza Urwego rw'Umuvunyi inyandiko igaragaza imitungo yabo nyakuri, mu gihe cy'ukwezi nyuma y'uko batangiye imirimo, buri mwaka, n'igihe bavuye mu mirimo.

**TITLE ONE: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF THE SENATE**

**CHAPTER ONE: APPOINTMENT, TAKING OATH AND REPLACEMENT OF SENATORS**

**Article One: Purpose of this Organic Law**

This Organic Law establishes internal rules of the Senate.

**Article 2: Senators, modalities of their election or nomination and taking oath**

Senators shall be elected or nominated in accordance with the Constitution especially in Articles 82, 83, 84, 85 and 86.

Before taking office, Senators shall take oath as provided for by Article 61 of the Constitution before the President of the Republic, and in case of his/her absence, before the President of the Supreme Court.

**Article 3: Declaration of assets**

Senators shall submit to the Ombudsman their faithful declaration of assets not later than One month after taking office, annually and at the end of their term of office.

**TITRE PREMIER: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU SENAT**

**CHAPITRE PREMIER: DESIGNATION, PRESTATION DE SERMENT ET REMPLACEMENT DES SENATEURS**

**Article premier : Objet de la présente loi organique**

La présente loi organique porte règlement d'ordre intérieur du Sénat.

**Article 2: Sénateurs, modalités de leur élection ou désignation et prestation de serment**

Les Sénateurs sont élus ou désignés conformément aux dispositions de la Constitution, spécialement en ses articles 82, 83, 84, 85 et 86.

Avant d'entrer en fonction, les Sénateurs prêtent le serment prévu par l'article 61 de la Constitution devant le Président de la République, et en son absence, devant le Président de la Cour Suprême.

**Article 3: Déclaration des biens**

Les Sénateurs déposent la déclaration sur l'honneur de leurs biens et patrimoine à l'Ombudsman au plus tard un mois après leur entrée en fonction, chaque année et lors de leur cessation de fonction.

**Ingingo ya 4: Manda y'Umusenateri**

Manda y'Umusenateri ni imyaka umunani (8) idashobora kongerwa, uretse abahoze ari Abakuru b'Igihugu baba Abasenateri hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 82 y'Itegeko Nshinga.

**Ingingo ya 5: Ikarita y'ubudahungabanywa**

Umusenateri ahabwa ikarita y'ubudahungabanywa yerekwa inzego zitandukanye igihe bibaye ngombwa. Imiterere y'iyo karita y'ubudahungabanywa igenwa n'Inama y'Abaperezida ikemezwa n'Inteko Rusange.

**Ingingo ya 6: Kwegura ku murimo w'Ubusenateri**

Umusenateri weguye ku murimo w'Ubusenateri ku mpamvu zinyuranye ashyikiriza Perezida wa Sena ibaruwa y'iyegura rye, akagenera kopi Perezida wa Repubulika, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki.

Iyo Umusenateri ahagaritse akazi ku mpamvu izo arizo zose, asubiza ikarita y'ubudahungabanywa mu minsi ibiri (2) y'akazi uhereye igihe yagahagarikiye.

**Ingingo ya 7: Isimburwa ry'Umusenateri**

Mu gihe Umusenateri watowe yeguye, apfuye, avanywe ku murimo n'icyemezo cy'urukiko

**Article ya 4: Term of a Senator**

The term of office for a Senator shall be a non-renewable period of eight (8) years, with the exception of former Heads of State who become Senators in accordance with Article 82 of the Constitution.

**Article 5: Immunity Card**

A Senator shall be given immunity card presented to different organs if necessary. The design of the immuninty card shall be determined by the Conference of Chairpersons and approved by the Plenary Assembly.

**Article 6: Resignation of a Senator**

A Senator who resigns for some reason, shall address his/her resignation letter to the President of the Senate with a copy to the President of the Republic, the President of the Supreme Court, the National Electoral Commission and the National Consultative Forum of Political Organizations.

In the event a Senator resigns from office for any reason, he/she shall return the imminuty card within two (2) working days as of the time of resignation.

**Article 7: Replacement of a Senator**

In the event of an elected Senator's resignation, death, impeachment by a Court of

**Article 4: Mandat d'un Sénateur**

Un Sénateur a un mandat de huit (8) ans non renouvelable, excepté les anciens Chefs d'Etat qui deviennent Sénateurs en vertu de l'article 82 de la Constitution.

**Article 5: Carte d'immunité**

Un Sénateur est muni d'une carte d'immunité qu'il présente, en cas de besoin, à divers services. La forme de cette carte d'immunité est déterminée par la Conférence des Présidents et approuvée par l'Assemblée Plénière.

**Article 6: Démission de la fonction de Sénateur**

Un Sénateur qui, pour une raison ou une autre, démissionne de la fonction de Sénateur, adresse la lettre de démission au Président du Sénat et en réserve copie au Président de la République, au Président de la Cour Suprême, à la Commission Nationale Electorale et au Forum National de Concertation des Formations Politiques.

Lorsqu'un Sénateur démissionne pour une raison ou une autre, il remet la carte d'immunité dans deux (2) jours ouvrables à compter de la démission.

**Article7 : Remplacement d'un Sénateur**

Lorsqu'un Sénateur élu démissionne, décède, est déchu de ses fonctions par une décision

cyangwa agize impamvu imubuza burundu kurangiza inshingano ze igihe cya manda gisigaye kingana nibura n'umwaka umwe (1), harongera hakaba amatora. Iyo ari Umusenateri washyizweho, urwego rwamushyizeho ni na rwo rugena umusimbura.

Muri icyo gihe, Perezida wa Sena asaba, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15), urwego rwamushyizeho cyangwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iyo ari uwatowe, gusimbura uwo Musenateri

Umusenateri mushya utowe cyangwa ushyizweho arangiza igice cya manda gisigaye cy'uwo yasimbuye; ntiyongera gutorwa cyangwa gushyirwaho nk'Umusenateri.

**UMUTWE WA II: IMITERERE YA SENA**

**Icyiciro cya mbere: Biro ya Sena**

**Akiciro ka mbere: Itorwa n'irahira by'abagize Biro ya Sena**

**Ingingo ya 8: Itorwa n'irahira by'abagize Biro ya Sena**

Mu ntangiriro ya buri manda y'Abasenateri, inama yayo ya mbere iharirwa itora rya Biro igizwe na Perezida na ba Visi Perezida babiri (2) batorwa mu bagize Sena. Iyo nama itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Repubulika mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) nyuma y'itangazwa ry'amajwi.

Law or a permanent impediment to accomplish his/her duties when his/her term of office has at least One (1) year to run, fresh elections shall be held. In case of an appointed Senator, the competent organ shall designate his/her replacement.

In that case the President of the Senate shall request, within a period not exceeding fifteen (15) days, the organ which appointed him/her or the National Electoral Commission, if he/she is an elected Senator, to proceed to his/her replacement.

The newly elected or appointed Senator shall complete the remaining part of the term of office of his/her predecessor; he/she shall be ineligible for future election or appointment as a Senator.

**CHAPTER II: ORGANIZATION OF THE SENATE**

**Section One: Bureau of the Senate**

**Sub-section One: Election and taking oath of the Bureau of the Senate**

**Article 8: Election and taking oath of the Bureau of the Senate**

On the commencement of each term of the Senate legislature, the first sitting shall be devoted to the election of the Bureau made up of the President and two (2) Vice Presidents. The sitting shall be convened and presided over by the President of the Republic within

judiciaire ou est définitivement empêché de remplir sa mission un an (1) au moins avant la fin de son mandat, il est procédé à de nouvelles élections. S'il s'agit d'un Sénateur nommé, l'organe compétent désigne son remplaçant.

Dans ce cas, le Président du Sénat, dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours, demande à l'organe qui a désigné le Sénateur concerné ou à la Commission Nationale Electorale, s'il s'agit d'un Sénateur qui a été élu, de procéder à son remplacement

Le Sénateur ainsi élu ou désigné termine le reste du mandat de celui qu'il remplace; il ne peut plus être élu ni nommé comme Sénateur.

**CHAPITRE II: ORGANISATION DU SENAT**

**Section première: Bureau du Sénat**

**Sous section première: Election et prestation de serment des membres du Bureau du Sénat**

**Article 8: Election et prestation de serment des membres du Bureau du Sénat**

A l'ouverture de chaque législature du Sénat, la première séance est consacrée à l'élection du Bureau du Sénat composé d'un Président et de deux (2) Vice-Présidents. Cette séance est convoquée et présidée par le Président de la République endéans quinze (15) jours de la

fifteen (15) days as of the publication of election results.

publication des résultats du scrutin.

Umwe mu ba Visi-Perezida ashinzwe gukurikirana iby'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, undi ashinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'abakozi.

Itorwa ry'abagize Biro ya Sena rikorwa mu ibanga ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari. Buri wese mu bagize Biro ya Sena atorwa ukwe.

Iyo nta mukandida mu biyamamaza ku mwanya w'abagize Biro ugize amajwi ya ngombwa, itora risubirwamo.

Mu gihe ubwiganze burunduye bw'amajwi butabonetse ku nshuro ya kabiri, urushije abandi amajwi aba atowe.

Mbere yo gutangira imirimo, abagize Biro ya Sena barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika.

**<u>Akiciro ka 2</u>: Inshingano za Biro ya Sena**

**<u>Ingingo ya 9</u>: Inshingano za Biro ya Sena**

Inshingano za Biro ya Sena ni izi zikurikira:

One of the Vice Presidents shall be responsible for legislative affairs and oversight of Government action and the other responsible for finance and administration related activities.

The election of members of the Bureau of the Senate shall be conducted by secret ballot and by an absolute majority vote of the Senators present. Each member of the Bureau of the Senate shall be elected in a separate ballot.

If there is no candidate for election as member of the Bureau with the required majority votes, the voting shall be repeated.

In case no candidate receives an absolute majority of votes in the second round of voting, a candidate with the highest number of votes shall be considered as elected.

Before taking office, Members of the Bureau of the Senate shall take oath before the President of the Republic.

**<u>Sub-section 2</u>: Responsibilities of the Bureau of the Senate**

**<u>Article 9:</u> Responsibilities of the Bureau of the Senate**

The responsibilities of the Bureau of the Senate shall be the following:

Un des Vice-Présidents est chargé des affaires législatives et du contrôle de l'action gouvernementale, l'autre est chargé des activités relatives aux finances et à l'administration.

L'élection des membres du Bureau du Sénat se fait au scrutin secret et à la majorité absolue des voix des Sénateurs présents. Chacun des membres du Bureau du Sénat est élu séparément.

Lorsqu'aucun des candidats à l'élection des membres du Bureau n'obtient la majorité requise, l'élection est reprise.

Lorsque la majorité absolue des voix n'est pas obtenue au second tour, le candidat qui obtient le plus grand nombre de voix est déclaré élu.

Avant d'entrer en fonction, les membres du Bureau du Sénat prêtent serment devant le Président de la République.

**<u>Sous-section 2</u>: Attributions du Bureau du Sénat**

**<u>Article 9:</u> Attributions du Bureau du Sénat**

Les attributions du Bureau du Sénat sont les suivantes:

1° kuyobora imirimo ya Sena;

2° gukurikirana imikoranire ya Sena n'izindi nzego;

3° kubahiriza no gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inteko Rusange;

4° gukemura ibibazo byihutirwa bigaragaye byabangamira imikorere ya Sena bidateganyijwe n'iri tegeko ngenga;

5° gutegura ibijya ku murongo w'ibyigwa n'Inama y'Abaperezida;

6° kugeza ku Nama y'Abaperezida imbanzirizamushinga ya gahunda y'ibizigwa mu gihembwe gisanzwe cy'Inteko Rusange;

7° gutegura no kwemeza umushinga wa gahunda y'ibizigwa mu bihembwe bidasanzwe igihe bibaye ngombwa ;

8° gukurikirana itegurwa ry'imbonerahamwe y'inzego z'imirimo ya Sena no kuyishyikiriza Inama y'Abaperezida kugira ngo iyitangeho ibitekerezo;

9° gukurikirana uburyo bwo gushaka abakozi ba Sena babishoboye no kubashyira mu myanya;

10° gukurikirana ibijyanye n'umutekano mu Ngoro ya Sena;

1° to supervise the activities of the Senate;

2° to oversee relations between the Senate and other institutions;

3° to observe and implement the decisions of the Plenary Assembly;

4° to solve urgent problems not provided for in this Organic Law and that could hinder the effective functioning of the Senate;

5° to prepare the agenda of the Conference of Chairpersons;

6° to propose to the Conference of Chairpersons the draft agenda of the ordinary session of the Plenary Assembly;

7° to prepare and adopt the draft agenda of extraordinary sessions if need arises;

8° to follow up the drafting of the organizational structure of the Senate and forward it to the Conference of Chairpersons for suggestions;

9° to follow up the recruitment of competent personnel in the Senate and its deployment;

10° to oversee security related matters in the building of the Senate;

1° diriger les activités du Sénat ;

2° assurer le suivi des relations du Sénat avec les autres institutions ;

3° observer et mettre en exécution les décisions de l'Assemblée Plénière;

4° résoudre les problèmes urgents qui ne sont pas prévus par la présente loi organique susceptibles d'entraver le bon fonctionnement du Sénat;

5° proposer l'ordre du jour de la Conférence des Présidents ;

6° proposer à la Conférence des Présidents le projet d'agenda de la session ordinaire de l'Assemblée Plénière;

7° préparer et adopter le projet de programme des sessions extraordinaires en cas besoin;

8° faire le suivi de l'ébaboration du cadre organique du Sénat et le soumettre à la Conférence des Présidents pour avis ;

9° faire le suivi du recrutement du personnel compétent pour le Sénat et de son affectation ;

10° faire le suivi de la sécurité au sein du Palais du Sénat;

11° gukurikirana imikorere y'amahuriro y`abagize Inteko Ishinga Amategeko;

12° kwakira inyandiko igaragaza imitungo nyakuri y'Umuvunyi Mukuru, iy'Abavunyi bungirije n'iy'abandi bakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bagomba kugaragaza imitungo yabo ;

13° gukora indi mirimo ireba Sena idashinzwe urundi rwego rw'imirimo.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Ifatwa ry'ibyemezo by'Inama za Biro**

Ibyemezo by'Inama za Biro ya Sena bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abayigize. Iyo ubwumvikane busesuye butabonetse ikibazo gishyikirizwa Inama y'Abaperezida ikagifataho umwanzuro bisabwe na Perezida cyangwa umwe mu ba Visi-Perezida. Iyo Inama y'Abaperezida idashoboye kucyumvikanaho, gishyikirizwa Inteko Rusange ikagifataho umwanzuro bwa nyuma.

Inama za Biro zikorerwa raporo ishyirwaho umukono n'uwayoboye inama n'Umunyamabanga Mukuru wa Sena cyangwa umusimbura igihe adahari, ari na we mwanditsi wazo.

11° to oversee the performance of networks and forums based in Parliament;

12° to receive the faithful declaration of assets indicating the actual assets of the Ombudsman, Deputy Ombudsmen and other staff members of the Office of the Ombudsman, who are required to declare their assets ;

13° to perform any other activity of the Senate which are not under the responsibility of any other organ

**<u>Article 10:</u> Decision making during meetings of the Bureau**

Decisions of the Bureau of the Senate shall be made by consensus. Should there be no consensus, the matter under consideration shall be referred to the Conference of Chairpersons which shall make a decision thereon upon request by the President or by one of the Vice-Presidents. Where there is no consensus by the Conference of Chairpersons, the matter shall be referred to the Plenary Assembly for a final decision.

Meetings of the Bureau shall require a report which is signed by the Chairperson of the meeting and the Clerk of the Senate or his/her representative, who also serves as its rapporteur.

11° faire le suivi des activités des réseaux et forums basés au Parlement;

12° recevoir les déclarations sur l'honneur des biens et patrimoine de l'Ombudsman, de ses adjoints et celles des autres agents de l'Office de l'Ombudsman qui sont tenus de déclarer leurs biens et patrimoines.

13° exercer les autres fonctions relevant du Sénat qui ne sont pas attribuées à un autre organe.

**<u>Article 10</u>: Prise de decisions lors des réunions du Bureau**

Les décisions du Bureau du Sénat sont prises par consensus. Lorsque le consensus n'est pas atteint, le sujet en discussion est soumis à la Conférence des Présidents pour décision, sur demande du Président ou de l'un des Vice-présidents. En l'absence d'un consensus par la Conférence des Présidents, la question est soumise à l'Assemblée Plénière pour décision finale.

Les réunions du Bureau font objet d'un rapport signé par le Président de la réunion et le Secrétaire Général du Sénat ou son remplaçant, qui en est le rapporteur.

**Ingingo ya 11: Igenzurwa ry'inyandiko y'umutungo**

Imenyekanisha ry'imitungo nyakuri y'Umuvunyi Mukuru, iy'Abavunyi bungirije n'iy'abandi bakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bagomba kugaragaza imitungo yabo rikurikirwa n'igenzura ryawo. Biro ya Sena ishobora guha ububasha umwe mu bakozi ba Sena gukora icyo gikorwa mu izina rya Biro.

Hagenzurwa ukuri ku nyandiko yatanzwe n'aho umutungo waturutse.

Biro ya Sena ishobora kandi kwifashisha izindi nzego za Leta zibifitiye ububasha kugira ngo hakurikiranwe ibibazo bishingiye ku imenyekanisha ry'umutungo.

**Ingingo ya 12: Inshingano za Perezida wa Sena**

Inshingano za Perezida wa Sena ni izi zikurikira :

1° gukurikirana no guhuza imirimo y'inzego za Sena;

2° guhagararira Sena ku mugaragaro;

3° guhamagaza Abasenateri mu bihembwe bisanzwe n'ibidasanzwe;

**Article 11: Verification of declaration of assets**

The declaration of assets of the Ombudsman, Deputy Ombudsmen and other staff members of the Office of Ombudsman who are required to declare their assets shall be followed by verification. The Senate Bureau shall empower a staff member of the Senate to execute this function on behalf of the Bureau.

The verifications shall indicate the veracity of the declarations and sources of assets of persons declaring.

The Bureau of Senate may require the assistance of other public competent organs in pursuing the problems in relation with the declarations of assets.

**Article 12: Responsibilities of the President of the Senate**

The President of the Senate shall have the following responsibilities:

1° to follow up and coordinate activities of organs of the Senate;

2° to officially represent the Senate;

3° to convene Senators to ordinary and extraordinary sessions;

**Article 11 : Vérification de déclaration du patrimoine**

La déclaration du patrimoine de l'Ombudsman, de ses adjoints et ainsi que d'autres agents de l'Office qui sont tenus de déclarer leur biens et patrimoine est suivie de la vérification des déclarations. Le Bureau du Sénat peut conférer des pouvoirs à un des membres du personnel du Sénat pour agir au nom et pour le compte du Bureau.

Les vérifications portent sur la véracité des déclarations et sur les sources des biens et patrimoine du déclarant.

Le Bureau du Sénat peut se faire assister par d'autres organes publics compétents pour que soient poursuivis les problèmes qui découlent des déclarations sur l'honneur des biens et patrimoines.

**Article 12: Attributions du Président du Sénat**

Les attributions du Président du Sénat sont les suivantes :

1° faire le suivi et la coordination des activités des organes du Sénat ;

2° représenter officiellement le Sénat ;

3° convoquer les Sénateurs en sessions ordinaires et extraordinaires ;

| | | |
|---|---|---|
| 4° gutangiza no gusoza ibihembwe bisanzwe n'ibidasanzwe; | 4° to open and close ordinary and extraordinary sessions; | 4° procéder à l'ouverture et à la clôture des sessions ordinaires et extraordinaires ; |
| 5° gutumiza no kuyobora inama z'Inteko Rusange ; | 5° to convene and preside over Plenary Sittings; | 5° convoquer et présider les séances de l'Assemblée Plénière ; |
| 6° kumenyesha Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'Intebe gahunda y'imirimo ya Sena; | 6° to inform the President of the Republic and Prime Minister of the Senate's programme of activities; | 6° informer le Président de la République et le Premier Ministre du programme d'activités du Sénat ; |
| 7° kugeza ku Basenateri ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri n'imigereka yabyo byashyikirijwe Biro ya Sena no kubamenyesha ahandi bashobora kubisanga; | 7° to forward to Senators Cabinet decisions and their annexes submitted to the Bureau of the Senate and inform them elsewhere they may find them; | 7° transmettre aux Sénateurs les décisions du Conseil des Ministres et leurs annexes parvenues au Bureau du Sénat et les informer de l'autre endroit où ils peuvent les trouver; |
| 8° gukora ku buryo mu Nteko Rusange harangwa ituze; | 8° to maintain order in the Plenary Assembly; | 8° maintenir l'ordre dans l'Assemblée Plénière ; |
| 9° gutumiza, kuyobora inama ya Biro no guhuza imirimo yayo; | 9° to convene, chair the meetings of the Bureau and coordinate its activities; | 9° convoquer, présider les réunions du Bureau et coordonner ses activités ; |
| 10° gutumiza no kuyobora Inama y'Abaperezida; | 10° to convene and chair the Conference of Chairpersons; | 10° convoquer et présider la Conférence des Présidents ; |
| 11° kugeza ku Basenateri raporo y'Inama y'Abaperezida; | 11° to submit to Senators the report of the Conference of Chairpersons ; | 11° soumettre aux Sénateurs le rapport de la réunion de la Conférence des Présidents ; |
| 12° kugeza ku Nteko Rusange, mu gihe cy'igihembwe gisanzwe, imyanzuro y'Inama y'Abaperezida mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) y'akazi kugira ngo iyemeze; | 12° to submit to the Plenary Assemby, during ordinary session, recommendations of the Conference of Chairpersons whithin seven (7) working days for approval ; | 12° soumettre à l'Assemblée Plénière, durant la session ordinaire, les recommandations de la Conférence des Présidents dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours ouvrables pour approbation; |
| 13° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa | 13° to oversee the implementation of decisions | 13° assurer le suivi de l'exécution des |

ry'imyanzuro y'Inama ya Biro, iy'Inama y'Abaperezida n'iy'Inteko Rusange;

14° kuyobora imirimo y'inama igihe Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko yateraniye hamwe, kandi Perezida w'Umutwe w'Abadepite atashoboye kuboneka;

15° guhuza gahunda zinyuranye z'Abasenateri zijyanye no gusura abaturage;

16° guhuza gahunda zo kongera ubushobozi bwa Sena.

17° gukurikira imikorere y'Umunyamabanga Mukuru wa Sena;

18° gutsura umubano wa Sena n'izindi nzego zo mu gihugu no mu mahanga.

**<u>Ingingo ya 13</u>: Inshingano za Visi Perezida ushinzwe gukurikirana iby'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma**

Inshingano za Visi Perezida ushinzwe gukurikirana iby'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma ni izi zikurikira:

1° kunganira Perezida wa Sena no kumusimbura igihe adahari ;

made by the Bureau, the Conference of Chairpersons and the Plenary Assembly;

14° to chair debates in joint-sessions of both Chambers in case the Speaker of the Chamber of Deputies is absent;

15° to coordinate different activities of Senators related to visits to the population;

16° to coordinate the Senate's capacity-building programmes;

17° to oversee the activities of the Clerk of the Senate;

18° to promote relations between the Senate and other local and foreign institutions.

**<u>Article 13:</u> Responsibilities of the Vice President in charge of Legislative Affairs and oversight of Government Action**

The responsibilities of the Vice President in charge of Legislative Affairs and oversight of Government Action shall be the following:

1° to assist the President of the Senate and replace him/her in case of his/her absence;

décisions prises par le Bureau, la Conférence des Présidents et l'Assemblée Plénière

14° diriger les débats lorsque les deux Chambres du Parlement sont réunies, en cas d'absence du Président de la Chambre des Députés

15° coordonner les différents programmes des Sénateurs relatifs aux descentes sur terrain ;

16° coordonner les programmes de renforcement des capacités du Sénat;

17° superviser les activités du Secrétaire Général du Sénat ;

18° entretenir les relations du Sénat avec les autres institutions nationales et étrangères.

**<u>Article 13:</u> Attributions du Vice Président chargé des affaires législatives et du contrôle de l'action gouvernementale**

Les attributions du Vice Président chargé des affaires législatives et du contrôle de l'action gouvernementale sont les suivantes :

1° assister le Président du Sénat et le remplacer en cas d'absence ;

2° gukurikirana imirimo ijyanye no kwiga amategeko;

3° gukurikirana imirimo ijyanye no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo akubiye mu ngingo ya 9 n'iya 54 z'Itegeko Nshinga;

4° gukurikirana imirimo ijyanye no kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma;

5° gukurikirana ibyerekeye imikoranire ya Sena n'izindi nzego zo mu Gihugu n'izo mu mahanga ;

6° gukurikirana imirimo y'Abasenateri ijyanye no gusura abaturage;

7° gukora indi mirimo yose yasabwa na Biro cyangwa Inteko Rusange yerekeranye n'inshingano ze.

**Ingingo ya 14: Inshingano za Visi-Perezida ushinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'abakozi**

Inshingano za Visi Perezida wa Sena ushinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n`imari n'abakozi ni izi zikurikira:

1° kunganira Perezida wa Sena no kumusimbura igihe we na Visi Perezida ubifite mu nshingano ze z'ibanze badahari ;

2° gukurikirana imirimo ijyanye

2° to follow up activities relating to the consideration of laws;

3° to follow up activities relating to the control of the respect of the fundamental principles referred to under Articles 9 and 54 of the Constitution;

4° to follow up activities relating to the oversight of Government action;

5° to follow up relations between the Senate and other local and foreign institutions

6° to follow up activities relating to visits of Senators to the population;

7° to perform other activities related to his/her activities as may be assigned by the Bureau or the Plenary Assembly.

**Article 14: Responsibilities of the Vice President in charge of activities related to Finance and Administration**

Responsibilities of the Vice President in charge of activities related to finance and administration shall be the following:

1° to assist the President of the Senate and replace him/her in case him/her and the Vice President who is in charge of doing so are absent;

2° to follow up management and

2° assurer le suivi des activités relatives à l'examen des lois;

3° assurer le suivi des activités relatives au contrôle du respect des principes fondamentaux énoncés aux articles 9 et 54 de la Constitution ;

4° assurer le suivi des activités relatives au contrôle de l'action gouvernementale ;

5° assurer le suivi des relations du Sénat avec les autres institutions nationales et étrangères ;

6° faire le suivi des descentes sur terrain par les Sénateurs ;

7° assurer toute autre tâche lui confiée par le Bureau ou l'Assemblée Plénière et relevant de ses attributions.

**Article 14: Attributions du Vice-Président chargé des activités relatives aux finances et à l'administration**

Les attributions du Vice Président chargé des activités relatives aux finances et à l'administration sont les suivantes :

1° Assister le Président du Sénat et le remplacer lorsque lui et le Vice Président qui en est spécialement chargé sont absents ou empêchés ;

2° assurer le suivi des activités relatives à la

n'icungamutungo n'ubutegetsi ;

3° gukurikirana imirimo ijyanye n'itegurwa ry'ingengo y'imari ya Sena n'ishyirwa mu bikorwa ndetse n'imicungire yayo;

4° gukurikirana uburyo bwo gushaka abakozi ba Sena babishoboye;

5° gukora indi mirimo yose yasabwa na Biro cyangwa Inteko Rusange yerekeranye n'inshingano ze.

**Ingingo ya 15: Kuyobora inama y'Inteko Rusange**

Mu gihe cy'impaka nta na rimwe uyoboye inama agaragaza uruhande abogamiyemo.

Mu nama ayobora, umurimo w'ingenzi w'uyoboye inama y'Inteko Rusange ni uguhuza imitangire y'ibitekerezo, kwerekana aho impaka zigeze ku ngingo yigwa no kugarura abatandukira.

Uyoboye inama y'Inteko Rusange agomba kwamagana uburyo bwahatira Inteko Rusange kwemera cyangwa guhakana igitekerezo iki n'iki n'uburyo ubwo ari bwo bwose bugamije kubuza Inteko Rusange gufata ibyemezo.

administrative affairs;

3° to follow up activities related to the preparation, implementation and management of the budget of the Senate

4° to follow up the recruitment of competent personnel in the Senate

5° to perform such other activities related to his/her duties as may be assigned to him/her by the Bureau or the Plenary Assembly.

**Article 15: Presiding over the Plenary Sitting**

The Chairperson of the Plenary Sitting shall not at any time take sides in debates.

During debates chaired by him/her, the main duty of the chairperson of the Plenary Sitting is to coordinate views, sum up debates and to call members to order when they digress from the issue under discussion.

The Chairperson of the Plenary Sitting shall rigorously resist any form of pressure aimed at forcing the Plenary Assembly to make any particular decision or any attempt to prevent the Plenary Assembly from making a decision.

gestion et à l'administration ;

3° faire le suivi des activités relatives à la préparation du budget du Sénat, de son exécution et de sa gestion;

4° faire le suivi du recrutement du personnel compétent pour le Sénat

5° assurer toute autre tâche lui confiée par le Bureau ou l'Assemblée Plénière et relevant de ses attributions.

**Article 15: Présidence de la séance de l'Assemblée Plénière**

Le Président de la séance de l'Assemblée Plénière ne peut, en aucun cas, prendre partie lors des débats.

Au cours d'un débat qu'il dirige, le Président de la séance de l'Assemblée Plénière a pour rôle principal de coordonner les interventions, de récapituler les débats et de ramener à l'ordre les orateurs qui s'écarteraient de l'objet des débats.

Le Président de la séance de l'Assemblée Plénière doit fustiger toute forme de pression visant à obliger l'Assemblée Plénière de prendre ou réfuter telle ou telle décision et de toute manœuvre visant à empêcher l'Assemblée Plénière de prendre une décision.

**<u>Ingingo ya 16</u>: Imiyoborere y'inama y'Inteko Rusange iyo hasuzumwa ikibazo kireba umwe mu bagize Biro**

Iyo Sena isuzuma ikibazo kireba Perezida wa Sena cyangwa umwe mu ba Visi-Perezida ku giti cyabo, inama iyoborwa n'utarebwa n'ikibazo. Icyo gihe, abarebwa n'ikibazo bicara mu ntebe zabagenewe nk'Abasenateri.

Iyo uyoboye inama ashaka gutanga igitekerezo cye bwite, ajya mu mwanya wamugenewe nk'Umusenateri cyangwa ahandi habugenewe.

**<u>Akiciro ka 3</u> : Isimburwa ry'abagize Biro ya Sena**

**<u>Ingingo ya 17</u>: Kwemeza ko abagize Biro ya Sena bavuye mu myanya**

Inteko Rusange ya Sena ni yo yemeza ko Perezida, umwe mu ba Visi Perezida ba Sena cyangwa bombi, cyangwa abagize Biro bose bavuye burundu mu mirimo yabo.

Icyo cyemezo gifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari bakoraniye mu nama idasanzwe y'Inteko Rusange.

Iyo Perezida wa Sena avuye muri uwo

**<u>Article 16</u>: Presiding over the debates of the Plenary Sitting while dealing with issues relating personally to a member of the Bureau**

When the Senate is dealing with issues relating personally to the President of the Senate or to one of the Vice-Presidents, the member of the Bureau who is not concerned with the issue shall preside over the debate. In that case, those concerned with the issue shall take Senators' seats reserved for them.

When the person chairing the debates wants to give his/her personal opinion, he or she shall take the seat reserved for him or her as a Senator or any other place meant for that purpose.

**<u>Sub-section 3</u>: Replacement of members of the Bureau of the Senate**

**<u>Article 17</u>: Statement of vacation of office of members of the Bureau of the Senate**

The Plenary Assembly shall determine whether the post of the President, one of the Vice-Presidents, the two Vice-Presidents or all the members of the Bureau have fallen vacant.

Such a decision shall be made by an absolute majority vote of the Members present in an extraordinary sitting of the Plenary Assembly.

When the President of the Senate leaves office

**<u>Article 16:</u> Direction des débats de la séance de l'Assemblée Plénière lorsqu'elle délibère sur une question qui concerne personnellement l'un des membres du Bureau**

Lorsque le Sénat délibère sur une question qui concerne personnellement le Président du Sénat ou l'un des Vice-Présidents, la direction des débats est assurée par le membre du Bureau qui n'est pas concerné par la question. Dans ce cas, les concernés prennent place sur les sièges qui leur sont réservés en tant que Sénateurs.

Lorsque le Président de la séance veut donner sa propre opinion, il le fait dans la place qui lui est réservée comme Sénateur ou à un autre endroit réservé à cet effet.

**<u>Sous-Section 3</u>: Remplacement des membres du Bureau du Sénat**

**<u>Article 17:</u> Constatation de la cessation définitive des fonctions des membres du Bureau du Sénat**

La cessation définitive des fonctions du Président du Sénat, de l'un ou des deux Vice Présidents du Sénat ou de tous les membres du Bureau est constatée par l'Assemblée Plénière.

Cette décision est prise à la majorité absolue des Sénateurs présents réunis en séance extraordinaire de l'Assemblée Plenière.

Lorsque le Président du Sénat quitte

mwanya burundu cyangwa agiye gusimbura by'agateganyo Perezida wa Repubulika, Visi Perezida ushinzwe iby'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma ni we ukomeza imirimo ye mu gihe hagitegerejwe amatora ya Perezida wa Sena mushya cyangwa ko uwari usanzwe muri uwo mwanya agaruka ku mirimo ye.

Mu gihe Perezida wa Sena avuye mu mwanya we burundu, Visi Perezida ushinzwe gukurikirana iby'amategeko no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma atumiza kandi akanayobora inama yo kubyemeza. Amenyesha inzego bireba ko Perezida wa Sena yavuye muri uwo mwanya burundu.

Mu gihe babiri mu bagize Biro ya Sena bavuye mu mirimo yabo, inama idasanzwe y'Inteko Rusange yo kubyemeza burundu itumizwa kandi ikayoborwa n'usigaye mu bagize biro, yungirijwe n'Umusenateri mukuru mu myaka y'amavuko mu bafite uburambe busumbye ubw'abandi muri Sena mu gihe kitarenze iminsi (2) y'akazi, ari na we umenyesha inzego bireba ko abandi bagize biro batakiri mu mwanya.

Mu gihe abagize Biro bose bavuye mu mirimo yabo, inama idasanzwe y'Inteko Rusange yo kubyemeza burundu itumizwa kandi ikayoborwa n'Umusenateri mukuru mu myaka y'amavuko mu bafite uburambe busumbye ubw'abandi muri Sena, abisabwe nibura na

or is temporarily acting as President of the Republic, the Vice-President in charge of legal affairs and control of Government action shall act until the new President of the Senate is elected or the President of the Senate resumes office.

When the President of the Senate definitively vacates his/her office, the Vice President in charge of Legal Affairs and oversight of Government action shall convene and preside over the sitting devoted to adopting such vacation of office. He/she shall notify relevant organs of the definitive vacation of office of the President of the Senate.

When two members of the Bureau of the Senate vacate their offices, the extraordinary sitting of Plenary Assembly devoted to adopting such vacation of office shall be convened and presided over by the remaining member of the Bureau, assisted by the eldest Senator among the senior members of the Senate in a period not exceeding two (2) working days, who will also notify relevant organs that the offices of other members of the Bureau are vacated.

If the offices of the entire Bureau are vacated, the eldest Senator among the most senior members of the Senate shall convene and preside over the extraordinary sitting of Plenary Assembly devoted to adopting such

définitivement son poste ou lorsqu'il remplace temporellement le Président de la République, le Vice Président chargé des affaires législatives et du contrôle de l'action gouvernementale continue le mandat du Président du Sénat en attendant les élections d'un nouveau Président du Sénat ou que le Président du Sénat regagne son poste.

Lorsqu'il s'agit d'une cessation définitive des fonctions du Président du Sénat, le Vice Président chargé des affaires législatives et du contrôle de l'action gouvernementale convoque et préside la séance consacrée à l'approbation de ladite cessation définitive de fonction. Il informe les organes concernés de la cessation définitive de fonction du Président du Sénat.

Lorsque deux membres du Bureau du Sénat cessent définitivement leurs fonctions, la séance extraordinaire de l'Assemblée Plenière consacrée à l'approbation de leur cessation définitive de fonction est convoquée et présidée par le membre du Bureau restant, assisté par le Sénateur le plus âgé parmi les Sénateurs ayant le plus d'ancienneté au Sénat endeans deux (2) jours ouvrables, qui informe également les organes concernés de la cessation définitive de fonction des autres membres du Bureau.

Lorsque tous les membres du Bureau cessent définitivement leurs fonctions, la séance extraordinaire de l'Assemblée Plenière consacrée à l'approbation de leur cessation définitive de fonction est convoquée et présidée par le Sénateur le plus âgé parmi les

kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize Sena. Amenyesha inzego bireba ko abagize Biro bavuye mu mirimo yabo burundu.

Uwo Musenateri mukuru mu myaka y'amavuko mu bafite uburambe busumbye ubw'abandi mu mirimo y'ubusenateri akora imirimo isanzwe ya Sena uretse kuyobora Inteko Rusange.

**<u>Ingingo ya 18</u>: Gutumiza inama idasanzwe y'Inteko Rusange yo kwemeza ko umwe cyangwa bose mu bagize Biro bavuye mu myanya**

Inama idasanzwe ivugwa mu ngingo ya 17 y'iri tegeko ngenga itumizwa na Perezida wa Sena cyangwa Visi Perezida wa Sena, abyibwirije cyangwa abisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize Sena, bitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi guhera igihe aboneye inyandiko ibisaba.

Umusenateri mukuru mu myaka mu bafite uburambe busumbye ubw`abandi muri Sena atumiza iyo nama mu gihe cyavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo abisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy`abagize Sena.

vacation of offices upon request by at least one-third (1/3) of members of the Senate. He/she shall notify relevant organs that the offices of the entire Bureau are vacated.

The eldest Senator among the most senior members of the Senate shall run the routine business of the Senate with the exception of that of presiding over the Plenary Sitting.

**<u>Article 18:</u> Convening the extraordinary sitting of the Plenary Assembly to determine that the post of one or all members of the Bureau has fallen vacant**

The extraordinary sitting referred to under Article 17 of this Organic Law shall be convened by the President of the Senate or Vice President of the Senate, from their initiative or upon request in writing by at least a third (1/3) of members of the Senate, within a period not exceeding two (2) working days from the time of the receipt of the request.

The eldest Senator among the most senior members of the Senate shall convene the said sitting within the period mentioned in the Paragraph One of this Article upon written request by at least one-third (1/3) of members of the Senate.

Sénateurs ayant le plus d'ancienneté au Sénat, sur demande d'au moins un tiers (1/3) des membres du Sénat. Il informe les organes compétents de la cessation définitive de fonction de tous les membres du Bureau.

Le Sénateur plus âgé parmi les Sénateurs ayant le plus d'ancienneté au Sénat assure la gestion des affaires courantes du Sénat, excepté la présidence de la séance de l'Assemblée Plénière.

**<u>Article 18:</u> Convocation de la séance extraordinaire de l'Assemblée Plénière pour constater qu'un membre ou tous les membres du Bureau ont cessé leurs fonctions**

La séance extraordinaire visée à l'article 17 de la présente loi organique est convoquée par le Président ou le Vice Président du Sénat, de leur initiative ou sur demande écrite d'au moins un tiers (1/3) des membres du Sénat, dans un délai n'excédant pas deux (2) jours ouvrables à partir de la réception de la demande.

Le Sénateur le plus âgé parmi les Sénateurs ayant le plus d'ancienneté au Sénat convoque ladite séance dans le délai mentionné à l'alinéa premier du présent article sur demande écrite d'au moins un tiers (1/3) des membres du Sénat.

**Ingingo ya 19: Isimburwa ry'abagize Biro**

Mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi Sena yemeje ko Biro yose, babiri cyangwa umwe mu bagize Biro ya Sena bavuye burundu mu mirimo yabo, inama igamije gusimbura abagize Biro yose, babiri cyangwa umwe mu bagize Biro ya Sena itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Repubulika ari na we uyobora iryo tora.

Utorewe gusimbura uvanywe muri Biro arangiza manda y'uwo asimbuye.

**Icyiciro cya 2 : Inteko Rusange**

**Ingingo ya 20: Itangira n'isozwa ry'imirimo y'Inteko Rusange**

Imirimo y'Inteko Rusange itangira i saa cyenda (15h00') ku minsi y'akazi ikarangira i saa kumi n'ebyiri (18h00').

Amasaha yo gutangira cyangwa gusoza imirimo y'Inteko Rusange ashobora guhinduka byemejwe ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari.

Perezida wa Sena na ba Visi-Perezida bombi ntibashobora kugira rimwe mu butumwa cyangwa gukora indi mirimo ibabuza kuyobora imirimo y'Inteko Rusange.

**Article 19: Replacement of members of the Bureau**

Within thirty (30) days from the adoption by the Senate of vacation of the offices of all members of the Bureau, two or one of them, a sitting devoted to replacing all, two or one member of the Bureau shall be convened and presided over by the President of the Republic who shall also supervise the election.

The person elected to replace a member who has been removed from the Bureau shall complete the remaining term of the replaced member.

**Section 2: Plenary Assembly**

**Article 20: Commencement and closure of the Plenary Sitting business**

The Plenary Sitting business shall commence at 15 hours (3 pm) on working days and end at 18 hours (6 pm).

The opening and closing hours of the Plenary Sittings may be changed upon approval by an absolute majority vote of Senators present.

The President of the Senate and the two Vice-Presidents shall neither be on an official trip at the same time nor carry out any other activity that could prevent them from chairing Plenary

**Article 19 : Remplacement des membres du Bureau**

Dans les trente (30) jours à compter du jour de l'approbation par le Sénat de la cessation définitive de fonctions de tous les membres du Bureau du Sénat, de deux ou de l'un de ses membres, la séance consacrée au remplacement de tous les membres du Bureau du Sénat, de deux ou de l'un de ses membres est convoquée et présidée par le Président de la République qui supervise également les élections.

La personne élue pour remplacer un membre du Bureau qui cesse ses fonctions achève le terme du mandat restant à courir

**Section 2: Assemblèe Plénière**

**Article 20: Début et clôture des travaux des séances de l'Assemblèe Plénière**

Les travaux en séance plénière débutent à quinze heures (15h00') tous les jours ouvrables et sont clôturés à dix huit heures (18h00').

Les heures d'ouverture ou de clôture des travaux des séances plénières peuvent être modifiées par la majorité absolue des Sénateurs présents.

Le Président et les deux Vice-Présidents du Sénat ne peuvent ni être en même temps en mission ni s'occuper d'autres activités qui les empêcheraient de diriger les travaux de la

Babiri nibura mu bagize Biro ya Sena bagomba kuba bahari.

**<u>Ingingo ya 21:</u> Ibyicaro by'Abasenateri mu cyumba cy'Inteko Rusange**

Abasenateri bahabwa ibyicaro bihoraho, mu cyumba cy'Inteko Rusange, hakurikijwe ubukurikirane bw'inyuguti zitangira amazina yabo.

Icyakora, kubera impamvu z'ubumuga cyangwa indi mpamvu kandi byemejwe n'Inteko Rusange, ibikubiye mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bishobora kutubahirizwa.

Hateganywa kandi umubare wa ngombwa w'intebe nibura z'Abayobozi bakurikira: iya Minisitiri w'Intebe, iza ba Minisitiri, iz'Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma.

**<u>Ingingo ya 22:</u> Aho inama y'Inteko Rusange iteranira**

Inama y'Inteko Rusange ya Sena iteranira mu Ngoro yayo iri mu Murwa Mukuru w'Igihugu keretse iyo bibaye ngombwa ko iteranira ahandi byemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga bisabwe na Perezida wa Sena. Igihe Urukiko rw'Ikirenga na rwo rudashobora guterana kugira ngo rufate icyemezo, Perezida wa Repubulika afata icyemezo akoresheje itegeko-teka.

Icyo cyemezo gitangazwa hakoreshejwe uburyo bushoboka bw'itangazamakuru

Sitting business.

At least two members of the Bureau must be present.

**<u>Article 21</u>: Senators' seats in the Plenary Chamber**

Senators are given permanent seats in the plenary chamber of the Senate in accordance with alphabetical order of their names.

However, in case of disability or other motive and upon approval by the Plenary Assembly, the provisions of Paragraph One of this Article may not apply.

An adequate number of seats shall also be made available for the following authorities: the Prime Minister, Ministers, Ministers of State and other Cabinet members.

**<u>Article 22</u>: Venue of the Plenary Sitting**

The Plenary Sitting of the Senate shall hold its sessions in its Building in the Capital City except in cases of force majeure confirmed by the Supreme Court upon request by the President of the Senate. In case the Supreme Court is also unable to meet and make a decision, the President of the Republic shall make a decision by Decree-Law.

That decision shall be made public using all possible means of communication and

Séance Plénière.

Au moins deux membres du Bureau du Sénat doivent être présents.

**<u>Article 21:</u> Sièges des Sénateurs dans la Salle Plénière**

Les sièges des Sénateurs dans la salle plénière sont permanents et sont attribués par ordre alphabétique de leurs noms.

Toutefois, en cas d'handicape ou autre cause, et sur décision de l'Assemblée Plénière, les dispositions de l'alinéa premier du présent article peuvent ne pas être appliquées.

Un nombre de sièges adéquat est également réservé au Premier Ministre, aux Ministres, aux Secrétaires d'Etat et aux autres membres du Gouvernement.

**<u>Article 22:</u> Lieu de séance de l'Assemblèe Plénière**

La séance de l'Assemblée Plénière du Sénat se tient dans la Capitale, dans son palais, sauf en cas de force majeure constatée par la Cour Suprême saisie par le Président du Sénat. Lorsque la Cour Suprême ne peut pas se réunir à son tour, le Président de la République décide du lieu de la réunion par décret-loi.

Cette décision est dûment publiée par tous les moyens de communication et d'information

n'itumanaho.

**Ingingo ya 23: Gukurikirana inama z' Inteko Rusange**

Inama z'Inteko Rusange ya Sena zishobora gukurikiranwa na buri wese.

Icyakora, bisabwe na Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena, Minisitiri w'Intebe cyangwa se kimwe cya kane (¼) cy'abagize Sena, Sena ishobora guterana mu muhezo byemejwe ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari.

Icyemezo cy'uko inama y'Inteko Rusange iteraniye mu muhezo kigomba kumanikwa ku miryango y'icyumba cy'Inteko Rusange ya Sena.

**Ingingo ya 24: Umubare wa ngombwa kugira ngo Inteko Rusange iterane n'isubikwa ryayo**

Muri buri nama, buri Musenateri ashyira umukono ku rutonde rw'amazina rugaragaza abaje. Mbere y'uko inama itangira, uyoboye inama y'Inteko Rusange atangaza umubare w'Abasenateri bahari.

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 66 y'Itegeko Nshinga, kugira ngo Sena iterane ku buryo bwemewe hagomba kuba hari nibura bitatu bya gatanu (3/5) by'abayigize. Iyo uwo mubare utabonetse, uyoboye inama y'Inteko Rusange agaragaza ko inama idashobora guterana akayisubika.

information.

**Article 23: Publicity of Plenary Sittings**

The Plenary Sittings of the Senate are public.

However, if requested by the President of the Republic, the President of the Senate, the Prime Minister or a quarter (¼) of its Senators, the Senate may approve upon the absolute majority votes of the Senators present that the sitting be held in camera.

The resolution that the Plenary Sitting is held in camera shall be posted on the doors of the plenary chamber of the Senate.

**Article 24: Quorum for the Plenary Sitting and its adjournment**

In each sitting, every Senator shall sign on the list of attendance. Before the sitting begins, the chairperson of the Plenary Sitting shall announce the number of the Deputies present.

Pursuant to provisions of Article 66 of the Constitution, the quorum required for the Senate to lawfully sit is at least three fifths (3/5) of its members. When the quorum is not reached, the chairperson of the Plenary Sitting shall declare that the sitting may not take place and postpone it.

possibles.

**Article 23: Publicité des séances de l'Assemblée Plénière**

Les séances de l'Assemblée Plénière du Sénat sont publiques.

Toutefois, à la demande du Président de la République, du Président du Sénat, du Premier Ministre ou d'un quart (¼) des Sénateurs, le Sénat peut, à la majorité absolue des Sénateurs présents, décider de siéger à huis clos.

La décision de l'Assemblée Plénière de siéger à huis clos est affichée aux portes de la salle de l'Assemblée Plénière du Sénat.

**Article 24: Quorum pour la tenue de la séance de l'Assemblée Plénière et son ajournement**

A chaque séance, les Sénateurs signent sur une liste des présences. Avant l'ouverture de la séance, le président de la séance communique le nombre de Sénateurs présents.

Conformément à l'article 66 de la Constitution, pour siéger valablement, le Sénat doit compter au moins trois cinquièmes (3/5) de ses membres. Lorsque les trois cinquièmes (3/5) ne sont pas atteints, le président de la séance constate l'impossibilité de tenir la séance et la reporte.

Igihe habaye indi mpamvu igaragara ituma inama yari yatangiye isubikwa, uyoboye inama y'Inteko Rusange abimenyesha Inteko Rusange ikabifataho icyemezo.

Igihe habaye impamvu igaragara ituma inama yari iteganijwe isubikwa, Perezida wa Sena cyangwa umwe mu ba Visi Perezida ba Sena iyo Perezida adahari, abimenyesha Abasenateri akoresheje inyandiko cyangwa ubundi buryo bwose bw'itumanaho.

**Ingingo ya 25: Kumenyesha gahunda y'inama y'Inteko Rusange itaha**

Iyo Inteko Rusange ya Sena imaze gusuzuma no gufata umwanzuro ku byari biteganyijwe ku murongo w'ibyigwa, uyoboye inama y'Inteko Rusange amenyesha umunsi, isaha n'ibiri ku murongo w'ibyigwa mu nama ikurikira.

**Ingingo ya 26: Inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo z'inama z'Inteko Rusange**

Inama z'Inteko Rusange zikorerwa inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo. Izo nyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo ntizisomerwa mu Nteko Rusange.

Inyandiko zivunaguye ziba zikubiyemo incamake y'uko ibiganiro byagenze zemezwa n'Inteko Rusange mbere y'uko zitangazwa.

Umusenateri wese ushaka kugira icyo

In case there is a sound reason that may cause a sitting which is already underway to be adjourned, the chairperson of the Plenary Sitting shall announce it to the Plenary Sitting which shall make a decision thereon

In case there is a sound reason for the adjournment of the scheduled sitting, the President of the Senate or one of the Vice Presidents of the Senate in the absence of the President of the Senate shall inform the Senators in writing or through any other communication means.

**Article 25: Announcement of the agenda of the next Plenary Sitting**

When all items on the agenda have been exhausted and a final decision has been made by the Plenary Assembly, the chairperson of the Plenary Sitting shall announce the day, time and agenda for the next sitting.

**Article 26: Minutes and verbatim reports of the Plenary Sitting**

There shall be minutes and verbatim reports of the Plenary Sittings. The minutes and verbatim reports shall not be read in the Plenary Sitting.

The minutes shall consist of a summary of the debates and be approved by the Plenary Assembly before their publication.

Any Senator who wishes to make any

Lorsqu'il y a un autre motif légitime occasionnant la suspension d'une séance déjà en cours, le président de la séance en informe l'Assemblée Plénière qui prend une décision.

Lorsqu'il y a un motif valable entrainant l'ajournement d'une séance prévue, le Président du Sénat ou l'un des Vice-Présidents du Sénat à l'absence du Président, en informe les Sénateurs par écrit ou par toute autre voie de communication.

**Article 25: Communication de l'ordre du jour de la prochaine séance de l'Assemblée Plénière**

Lorsque les points à l'ordre du jour sont épuisés et une décision définitive a été prise par l'Assemblée Plénière du Sénat, le président de la séance précise le jour, l'heure ainsi que l'ordre du jour de la séance suivante.

**Article 26: Comptes-rendus et procès verbaux des séances de l'Assemblée Plénière**

Les séances de l'Assemblée Plénière font l'objet de comptes-rendus et de procès-verbaux. Ces comptes-rendus et procès-verbaux ne sont pas lus en Séance Plénière.

Les comptes-rendus comprennent les idées maîtresses des débats. Ils sont approuvés par l'Assemblée Plénière avant leur publication.

La parole est accordée à chaque Sénateur désireux d'y faire une correction.

azikosoraho abihererwa ijambo.
Inyandiko ivunaguye y'igihembwe gisanzwe yemezwa mu minsi itarenze irindwi (7) y'akazi ibarwa bahereye ku munsi inama ireba iyo nyandiko yabereyeho. Iyo iminsi igeze Sena itari mu gihembwe gisanzwe, iyo nyandiko ivunaguye yemezwa mu cyumweru cya mbere cy'igihembwe gisanzwe gikurikira.

Ibivugwa mu Nteko Rusange bifatwa amajwi mu byumba byabugenewe bigakorerwa inyandikomvugo. Inyandikomvugo ziba zikubiyemo uko impaka zagenze, ijambo ku rindi, ziboneka bitarenze iminsi mirongo itatu (30) nyuma y'inama z'Inteko Rusange zireba, zigahabwa Abasenateri.

Inteko Rusange yemeza inyandikomvugo z'igihembwe gisanzwe mu cyumweru cya kabiri cy'igihembwe gisanzwe gikurikira icyo inama zireba izo nyandikomvugo zabayemo.

Inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo z'igihembwe kidasanzwe zemezwa mu cyumweru cya nyuma cy'igihembwe gisanzwe gikurikira.

Umusenateri wifuza kugira icyo akosora ku nyandikomvugo ashyikiriza mu nyandiko Perezida wa Sena ibyo ayikosoraho.

Iyo inama z'Inteko Rusange za Sena zabereye mu muhezo, inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo zazo zikorwa kandi

correction thereto shall be given the floor.
Minutes of the ordinary session shall be approved in a period not exceeding seven (7) working days from the date the concerned meeting was held. Where the expiration of such period falls outside the period prescribed for the ordinary session, such minutes shall be approved in the first week of the next ordinary session.

Plenary Sitting debates shall be recorded by appropriate devices and thereafter written in a transcript. Transcripts shall quote every Member verbatim and be available to Senators in a period not exceeding thirty (30) working days from the date the concerned Plenary Sitting was held.

The Plenary Assembly shall approve verbatim reports of the ordinary session in the second week of the next ordinary session.

Minutes and verbatim reports of the extraordinary session shall be approved in the last week of the next ordinary session.

A Senator who wishes to make correction on the verbatim report shall forward in writing his/her proposed changes to the President of the Senate.

Where the Plenary Sittings of the Senate are conducted in camera, their minutes and verbatim reports are taken and kept by the

Le compte-rendu de la session ordinaire est approuvé dans les sept (7) jours ouvrables à compter du jour de la tenue de séance. Lorsque le délai expire alors que le Sénat n'est pas en session ordinaire, ce compte-rendu est approuvé dans la première semaine de la session ordinaire suivante.

Les débats à la séance plénière sont enregistrés par les appareils appropriés pour ensuite faire l'objet de procès-verbaux. Les procès-verbaux reprennent textuellement et intégralement tous les débats de la séance plénière et sont disponibles pour les Sénateurs dans un délai de trente (30) jours à dater de la séance plénière concernée.

L'Assemblée Plénière approuve les procès-verbaux de la session ordinaire dans la deuxième semaine de la session ordinaire suivante.

Les comptes-rendus et les procès-verbaux de la session extraordinaire sont approuvés dans la dernière semaine de la session ordinaire suivante.

Un Sénateur qui souhaite apporter des modifications au procès-verbal adresse ces modifications par écrit au Président du Sénat.

Lorsque les séances plénières du Sénat sont tenues à huis clos, leurs comptes-rendus et procès-verbaux sont rédigés et conservés par le

zikabikwa n'Umunyamabanga Mukuru wa Sena cyangwa umusimbura we igihe adahari. Inteko Rusange ifata umwanzuro ku itangazwa ryazo kandi ikagena igihe zitangirira gukoreshwa mu gihe bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 27: Gushyira umukono ku nyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo**

Inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo zemejwe n'Inteko Rusange zishyirwaho umukono n'uwayoboye inama, Umunyamabanga Mukuru wa Sena cyangwa umusimbura we igihe adahari n'uwazanditse. Izo nyandiko zimenyeshwa hakoreshejwe uburyo bushoboka bw'itumanaho n'itangazamakuru kandi zikaboneka mu nzu y'ibitabo ya Sena.

**Ingingo ya 28: Gusaba no gufata ijambo mu Nteko Rusange**

Umusenateri usabye ijambo mu buryo buteganywa n'iri tegeko ngenga ararihabwa.

Umusenateri wifuza gufata ijambo mu Nteko Rusange yiyandikisha ku ilisiti yabigenewe.

Kwiyandikisha ku ilisiti ya mbere bikorwa mu nyandiko kandi nibura amasaha atanu (5) mbere y'uko Inteko Rusange iterana. Ilisiti ya mbere ihabwa Abasenateri mbere y'uko inama y'Inteko Rusange iterana. Igaragaza uko Abasenateri bakurikirana mu gufata ijambo, igihe ijambo rimara, byashoboka ikagaragaza

Clerk of the Senate or, in his/her absence, by his/her representative. The Plenary Assembly shall decide on their publication and determine the starting time of their consultation if it is necessary.

**Article 27: Signing of minutes and verbatim reports**

Minutes and verbatim reports approved by the Plenary Assembly shall be signed by the chairperson of the sitting, the Clerk of the Senate or his/her representative and the rapporteur. They shall be published via any necessary means of information and communication and shall be available in the library of the Senate.

**Article 28: Requesting and taking the floor in the Plenary Sitting**

A Senator who requests the floor as provided for by this Organic Law shall be allowed to take it.

A Senator who wishes to take the floor in the Plenary Sitting shall register on the list meant for that purpose.

Registration on the first list shall be made in writing at least five (5) hours before the Plenary Sitting starts. The first list shall be distributed to Senators before the Plenary Sitting begins. It shows the order of Senators in taking the floor, the duration of each Senator's speech and if possible the matter to

Secrétaire Général du Sénat ou, en son absence, par son remplaçant. L'Assemblée Plénière décide de leur publication et détermine le début de leur exploitation lorsqu'il s'avère nécessaire.

**Article 27: Signature des comptes-rendus et procès verbaux**

Les comptes-rendus et procès verbaux approuvés par l'Assemblée Plénière sont signés par le Président de la séance, par le Secrétaire Général du Sénat ou son remplaçant ainsi que par le rapporteur. Ils sont publiés à l'aide de tout moyen possible d'information et de communication et mis à la bibliothèque du Sénat.

**Article 28: Demande et prise de parole dans la séance de l'Assemblée Plénière**

Un Sénateur qui demande la parole conformement à la presente loi organique l'obtient.

Tout Sénateur qui souhaite prendre la parole se fait inscrire sur la liste prévue à cet effet.

L'inscription sur la première liste est faite par écrit avant cinq (5) heures au moins du début de la séance de l'Assemblée Plénière. La première liste est distribuée à tous les Sénateurs avant l'ouverture de la Séance Plénière. Elle précise l'ordre des Sénateurs dans la prise de la parole, la durée de chaque intervention et autant que possible, le sujet sur

n'ingingo buri Musenateri ari buvugeho.

Igihe ntarengwa gihabwa buri Musenateri uri ku ilisiti ya mbere ni iminota cumi n'itanu (15).

Kwiyandikisha ku ilisiti ya kabiri hifashishwa uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu gusaba ijambo cyangwa mu gutora kandi bikorwa uhagarariye umushinga w'itegeko cyangwa ikindi kibazo gisuzumwa amaze gusubiza abari biyandikishije ku ilisiti ya mbere. Ilisiti ya kabiri imenyeshwa Inteko Rusange mbere y'uko abayiyandikishijeho bahabwa ijambo kandi buri Musenateri agahabwa igihe ntarengwa cy'iminota itanu (5).

Ilisiti ya gatatu ari na yo ya nyuma ifungurwa ari uko ibibazo by'Abasenateri biyandikishije kuri lisiti ya kabiri byasubijwe. Abasenateri biyandikisha hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu gusaba ijambo cyangwa mu gutora. Ilisiti ya gatatu imenyeshwa Inteko Rusange mbere y'uko abiyandikishije bahabwa ijambo kandi buri Musenateri agahabwa igihe ntarengwa cy'iminota itanu (5).

Mu gihe cyo kwiyandikisha ku ilisiti ya kabiri n'iya gatatu, iyo uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu gusaba ijambo cyangwa mu gutora budakora neza, Umusenateri asaba ijambo ashyira ukuboko hejuru mbere y'uko uyoboye inama atangira gutanga ijambo.

be touched on.

The time limit given to any Senator registered on the first list is fifteen (15) minutes.

Registration on the second list is done through electronic ways used to request the floor or vote and shall be made after those who table the bills or any other issue under examination have responded to members on the first list. The number and names of Senators on the second list are communicated to the Plenary Assembly before the floor is given and each Senator is given a maximum time of five (5) minutes.

A third and last registration shall start after the person who introduced the matter has replied to the Senators registered on the second list. Senators shall be registered through electronic ways used to request the floor or to vote. The third list shall be read to the Plenary Assembly before the Senators on it are given the floor for a maximum of five (5) minutes each.

During registration on the second and third list, where electronic way used to request the floor or to vote does not work properly, any Senator shall request the floor by show of hand before the chairperson of the sitting starts giving the floor.

lequel portera chaque intervention.

La durée limite accordée à chaque Sénateur inscrit sur la première liste est de quinze (15) minutes.

L'inscription sur la deuxième liste est faite par voie électronique utilisée lors de la demande de parole ou lors du vote et se fait après les réponses de l'auteur du projet ou du sujet en discussion aux intervenants de la première liste. La deuxième liste est communiquée à l'Assemblée Plénière avant que la parole ne soit donnée aux orateurs, qui auront droit à un maximum de cinq (5) minutes chacun.

La troisième et dernière liste est ouverte lorsque les questions des Sénateurs inscrits sur la deuxième liste ont reçu des réponses. L'inscription est faite par voie électronique utilisée lors de la demande de parole ou lors du vote. La troisième liste est communiquée à l'Assemblée Plénière avant que la parole ne soit accordée aux orateurs pour une durée maximum de cinq (5) minutes chacun.

Lors de l'inscription sur la deuxième et troisième liste, lorsque la voie électronique utilisée lors de la demande de parole ou lors du vote ne fonctionne pas correctement, tout Sénateur demande la parole en levant la main avant que le président de la séance plénière ne commence à accorder la parole.

Nta Musenateri ushobora gufata ijambo atarihawe n'uyoboye inama y'Inteko Rusange hakurikijwe ilisiti yatangajwe.

Minisitiri w'Intebe, ba Minisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma, Perezida na Visi-Perezida ba Komisiyo yize ikibazo, Umusenateri urebwa ku giti cye n'ikibazo cyigwa kimwe n'abavugizi b'imishinga y'amategeko yateguwe na Guverinoma cyangwa yateguwe n'Abadepite, n'abagejeje raporo y'Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga ku Nteko Rusange, bahabwa ijambo buri gihe iyo barisabye.

Iyo bibaye ngombwa, nyuma ya buri lisiti, uyoboye inama y'Inteko Rusange yerekana ibitekerezo by'ingenzi byagaragajwe mu mpaka.

**<u>Ingingo ya 29</u>: Aho uhawe ijambo mu Nteko Rusange avugira**

Uhawe ijambo ari ku ilisiti ya mbere arivugira ku mwanya wabugenewe iyo bishoboka.

Urihawe ku ilisiti ya kabiri, iya gatatu kimwe n'uhawe mosiyo cyangwa uwifashe bavugira mu myanya yabo.

No Senator shall take the floor unless the chairperson of the sitting allows him/her in accordance with the list announced.

The Prime Minister, Ministers, Ministers of State, other Cabinet members, the Chairperson and Vice-Chairperson of the Parliamentary Committee that considered the issue, Senator that is personally concerned with the issue as well as those who table the bills or private bills and those who present the reports of the organs provided by the Constitution to the Plenary Sitting, shall be given the floor at any time they request for it.

.

If deemed necessary, after each list, the chairperson of the sitting shall sum up the main ideas of the debates.

**<u>Article 29</u>: Place where a Senator being given the floor in the Plenary Sitting stands**

A member being given the floor on the first list shall use the platform provided for that purpose if possible.

A member on the second list, third list as well as a member rising on a point of order or those who abstained shall as far as possible remain in their seats.

Aucun Sénateur ne peut prendre la parole sans l'autorisation préalable du Président de la séance, conformément à la liste préalablement communiquée.

Le Premier Ministre, les Ministres, les Secrétaires d'Etat, les autres membres du Gouvernement, le Président et le Vice-président de la Commission ayant traité le sujet, le Sénateur personnellement concerné par la question en discussion ainsi que les auteurs des projets ou des propositions de lois ainsi que les personnalités des institutions qui ont présenté le rapport à l'Assemblée Plénière ont la parole chaque fois qu'ils le demandent.

En cas de besoin et, après chaque liste, le président de la séance fait la synthèse des idées maîtresses qui ont caractérisé les débats.

**<u>Article 29</u>: Endroit où se tient l'orateur à la séance de l'Assemblée Plénière**

L'orateur de la première liste se tient à la tribune prévue à cet effet autant que possible.

L'orateur de la deuxième liste, de la troisième liste ainsi que celui qui demande une motion d'ordre ou celui qui s'abstient, restent à leurs places.

**Ingingo ya 30: Ibibujijwe mu nama y'Inteko Rusange.**

Uhawe ijambo wese nta wundi ashobora kubwira, uretse uyoboye inama y'Inteko Rusange

Birabujijwe gutukana, gusarikana, gushyogozanya, gusahinda cyangwa kurogoyana mu Nteko Rusange.

**Ingingo ya 31: Imyitwarire y'ufite ijambo mu nama y'Inteko Rusange**

Nta wushobora guca undi mu ijambo, keretse uyoboye inama y'Inteko Rusange na bwo yibutsa itegeko.

Iyo uvuga atandukiriye cyangwa asubiye mu byavuzwe, uyoboye inama y'Inteko Rusange agomba kumuhagarika kandi ni we wenyine ufite ububasha bwo kumugarura ku bibazo byigwa.

Iyo uvuga amaze kwibutswa kabiri akaguma gutandukira cyangwa gusubira mu byavuzwe, uyoboye inama y'Inteko Rusange amwaka ijambo mu gihe cyose Inteko Rusange ikiga icyo kibazo.

**Article 30: Prohibitions in the Plenary Sitting**

Any person being given the floor shall only address the chairperson of the Plenary Sitting.

No member shall utter abusive, offending and injurious remarks, or disrupt order in the Plenary Sitting.

**Article 31 : Behaviour of a Senator who is speaking in a Plenary Sitting**

No member shall be interrupted when he/she has the floor except by the chairperson of the Plenary Sitting, only for the purpose of reminding him/her of the rules of procedure.

If a member is digressing from the matter under consideration, or engaging in repetition, the chairperson of the Plenary Sitting shall interrupt him/her, and he/she shall be the only person with the authority to call a member to order.

If a member has been called to order twice but persists in his/her digression or repetition, the chairperson of the Plenary Sitting shall order the member to be silent for the rest of the time that the Plenary Sitting devoted to that issue.

**Article 30: Interdictions lors d'une séance de l'Assemblée Plénière**

Tout intervenant ne peut s'adresser qu'au Président de la séance de l'Assemblée Plénière.

Tout propos insultant, blessant, toute intervention troublant l'ordre et tout acte visant à empêcher un orateur de s'exprimer à la séance plénière sont interdits.

**Article 31: Comportement de celui qui a la parole lors de la séance de l'Assemblée Plénière**

Nul ne peut être interrompu lorsqu'il parle, si ce n'est que par le Président de la séance pour un rappel de la loi.

Si un orateur s'écarte du sujet des débats ou s'il répète ce qui a été déjà dit, le président de la séance doit l'interrompre et il est le seul habilité à le ramener à la question en discussion.

Si après un deuxième rappel, le même orateur continue à s'écarter de la question en discussion ou s'il continue de répéter ce qui a été déjà dit, le Président de la séance lui retire la parole pendant la durée que la séance plénière consacre au débat sur la question.

**Ingingo ya 32: Gusaba mosiyo**

Umusenateri ashobora gusaba mosiyo itarengeje iminota itatu (3) kugira ngo :

1° yibutse itegeko;

2° asubize icyo bamuvuzeho;

3° yibutse ko ikibazo yabajije kitasubijwe;

4° asabe ko impaka zihagarara;

5° asabe ko Inteko Rusange ihagarika imirimo gato;

6° asabe ko imirimo y'Inteko Rusange isubikwa .

Ibisabwa bivugwa mu gace ka 4º, aka 5º n'aka 6º tw'iyi ngingo byemezwa n'Inteko Rusange ku bwumvikane busesuye, bitashoboka bikemezwa ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu (3/5) by'Abasenateri bitabiriye inama .

Iyo Umusenateri asabye ko impaka zihagarara byemerwa ari uko ibibazo byabajijwe n'Abasenateri bishubijwe.

Ikimenyetso gikoreshwa mu gusaba mosiyo ni ugushyira ukuboko hejuru ikiganza gitambitse kirambuye hejuru y'ikindi kiganza kirambuye impagarike kigishyigikiye cyangwa ubundi

**Article 32: Moving a motion**

A Senator may move a motion not exceeding three (3) minutes to:

1° remind the rules of procedure;

2° react to what has been mentioned about him/her;

3° remind that his/her question was not answered;

4° request for the debates to be closed;

5° request for a brief suspension of the Plenary Sitting;

6° request for the adjournment of the Plenary Sitting.

The requests stated in points 4°, 5° and 6° of this Article shall be approved by the Plenary Assembly by consensus or, failing this, upon a three third (3/5) majority vote of Senators present at the sitting.

When a member requests for the closure of debates, the Plenary Assembly shall approve it only if issues raised by members have been addressed.

Motions shall be sought by raising hands with one hand lying horizontally and perpendicularly facing downwards over the other or other means where not possible.

**Article 32: Demande d'une motion**

Tout Sénateur peut obtenir la parole pour une motion d'ordre ne dépassant pas trois (3) minutes pour :

1° faire le rappel à la loi ;

2° réagir à un fait personnel ;

3° rappeler que sa question n'a pas été répondue;

4° demander la clôture des débats ;

5° demander une brève suspension de la séance ;

6° demander l'ajournement de la séance.

Les demandes dont question aux points 4°, 5° et 6° du présent article sont approuvées par l'Assemblée Plénière par consensus ou, à défaut, à la majorité de 3/5 des Sénateurs présents à la séance.

Lorsqu'un Sénateur demande la clôture des débats, l'Assemblée Plénière ne l'approuve que lorsque, les questions posées par les Sénateurs ont été répondues.

Le signe utilisé pour demander la motion d'ordre est une main levée ouverte tenue horizontalement la paume en bas et perpendiculairement à l'autre qui est levée verticalement et ouverte ou d'autres moyens si

buryo iyo bidashoboka.

Mosiyo ntisabwa mu gihe:

1° Umusenateri wahawe ijambo akirifite;

2° gucisha mu majwi byatangiye;

3° Abasabye ndifashe bataravuga impamvu bifashe.

**<u>Ingingo ya 33</u>: Gusaba guhindura ibiri ku murongo w'ibyigwa**

Umusenateri wese ashobora gusaba guhindura ibiri ku murongo w'ibyigwa. Bisabwa mu ibaruwa yandikirwa Perezida wa Sena nibura amasaha atanu (5) mbere y`uko inama iterana na we akabimenyesha Abasenateri akoresheje inyandiko. Icyemezo gifatwa binyuze mu bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari.

Mu gihe byemejwe kandi ikibazo cyihutirwa, Inteko Rusange ihita igisuzuma.

Iyo Inteko Rusange isanze ikibazo igejejweho gifite ishingiro ariko kitihutirwa, igena igihe kizigirwa.

**<u>Ingingo ya 34</u>: Ihagarikwa ry'impaka**

Uyoboye inama y'Inteko Rusange yerekana aho impaka zigeze akanazihagarika iyo

No motion shall be moved where:

1° a Senator who has been given the floor is speaking ;

2° the voting has started;

3° abstainees are yet to state the reason for abstaining.

**<u>Article 33</u>: Request to change the agenda**

Any Senator may request that items on the agenda be changed. The request shall be made in writing and addressed to the President of the Senate within at least five (5) hours before the sitting is held, who also inform Senators of such a request in a written form. The request is approved by an absolute majority vote of Senators present.

If such a request is approved, the Plenary Assembly shall immediately consider an item it has deemed to be urgent

If the Plenary Assembly realises that the request is justified without the item being urgent, it shall determine the day for consideration of the item.

**<u>Article 34:</u> Closure of debates**

The chairperson of the Plenary Sitting shall sum up and close the debates after all those

cela n'est pas possible.

Aucune motion n'est demandée lorsque:

1° un Sénateur à qui la parole est accordée est entrain de parler;

2° l'opération de vote a commencé;

3° ceux qui se sont abstenus n'ont pas encore exprimé la raison de leur abstention.

**<u>Article 33</u>: Demande de changement de l'ordre du jour**

Tout Sénateur peut demander la modification de l'ordre du jour. Cette demande est adressée par écrit au Président du Sénat endéans cinq (5) heures avant la tenue de la séance, qui, à son tour, informe par écrit les Sénateurs de cette demande. La décision est prise à la majorité absolue des Sénateurs présents.

Lorsque la demande est acceptée, l'Assemblée Plénière examine immédiatement le sujet considéré comme urgent.

Lorsque l'Assemblée Plénière constate que les demandes soumises sont fondées mais qu'elles ne sont pas urgentes, elle fixe le moment de leur examen.

**<u>Article 34</u>: Clôture des débats**

Le Président de la séance récapitule et clôt les débats lorsque tous ceux qui ont demandé la

abasabye ijambo bose barangije kuvuga.

Ihagarikwa ry'impaka ku kibazo kigwaga rishobora kandi gusabwa n'uyoboye inama y'Inteko Rusange, iyo abona ko Inteko Rusange yize ibibazo ku buryo buhagije, cyangwa rigasabwa n'Umusenateri ku mpamvu nk'iyo rikemezwa n'Inteko Rusange ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari.

**<u>Icyiciro cya 3</u>: Komisiyo na Komite**

**<u>Akiciro ka mbere</u>: Komisiyo zihoraho**

**<u>Ingingo ya 35</u>: Ishyirwaho rya Komisiyo zihoraho n'Abasenateri bazigize**

Sena ifite Komisiyo zihoraho enye (4). Uwo mubare, inyito n'inshingano bishobora guhinduka igihe bibaye ngombwa.

Buri Komisiyo ihoraho igirwa n'Abasenateri bane (4) nibura.

**<u>Ingingo ya 36</u>: Komisiyo zihoraho n'abazigize**

Abagize Komisiyo zihoraho za Sena bajyaho mu buryo bukurikira :

1° buri Musenateri yiyandikisha muri Komisiyo imwe;

2° Biro ya Sena igenzura aho Abasenateri biyandikishije ikemeza abagize Komisiyo ikurikije ibi bikurikira :

who requested for the floor have been heard.

In addition, the closing of debates can be requested either by the chairperson of the sitting when he/she deems that all the issues have been sufficiently handled, or by a member for the same reason. The motion shall be approved by the Plenary Assembly on an absolute majority vote of the Senators present.

**<u>Section 3</u>: Committees**

**<u>Sub-Section One</u>: Standing Committees**

**<u>Article 35:</u> Establishment of Standing Committees and their composition**

The Senate shall be comprised of four (4) standing committees. Such number, name and responsibilities may change if necessary.

Each Standing Committee shall be comprised of at least four (4) Senators.

**<u>Article 36</u>: Standing Committees and their composition**

The composition of Standing Committees of the Senate shall be determined as follows:

1° every Senator shall register in only one Standing Committee ;

2° the Bureau of the Senate shall verify the registration of Senators and confirm their membership in consideration of the

parole ont été entendus.

La clôture des débats sur la question qui faisait l'objet des discussions peut également être demandée soit par le président de la séance, s'il estime que l'Assemblée Plénière a suffisamment débattu sur la question, soit par un Sénateur pour le même motif. Cette demande est approuvée à la majorité absolue des Sénateurs présents.

**<u>Section 3</u>: Commissions et Comité**

**<u>Sous-Section première</u>: Commissions permanentes**

**<u>Article 35</u> : Creation des Commissions permanentes et leur composition**

Le Sénat comprend quatre (4) Commissions permanentes. Ce nombre, l'appellation et les attributions peuvent changer en cas de besoin.

Chaque Commission permanente compte au moins quatre (4) Sénateurs.

**<u>Article 36</u>: Commissions permanentes et leur composition**

La composition des Commissions permanentes du Sénat est déterminée comme suit :

1° chaque Sénateur se fait inscrire dans une seule Commission ;

2° le Bureau du Sénat vérifie les inscriptions des Sénateurs et arrête la composition définitive de chaque Commission sur base

a. icyifuzo cya buri Musenateri;

b. umubare w'abagize buri Komisiyo;

c. ibyo Komisiyo ihoraho ishinzwe;

d. ubumenyi bw'Umusenateri mu bijyanye n'ibyo Komisiyo ishinzwe;

e. uburambe bw'Umusenateri mu mirimo ijyanye n'ibyo Komisiyo ishinzwe ;

f. ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo.

Nyuma y'imyaka ine (4), Umusenateri ubyifuza ashobora guhindura Komisiyo. Kwiyandikisha muri Komisiyo no kwemeza abagize Komisiyo bikurikiza ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo

**<u>Ingingo ya 37</u>: Biro ya Komisiyo n'itorwa ryayo**

Buri Komisiyo igira Biro yayo igizwe na Perezida na Visi-Perezida uyibera umuvugizi. Perezida na Visi-Perezida ba buri Komisiyo batorwa n'Inteko Rusange ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari.

following criteria:

a. the preferences of each Senator;

b. the number of members of each Standing Committee;

c. the functions of the Standing Committee;

d. the skills of the Senator in relation to the Standing Committee;

e. the experience of the Senator in relation to the functions of the Standing Committee;

f. the principle of gender equality.

After four (4) years, a Senator may change his/her committee membership. Committee membership registration and approval shall be carried out pursuant to the provisions of Paragraph One of this Article.

**<u>Article 37:</u> Standing Committee Bureau and its election**

Each Standing Committee shall have a Bureau comprised of a Chairperson and a Vice-Chairperson who shall be its rapporteur. The Chairperson and the Vice-Chairperson of each Standing Committee shall be elected by the Plenary Assembly upon absolute majority vote of Senators present.

des critères ci-après :

a. le souhait de chaque Sénateur ;

b. le nombre des membres de chaque Commission ;

c. les attributions de la Commission permanente ;

d. les compétences du Sénateur en rapport avec les attributions de la Commission ;

e. l'expérience du Sénateur par rapport aux attributions de la Commission ;

f. le principe d'égalité entre les genres.

Après quatre (4) ans, un Sénateur qui le désire peut changer de Commission. L'inscription à la Commission et l'approbation de membres de la Commission se font conformement aux dispositions de l'alinéa premier du présent article.

**<u>Article 37 :</u> Bureau de la Commission permanente et son élection**

Chaque Commission comprend un Bureau composé d'un Président et d'un vice-président qui en est le rapporteur. Le Président et le Vice-Président de chaque Commission sont élus par l'Assemblée Plénière à la majorité absolue des Sénateurs présents.

Kugira ngo batorwe, ababyifuza bo muri Komisiyo babimenyesha Biro ya Sena ikabimenyesha Inteko Rusange.

Perezida na Visi-Perezida batorwa umwe ukwe n'undi ukwe.

Iyo nta n'umwe mu biyamamaje wabonye ubwiganze busabwa, itora risubirwamo. Iyo ubwiganze burunduye butabonetse ku nshuro ya kabiri cyangwa banganyije amajwi, itora rirongera rigasubirwamo, ubwiganze busanzwe bukaba ari bwo bukoreshwa.

**<u>Ingingo ya 38</u>: Kuyobora Komisiyo**

Inama ya Komisiyo iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, iyo adahari agasimburwa na Visi Perezida.

Iyo bombi badahari cyangwa se bavuye ku mirimo burundu kandi bakaba batarasimburwa, Komisiyo iyoborwa n'Umusenateri urusha abandi imyaka y'amavuko. Umusenateri muto mu myaka aba umuvugizi wayo.

**<u>Ingingo ya 39</u>: Manda y'abagize Biro ya Komisiyo n'uko basimburwa**

Manda y'abagize Biro ya Komisiyo ni igihe cy'imyaka ine (4) gishobora kongerwa.

Biro ya Komisiyo cyangwa se umwe mu bagize Biro ashobora gusimburwa bisabwe na

Members of the Standing Committee wishing to be elected shall notify the Bureau of the Senate which shall notify the Plenary Assembly thereof.

The Chairperson and the Vice-Chairperson shall be elected separately.

When there is no candidate with the required votes, the voting shall be repeated. When the required votes are not obtained for the second time, the voting shall be repeated once again and the winning candidate shall obtain a simple majority of votes.

**<u>Article 38</u>: Chairing the Committee**

The Committee meeting shall be chaired by the Chairperson, and, in his/her absence, by the Vice chairperson

When both are absent or have left office and have not yet been replaced, the Standing Committee shall be chaired by the oldest Senator among its members. The youngest Member shall be its rapporteur.

**<u>Article 39:</u> Term of office for members of the Bureau and their replacement**

Members of the bureau of a Standing Committee shall have a term of office of four (4) years renewable.

Upon request of two thirds (2/3) of the members of the Standing Committee, the

Pour être élus, les membres de la Commission qui le désirent font parvenir leurs candidatures au Bureau du Sénat qui les communique à l'Assemblée Plénière.

Le Président et le Vice-Président sont élus séparément.

Lorsqu'après vote, aucun candidat n'obtient la majorité requise, il est procédé à un nouveau scrutin. Si, après le deuxième tour, aucune majorité absolue ne se dégage ou en cas d'égalité des voix, il est procédé à nouveau au vote et, l'élection se fait à la majorité simple.

**<u>Article 38</u> : Présidence de la Commission**

La réunion de la Commission est présidée par le Président et, en cas de son absence, par le Vice président.

Lorsque tous les deux sont empêchés ou lorsqu'ils ont quitté définitivement leurs fonctions et s'ils ne sont pas encore remplacés, la Commission est présidée par le Sénateur le plus âgé de la Commission. Le Sénateur le moins âgé en est le rapporteur.

**<u>Article 39:</u> Mandat des membres du Bureau et leur remplacement**

Le Bureau d'une Commission est élu pour un mandat de quatre (4) ans renouvelable.

Le Bureau d'une Commission ou l'un de ses membres peut être remplacé sur demande de deux tiers (2/3) des membres de la

bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize Komisiyo. Mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe bisabwe, inama yiga kuri icyo kibazo itumizwa na Perezida cyangwa Visi-Perezida ba Komisiyo bitewe n'usimburwa.

Mu gihe Perezida na Visi-Perezida bagomba gusimburwa cyangwa se utagomba gusimburwa adashobora gutumiza inama, icyo gihe itumizwa kandi ikayoborwa n'Umusenateri mukuru mu myaka y'amavuko mu batanze icyo cyifuzo.

Uko gusimburwa gukorwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) kuva Inteko Rusange ifashe icyemezo, bigakorwa mu buryo buteganywa mu gika cya mbere cy'ingingo ya 37 y'iri tegeko ngenga.

**<u>Ingingo ya 40:</u> Komisiyo zihoraho za Sena n'inshingano zazo**

Komisiyo zihoraho za Sena zifite inyito n'inshingano bikurikira:

1° Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere Myiza ishinzwe amategeko n'ibirebana na :

a. ivugurura ry'Itegeko Nshinga ;
b. amatora ya referendumu n'andi matora;

Bureau of the Standing Committee or one of its members can be replaced. In a period not exceeding fifteen (15) days from the date the request is made, the meeting on such matter is convened by the Chairperson or Vice-chairperson of the Standing Committee, depending on the person to be replaced, shall convene a meeting.

When the Chairperson and the Vice-chairperson have to be replaced or the one who is not to be replaced is unable to convene the meeting, the oldest Member among those who raised the issue shall convene a meeting devoted to the issue.

The replacement shall be done in a period not exceeding thirty (30) days from the date the Plenary Assembly took a decision and as provided for in Article 37 of this Organic Law.

**<u>Article 40:</u> Standing committees and their functions**

The following Standing Committees of the Senate with respective functions are established:

1° The Standing Committee on Political Affairs and Good Governance shall deal with laws and matters related to:

a. amendments to the Constitution;
b. referendum and other types of elections;

Commission. Dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours, la séance consacrée à l'examen de cette question est convoquée par le Président ou le Vice-président de la Commission selon celui qui doit être remplacé.

Si le Président et le Vice-Président sont à remplacer ou si celui qui n'est pas à remplacer se trouve dans l'impossibilité de convoquer la séance, celle-ci est convoquée et présidée par le Sénateur le plus âgé parmi les Sénateurs qui ont introduit la demande.

Ce remplacement se fait dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à partir du jour de la prise de décision par l'Assemblée Plénière et conformément aux dispositions de l'article 37 de la présente loi organique.

**<u>Article 40:</u> Commissions permanentes et leurs attributions**

Les dénominations et les attributions des Commissions permanentes du Sénat sont les suivantes :

1° La Commission Politique et de la Bonne Gouvernance est chargée des lois et des matières relatives :

a. à la révision de la Constitution ;
b. aux élections référendaires et autres élections ;

c. ubutegetsi bw'igihugu n'imiyoborere myiza;

d. iyubahirizwa ry'amahame-remezo akubiye mu ngingo ya 9 y'Itegeko Nshinga cyane cyane kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyo igaragariramo byose, amacakubiri n'ivangura iryo ari ryo ryose;

e. imikorere y'imitwe ya politiki n'imyitwarire y'abanyapolitiki;

f. dosiye z'abayobozi bemezwa na Sena;

g. ubutabera n'imikoranire y'inzego;

h. amategeko mpanabyaha, ayerekeye imitunganyirize n'ububasha by'inkiko n'ay'imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

i. ishyirwaho, ihindurwa, imikorere n'ivanwaho ry'inzego za Leta ;

j. uburinganire, iterambere ry'abanyarwandakazi n'urubyiruko;

k. ubumwe bw'Abanyarwanda;

l. isobanurampamo ry'amategeko mu byerekeye inshingano za Komisiyo ;

m. Komisiyo isuzuma kandi igategura

c. local administration and good governance;

d. the respect of general principles established in Article 9 of the Constitution and especially in guarding against the ideology of genocide and all forms of discrimination;

e. the functioning of political organisations and the ethics of politicians;

f. documents in connection with candidates who have to be approved by the Senate;

g. justice and institutional relations;

h. criminal legislation, the organisation and jurisdiction of Courts and criminal procedures;

i. the creation, changes , functioning and removal of Government institutions;

j. gender and emancipation of women and the youth;

k. national unity;

l. authentic interpretation of laws bearing relation with the functions of the committee;

m. the Committee shall scrutinize the

c. à l'administration locale et la bonne gouvernance ;

d. au respect des principes fondamentaux énoncés à l'article 9 de la Constitution et spécialement la lutte contre l'idéologie du génocide et toutes ses manifestations, ainsi que toute forme de discrimination;

e. au fonctionnement des formations politiques, et à l'éthique des politiciens ;

f. aux dossiers des personnalités à être approuvées par le Sénat ;

g. à la justice et aux relations institutionnelles ;

h. à la législation pénale, l'organisation et la compétence des cours et tribunaux ainsi que la procédure pénale ;

i. à la création, au changement, au fonctionnement et à la suppression des institutions de l'Etat ;

j. au genre et à la promotion de la femme et de la jeunesse ;

k. à l'unité nationale ;

l. à l'interprétation authentique des lois en rapport avec la mission de la Commission;

m. la Commission examine et formule des

imyanzuro kuri Porogaramu na raporo z'ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'ibya Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya jenoside.

2° Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari ishinzwe amategeko n'ibirebana na :

a. ubukungu n'ubucuruzi;
b. imari n'igenamigambi;
c. ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba;
d. ingufu, amazi n'umutungo kamere;

e. imirimo ya Leta, gutwara abantu n'ibintu n'itumanaho;
f. ubutaka, imiturire no kurengera ibidukikije;
g. umushinga w'ingengo y'imari ya Sena;
h. ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta mbere y'uko wemezwa burundu;
i. isobanurampamo ry'amategeko mu byerekeye inshingano za Komisiyo;

j. Komisiyo isuzuma kandi igategura imyanzuro kuri Porogaramu na raporo z'ibikorwa by'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta.

3° Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano ishinzwe amategeko n'ibirebana na :

programme and activity report of the National Unity and Reconciliation Commission and the one of the National Commission for the Fight against Genocide and formulates relevant recommendations.

2° The Standing Committee on Economic Development and Finance shall deal with laws and matters related to:

a. economy and trade;
b. finance and economic planning;
c. agriculture, livestock and forestry;
d. energy, water and natural resources;

e. public works, transport and communication;
f. land, housing and environmental protection;
g. budget draft of the Senate;
h. opinion of the Senate on the finance bill before it is adopted;

i. authentic interpretation of laws bearing relation with the functions of the Standing Committee;
j. the Standing Committee shall analyse and formulate recommendations related to the programme and activity report of the Auditor General 's Office.

3° The Standing Committee on Foreign Affairs, Cooperation and Security shall deal with laws and matters

recommandations sur le programme et le rapport d'activités de la Commission Nationale de l'Unité et la Réconciliation et ceux de la Commission Nationale de Lutte contre le Génocide.

2° La Commission du Développement Economique et Finances est chargée des lois et des matières relatives :

a. à l'économie et au commerce ;
b. aux finances et à la planification ;
c. à l'agriculture, à l'élevage et aux forêts ;
d. à l'énergie, à l'eau et aux ressources naturelles ;
e. aux travaux publics, au transport des biens et des personnes et aux communications ;
f. à la terre, à l'habitat et à la protection de l'environnement ;
g. au projet du budget du Sénat ;
h. à l'avis du Sénat sur le projet de loi des Finances de l'Etat avant son adoption définitive ;
i. à l'interprétation authentique des lois en rapport avec la mission de la Commission ;

j. la Commission examine et formule des recommandations sur le programme et le rapport d'activités de l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat.

3° La Commission des Affaires Etrangères, de la Coopération et de la Sécurité est chargée des lois et des matières

a. ububanyi n'amahanga n'ubutwererane;

b. amasezerano mpuzamahanga ;

c. imikorere y'Ambasade z'u Rwanda mu mahanga;

d. porotokole ya Leta muri rusange;

e. gusuzuma no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro ikubiye muri raporo z'ubutumwa mu mahanga;

f. umutekano no kurinda Igihugu;

g. imitunganyirize y'inzego z'umutekano;

h. abanyarwanda baba mu mahanga;

i. isobanurampamo ry'amategeko mu byerekeye inshingano za Komisiyo.

4° Komisiyo y'Imibereho Myiza y'Abaturage, Uburenganzira bwa Muntu n'ibibazo by'abaturage ishinzwe gusuzuma amategeko n'ibirebana na :

a. imibereho myiza y'abaturage n'umuryango;

b. ubuzima no kurwanya SIDA n'izindi

related to:

a. foreign affairs and cooperation;

b. international conventions;

c. functioning of Rwanda Embassies abroad;

d. State protocol in general;

e. examining and following the implementation of recommendations from foreign mission reports ;

f. national security and integrity;

g. organisation of Security organs;

h. Rwandans living abroad;

i. authentic interpretation of laws bearing relation with the functions of the Standing Committee.

4° The Standing Committee on Social Affairs, Human Rights and Petitions shall consider laws and matters related to:

a. social affairs and family,

b. health and the fight against AIDS and

relatives :

a. aux relations internationales et à la coopération ;

b. aux accords internationaux;

c. au fonctionnement des Ambassades du Rwanda à l'étranger ;

d. au protocole de l'Etat en général;

e. à l'examen et suivi de l'exécution des recommandations des rapports de mission à l'étranger ;

f. à la sécurité et à l'intégrité nationale;

g. à l'organisation des services de sécurité ;

h. aux Rwandais vivant à l'étranger;

i. à l'interprétation authentique des lois en rapport avec la mission de la Commission.

4° La Commission des Affaires Sociales, des Droits de la Personne Humaine, et des Pétitions est chargée d'examiner des lois et des matières relatives :

a. au bien être social, à la famille ;

b. à la santé et à la lutte contre le SIDA et

ndwara z'ibyorezo;

c. uburezi, ubushakashatsi, ikoranabuhanga, umuco na siporo;

d. abakozi, umurimo n'ubwiteganyirize;

e. uburenganzira bwa Muntu;

f. imiryango yita ku burenganzira bwa Muntu;

g. gusuzuma ibibazo abaturage bagejeje kuri Sena;

h. isobanurampamo ry'amategeko mu byerekeye inshingano za Komisiyo ;

i. Komisiyo isuzuma kandi igategura imyanzuro kuri Porogaramu na raporo z'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi, ibya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu kimwe n'ibya Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta.

**<u>Ingingo ya 41</u>: Ingengo y'imari ya Komisiyo**

Kugira ngo Komisiyo yubahirize inshingano zayo, igenerwa ingengo y'imari buri mwaka.

other pandemics;

c. education, scientific research, technology, culture and sports;

d. workers, employment and social security;

e. human rights;

f. Human rights organisations;

g. examining the petitions referred to the Senate ;

h. authentic interpretation of laws bearing relation with the functions of the Committee;

i. the Standing Committee analyses the programme and activity report of the Ombudsman Office, the National Commission for Human Rights, as well as the Public Service Commission and formulates recommendations thereon.

**<u>Article 41:</u> Budget of the Standing Committee**

Each Standing Committee shall have its own annual budget which enables it to achieve its functions.

autres pandémies ;

c. à l'éducation, à la recherche scientifique, à la technologie, à la culture et aux sports ;

d. aux travailleurs, à l'emploi, et à la sécurité sociale ;

e. aux droits de la personne humaine ;

f. aux organisations de défense des droits de la personne ;

g. aux pétitions adressées au Sénat ;

h. à l'interprétation authentique des lois en rapport avec la mission de la Commission ;

i. la Commission examine et formule des recommandations sur le programme et le rapport d'activités de la Commission Nationale des Droits de la Personne, ceux de l'Office de l'Ombudsman ainsi que ceux de la Commission de la Fonction Publique.

**<u>Article 41:</u> Budget de la Commission permanente**

Pour permettre aux Commissions de remplir leur mission, chaque Commission dispose d'un budget annuel.

**Akiciro ka 2: Komisiyo zidasanzwe**

**Ingingo ya 42: Ishyirwaho rya Komisiyo zidasanzwe**

Bisabwe na Perezida cyangwa Abasenateri nibura batanu (5), bikemezwa n'Inteko Rusange, Sena ishobora gushyiraho Komisiyo zidasanzwe zishinzwe gusuzuma imishinga y'amategeko, cyangwa ibibazo byihariye.

**Ingingo ya 43: Abagize Komisiyo idasanzwe n'uko batorwa**

Abagize Komisiyo idasanzwe na Biro yayo igizwe na Perezida na Visi Perezida bashyirwaho batowe n'Inteko Rusange mu bakandida batanzwe na Biro ya Sena.

Itora ry'abagize Komisiyo zidasanzwe, Perezida wayo na Visi-Perezida wayo rikurikiza ibiteganywa n'igika cya mbere cy'ingingo ya 37 y'iri tegeko ngenga.

**Ingingo ya 44: Irangira ry'imirimo ya Komisiyo idasanzwe**

Imirimo ya buri Komisiyo idasanzwe irangira iyo itanze raporo y'ibyo yagezeho kandi bigafatirwa umwanzuro n'Inteko Rusange.

**Sub-Section 2: Ad hoc Committees**

**Article 42: Establishment of Ad hoc Committees**

Upon request of the President of the Senate or at least five (5) Senators and upon approval of the Plenary Assembly, the Senate may establish ad hoc Committees for the purpose of considering bills or special issues.

**Article 43: Members of an ad hoc Committee and their election**

Members of an ad hoc Committee and its Bureau composed of the chairperson and vice chairperson shall be elected by the Plenary Assembly from amongst the candidates proposed by the Bureau of the Senate.

The election of members of an ad hoc Committee, of its chairperson and vice-chairperson shall be conducted in accordance with provisions of the first Paragraph of Article 37 of this Organic Law.

**Article 44: Termination of ad hoc committee mandate**

The mandate of each ad hoc Committee shall be terminated as soon as it has handed in its report and the Plenary Assembly has taken a decision thereupon.

**Sous-section 2: Commissions Spéciales**

**Article 42: Constitution des Commissions Spéciales**

A la demande du Président ou d'au moins cinq (5) Sénateurs et après approbation de l'Assemblée Plénière, le Sénat peut constituer des Commissions spéciales pour traiter des projets ou propositions des lois ou des questions spéciales.

**Article 43: Membres d'une Commission spéciale et leur élection**

Les membres d'une Commission spéciale et son Bureau composé du Président et du Vice-Président sont élus par l'Assemblée Plénière parmi les candidats proposés par le Bureau du Sénat.

L'élection des membres d'une Commission spéciale, de son Président et de son Vice-Président, est faite conformément aux dispositions du premier paragraphe de l'article 37 de la présente loi organique.

**Article 44 : Fin de la mission d'une Commission spéciale**

La mission de toute Commission spéciale prend fin dès que cette dernière a remis le rapport de ses travaux et que l'Assemblée Plénière a statué là-dessus.

**Akiciro ka 3: Komite ishinzwe Kugenzura Imikorere ya Sena, Imyitwarire, Imyifatire n'Ubudahungabanywa by'Abasenateri**

**Ingingo ya 45: Itorwa ry'abagize Komite**

Sena yitoramo Komite igizwe n'Abasenateri nibura batanu (5) ishinzwe kugenzura imikorere ya Sena, Imyitwarire Imyifatire n'Ubudahungabanywa by'Abasenateri Ikanasuzuma Ibikorwa bya Sena, yitwa "Komite" muri iri tegeko ngenga. Abagize Komite batorwa hitawe ku byiciro bitandukanye bigize Sena iyo bishoboka.

Komite igira Biro igizwe na Perezida na Visi-Perezida uyibera umuvugizi. Batorwa n'Inteko Rusange hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 37 y'iri tegeko ngenga.

**Ingingo ya 46: Inshingano za Komite**

Komite ishinzwe cyane cyane:

1° gusuzuma ibikorwa bya Biro ya Sena, iby'Inama y'Abaperezida, iby'Amakomisiyo n'iby'Inteko Rusange;

2° gukurikirana no kugira inama Abasenateri ku byerekeye imyitwarire n'imyifatire yabo haba mu Ngoro ya Sena cyangwa hanze yayo ;

**Sub-section 3: Committee in charge of Assessment of the Senate's Activities, Senators' Conduct and Immunity**

**Article 45: Election of Committee members**

The Senate shall elect from among its members a Committee composed of at least five (5) Senators in charge of Assessment of the Senate's Activities, Senators' Conduct and Immunity, referred to as the "Committee" in this Organic Law. Members of the Committee shall be elected in consideration, if possible, of different categories of the Senate.

The Committee shall have a Bureau composed of the Chairperson and Deputy Chairperson who is its rapporteur. They are elected by the Plenary Assembly in accordance with provisions of Article 37 of this Organic Law.

**Article 46: Responsibilities of the Committee**

The Committee shall be specifically in charge of:

1° assessing the activities of the Senate Bureau, the Conference of Chairpersons, the Standing Committees and the Plenary Assembly;

2° following up the conduct of Senators and providing advice in respect thereof both outside and inside the building of the Senate;

**Sous-Section 3: Comité chargé de l'Evaluation des Activités du Sénat, de la Discipline, du Comportement et de l'Immunité des Sénateurs**

**Article 45 : Election des membres du Comité**

Le Sénat choisit en son sein un Comité composé d'au moins cinq (5) Sénateurs chargé de l'évaluation des activités du Sénat, de la discipline, du comportement et de l'immunité des Sénateurs, dénommé «Comité» dans la présente loi organique. Les membres du Comité sont élus en considération, dans la mesure du possible, de différentes catégories composant le Sénat.

Le Comité est dirigé par un Bureau composé par un Président et le Vice-Président qui en est le rapporteur. Ils sont élus par l'Assemblée Plénière conformément aux dispositions de l'article 37 de la présente loi organique.

**Article 46 : Attributions du Comité**

Le Comité est spécialement chargé de:

1° contrôler des activités du Bureau du Sénat, de la Conférence des Présidents, des Commissions et de l'Assemblée Plénière;

2° faire le suivi et donner conseils aux Sénateurs sur leur comportement et leur discipline au Palais du Sénat et à l'extérieur;

3° kureba no gukurikirana uko ubudahungabanywa bw'Abasenateri bwubahirizwa;

4° gutanga ibitekerezo ku bigenerwa Abasenateri, gukurikirana imyanzuro yabifatiwe n'ishyirwa mu bikorwa ryabyo.

Ingingo zishingirwaho na Komite mu gusuzuma ibikorwa by'inzego za Sena zitegurwa n'Inama y'Abaperezida zikemezwa n'Inteko Rusange.

**<u>Ingingo ya 47</u>: Iterana ry'inama ya Komite n'itumizwa ryayo**

Komite iterana rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa. Itumizwa na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida iyo Perezida adahari cyangwa Perezida wa Sena, abyibwirije cyangwa bisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'Abasenateri bagize Komite cyangwa kimwe cya gatanu (1/5) cy'Abasenateri bagize Sena.

Komite ishyikiriza raporo Inteko Rusange ikayifataho imyanzuro.

**<u>Ingingo ya 48</u>: Ibikurikizwa mu mirimo ya Komite**

Mu mirimo yayo, Komite ikurikiza ingingo zihuriweho na za Komisiyo zihoraho za Sena, usibye ibiteganyijwe ukundi n'ingingo ya 45, iya 46 n'iya 47 z'iri tegeko ngenga.

3° ensuring and following up the respect of immunity for Senators;

4° providing advice with respect to allowances of Senators following up recommendations thereof and their implementations.

The Conference of Chairpersons shall set criteria on which the Committee bases its assessment of the Senate structures and the Plenary Assembly shall approve them.

**<u>Article 47:</u> Meeting and convening of the Committee**

The Committee shall meet once a month and as often as may be necessary. It shall be convened by its Chairperson or by its vice-chairperson if the Chairperson is absent, or by the President of the Senate on his/her own initiative or upon request of one third (1/3) of the Committee members or one fifth (1/5) of the members of the Senate.

The Committee shall submit its report to the Plenary Assembly which shall make a decision thereon.

**<u>Article 48</u>: Proceedings of the Committee**

In its proceedings, the Committee shall be governed by the provisions governing the Senate Standing Committees with the exception of the provisions of Articles 45, 46

3° observer et assurer le suivi du respect de l'immunité des Sénateurs ;

4° donner des avis sur les avantages accordés aux Sénateurs et faire le suivi des recommandations y relatives et de leur exécution.

Sur proposition de la Conférence des Présidents, l'Assemblée Plénière détermine les critères à suivre par le Comité dans le contrôle des activités des organes du Sénat.

**<u>Article 47</u>: Réunion et convocation du Comité**

Le Comité se réunit une fois par mois et chaque fois que de besoin. Il est convoqué par son Président, ou en son absence par son Vice-Président, ou le Président du Sénat, de son initiative ou sur demande d'un tiers (1/3) des Sénateurs membres du Comité ou d'un cinquième (1/5) des membres du Sénat.

Le Comité transmet le rapport à l'Assemblée Plénière pour décision.

**<u>Article 48:</u> Exercice des fonctions du Comité**

Sous réserve des dispositions des articles 45, 46 et 47 de la présente loi organique, dans l'exercice de ses fonctions, le Comité applique les dispositions communes qui régissent les

**Ingingo ya 49: Kuba muri Komite no kuba muri Komisiyo ihoraho**

Abari muri Komite bemerewe no kuba mu zindi Komisiyo za Sena. Icyakora, Perezida na Visi-Perezida ba Komite ntibashobora kuba mu yindi Biro ya Komisiyo ihoraho kandi ntibashobora kuba mu bagize Inama y'Abaperezida.

**Akiciro ka 4: Ingingo zihuriweho na Komisiyo zose**

**Ingingo ya 50: Itumizwa ry'inama za Komisiyo**

Inama za Komisiyo zitumizwa mu nyandiko na Perezida wa Komisiyo cyangwa Visi-Perezida wa Komisiyo iyo Perezida adahari, bikamenyeshwa Biro ya Sena n'abandi Basenateri, hakoreshejwe uburyo bwose bw'itumanaho. Inyandiko itumira igaragaza umunsi, isaha n'ibiri ku murongo w'ibyigwa.

Perezida wa Sena ashobora kandi gutumiza inama ya Komisiyo.

Buri Musenateri ubishatse ashobora gukurikirana imirimo ya Komisiyo atanditsemo no gutanga ibitekerezo, ariko ntatora.

Ibiri ku murongo w'ibyigwa mu nama za Komisiyo bigenwa na Biro ya Komisiyo ikabimenyesha Biro ya Sena.

and 47 of this Organic Law.

**Article 49: Membership of the Committee and Standing Committee**

Members of the Committee shall be allowed to be members of other Committees of the Senate. However, the Chairperson and Vice-chairperson shall neither be members of the Bureau of another Standing Committee nor members of the Conference of Chairpersons.

**Sub-section 4: Common Provisions to all Committees**

**Article 50: Convening of Committee meetings**

Committee meetings shall be convened in writing by the Chairperson of the Committee or the Vice-chairperson if the chairperson is absent and notified to the Bureau of the Senate and other Senators through all means of communication. The invitation shall indicate the date, hour and items on the agenda.

The President of the Senate may also convene Committee meetings.

Any Member may attend any meeting of a Committee he/she is not a member thereof but shall have no voting right.

The agenda of Committee meetings shall be determined by the Bureau of the Committee which shall inform the Bureau of the Senate thereof.

Commissions permanentes du Sénat.

**Article 49: Etre membre du Comité et membre de la Commission permanente**

Les membres du Comité sont membres des autres Commissions du Sénat. Toutefois, le Président et le Vice-Président du Comité ne peuvent pas être membres d'un autre Bureau de Commission permanente ou être membres de la Conférence des Présidents.

**Sous-Section 4: Dispositions communes à toutes les Commissions**

**Article 50: Convocation des réunions d'une Commission**

Les réunions d'une Commission sont convoquées par écrit par son Président ou, en cas d'absence, par son Vice-Président et notifiées au Bureau du Sénat et aux autres Sénateurs à travers tous les moyens de communication. L'invitation doit indiquer la date, l'heure et les points à l'ordre du jour.

Le Président du Sénat peut également convoquer la réunion d'une Commission.

Tout Sénateur qui le désire a le droit d'assister, sans droit de vote, aux travaux d'une Commission dont il n'est pas membre.

L'ordre du jour des réunions d'une Commission est fixé par le Bureau de la Commission qui en informe le Bureau du Sénat.

Umunsi, isaha n'ibiri ku murongo w'ibyigwa n'inama za Komisiyo bitangazwa mu gihe cy'amasaha makumyabiri n'ane (24) mbere y'uko inama iterana, hakoreshejwe uburyo bwose bw'itumanaho.

**Ingingo ya 51: Aho inama za Komisiyo ziteranira**

Buri Komisiyo igira icyumba cyihariye ikoreramo inama zayo n'icyumba Biro yayo ikoreramo. Igira kandi abakozi n'ibikoresho byo mu biro.

Iyo bibaye ngombwa, Biro ya Komisiyo ibyumvikanyeho na Biro ya Sena, Komisiyo ishobora guteranira ahandi hatari mu Ngoro ya Sena hakubahirizwa ibiteganywa n'ingingo ya 50 n'iya 54 z'iri tegeko ngenga.

**Ingingo ya 52: Igihe imirimo muri Komisiyo itangira n'igihe irangirira**

Imirimo muri Komisiyo itangira buri gihe saa tatu za mu gitondo ikarangira saa sita z'amanywa. Amasaha ashobora guhinduka byemejwe n'ubwiganze busanzwe bw'amajwi y'Abasenateri bagize Komisiyo bahari.

**Ingingo ya 53: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane**

Kugira ngo inama ya Komisiyo iterane hagomba kuboneka nibura Abasenateri batatu (3) mu bayigize.

The date, time and the agenda of Committee meetings shall be displayed on a notice board within twenty four (24) hours before the meetings are held.

**Article 51: Venue for Committee meetings**

Each Committee shall have a separate room for holding its meetings and an office for its Bureau. It shall also have a staff, office equipment and supplies.

After consultation between its Bureau and the Bureau of the Senate, a Committee may, where necessary, meet in a location other than the Senate Building while abiding by the provisions of Articles 50 and 54 of this Organic Law.

**Article 52: Commencement and end of Committee proceedings**

Committee meetings shall start at nine (9:00 am) o'clock and end at twelve (12:00 pm) o'clock. This timetable may be changed upon request by a simple majority vote of the Committee members present.

**Article 53: Quorum required for holding the Committee meeting**

For a Committee meeting to be held, at least three (3) of its members must be present.

La date, l'heure et l'ordre du jour des réunions d'une Commission sont affichés au tableau d'affichage vingt quatre (24) heures avant leur tenue.

**Article 51 : Lieu de tenue des réunions d'une Commission**

Chaque Commission dispose d'un local distinct pour la tenue de ses réunions et d'un local de travail pour les membres de son Bureau. Elle dispose également d'un personnel et du matériel de bureau.

En cas de nécessité, et après consultation entre le Bureau de la Commission et le Bureau du Sénat, une Commission peut siéger en dehors du Palais du Sénat dans le respect des conditions prévues aux articles 50 et 54 de la présente loi organique.

**Article 52: Début et clôture des travaux d'une Commission**

Les travaux en Commission débutent à neuf heures (9h 00') du matin et se terminent à douze (12h00') heures. Cet horaire peut être modifié par la majorité simple des membres de la Commission présents.

**Article 53 : Quorum requis pour la tenue de la réunion d'une Commission**

Pour siéger, une Commission doit compter au moins trois (3) de ses membres.

Ibyemezo bya Komisiyo bifatwa ku bwumvikane busesuye. Iyo bidashobotse bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari kandi bemerewe gutora.

**Ingingo ya 54: Gukurikirana imirimo y'inama ya Komisiyo**

Umuntu wese ubishatse ashobora gukurikirana imirimo y'inama ya Komisiyo ihoraho ariko ntahabwe ijambo keretse inama zihariye abaturage bashobora kugiramo ijambo nk'uko bisobanurwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.

Inama umuntu uwo ari we wese ashobora guhabwamo ijambo ku byerekeye umushinga uyu n'uyu cyangwa ikibazo iki n'iki zemezwa na Komisiyo kandi zigategurwa. Mu byo Komisiyo imenyesha harimo uburyo bukurikizwa mu gufata ijambo, igihe ntarengwa cy'ijambo n'uburyo abahabwa ijambo bakurikirana.

Komisiyo zakira kandi ibitekerezo byanditse cyangwa inyandiko zerekeye imishinga y'amategeko n'ibindi bibazo byigwa. Ibitekerezo byakiriwe bishyikirizwa abagize Komisiyo mu gihe gikwiye.

Inama za Komisiyo zishobora kubera mu muhezo byemejwe na bitatu bya gatanu (3/5) by'abagize Komisiyo.

Decisions of a Committee meeting shall be taken by consensus or, otherwise, by an absolute majority vote of Senators present and who are allowed to vote.

**Article 54: Attending Committee meetings**

Any person may attend Committee meetings but shall not have the floor therein except special meetings open to the public where the turn taking procedure is defined in Paragraph 2 of this Article.

Committee meetings which are open to the public and in which individuals can take the floor to express their opinion on any bill or issue shall be prepared and approved by each Committee beforehand. The Committee shall indicate the turn taking procedure, the maximum time to speak and the order of speakers.

Committees shall also receive written opinions or written views on bills and other issues under discussion. Opinions and views received shall be passed on to members of the Committees within appropriate time.

Committee meetings may be held in camera upon request by three fifths (3/5) of its members.

Les décisions d'une Commission sont prises par consensus et, à défaut, à la majorité absolue des Sénateurs présents et ayant le droit de vote.

**Article 54: Assister aux réunions d'une Commission**

Toute personne qui le désire peut assister aux réunions d'une Commission permanente sans droit de prendre la parole sauf pour des séances publiques spécifiques dans lesquelles le public peut prendre la parole telles que définies à l'alinéa 2 du présent article.

Les réunions auxquelles toute personne peut prendre la parole pour donner son avis et commentaires sur un projet, une proposition de loi ou une question donnée sont décidées par chaque Commission et sont préparées à l'avance. Chaque Commission arrête les procédures à suivre pour prendre la parole, la limite du temps de parole et l'ordre des intervenants.

Les Commissions reçoivent également les avis et commentaires écrits en rapport avec les projets ou propositions des lois ainsi que d'autres questions à examiner. Les avis et commentaires reçus sont distribués en temps utile aux membres de la Commission.

Après approbation des trois cinquièmes (3/5) de ses membres, les réunions d'une Commission peuvent se tenir à huis clos.

**Ingingo ya 55: Kohereza Komisiyo ubugororangingo**

Ubugororangingo ubwo ari bwo bwose bwohererezwa Komisiyo ibigenewe mu nyandiko, kugira ngo ibusuzume inabufateho umwanzuro ushyikirizwa Inteko Rusange. Ubwo bugororangingo bumenyeshwa Abasenateri bose.

Umusenateri wateguye ubugororangingo ashobora kujya mu nama za Komisiyo zigenewe kubusuzuma.

Ahabwa ijambo mbere y'abandi mu nama ya Komisiyo yigirwamo igitekerezo cye. Atora gusa iyo ari umwe mu bagize Komisiyo.

**Ingingo ya 56: Guhamagara umuntu wo gutanga ibisobanuro muri Komisiyo**

Sena ishobora guhamagaza uwo ari we wese, ibona ko ari ngombwa, kuza kuyiha ibisobanuro byerekeranye n'ibyo Komisiyo isuzuma.

**Ingingo ya 57: Amatsinda y'Abasenateri bagize Komisiyo**

Komisiyo ishobora kwigabanyamo amatsinda, ikanagena abayagize n'inshingano zayo. Ayo matsinda ashyikiriza raporo Komisiyo yayashyizeho.

Biro ya Komisiyo ishobora kohereza mu

**Article 55: Submitting amendments to the Committee**

Any amendments shall be submitted in writing to the relevant Committee which shall consider them and submit its recommendations to the Plenary Assembly. All Senators shall be informed of those amendments.

A Senator who introduced an amendment may attend the meeting of the Committee dealing with such an amendment.

He/she shall be given the opportunity to speak before the others in the Committee meeting dealing with his/her opinion. He/she shall not vote unless he/she is a member of the Committee.

**Article 56: Calling upon a person to provide explanations in a Committee proceedings**

The Senate may summon any one deemed necessary to come and give relevant information on issues under discussion in a Committee.

**Article 57: Sub Committees of Senators members of the Committee**

A Committee may establish sub-Committees and determine its membership and objectives. Those sub-Committees shall report to the Committee that established them.

The Bureau of a Committee may send a group

**Article 55: Transmission d'un amendement à la Commission**

Tout amendement est transmis par écrit à la Commission compétente qui l'examine et fait des recommandations à l'Assemblée Plénière. Ledit amendement est porté à la connaissance de tous les Sénateurs.

Le Sénateur auteur d'un amendement peut assister aux séances de la Commission lors de son examen.

Il prend la parole avant les autres orateurs lors de la réunion de la Commission chargée de l'examen de cet amendement. Il ne participe au vote que s'il est membre de ladite Commission.

**Article 56: Faire appel à une personne pour donner des explications lors des travaux de la Commission**

Le Sénat peut faire appel à toute personne qu'il juge compétente pour donner des explications nécessaires relatives aux travaux de la Commission.

**Article 57: Sous-Commissions des Sénateurs membres de la Commission**

Une Commission peut constituer des sous-commissions dont elle détermine la composition et la mission. Ces sous-commissions font rapport à la Commission qui l'a créée.

Après approbation du Bureau du Sénat, le

butumwa imbere mu gihugu itsinda ry'Abasenateri bagize Komisiyo bimaze kwemezwa na Biro ya Sena. Iryo tsinda ry'Abasenateri rishyikiriza raporo Biro ya Komisiyo.

**Ingingo ya 58: Raporo ya Komisiyo**

Komisiyo ishyikiriza Inteko Rusange raporo. Iyo raporo iba igizwe n'inyandiko ivunaguye y'impaka zagiwe n'imyanzuro yagezweho.

Biro ya Komisiyo itanga raporo yayo mu magambo avunaguye ikanasubiza ibibazo ibajijwe mu Nteko Rusange igenewe gusuzuma iyo raporo.

**Icyiciro cya 4 : Inama y'Abaperezida**

**Ingingo ya 59: Abagize Inama y'Abaperezida n'umubare wa ngombwa kugira ngo iterane**

Inama y'Abaperezida igizwe na Biro ya Sena na Biro za Komisiyo zihoraho.

Umubare wa ngombwa kugira ngo Inama y'Abaperezida iterane ni bitatu bya gatanu (3/5) by'abayigize.

**Ingingo ya 60: Inshingano z'Inama y'Abaperezida**

Inama y'Abaperezida ishinzwe :

1° gutegura umushinga wa gahunda

of its members on a field trip upon approval by the Bureau of the Senate. Such a group of Senators shall report to the Committee Bureau.

**Article 58: Committee report**

Each Committee shall submit its report to the Plenary Assembly. That report shall contain a summary of debates and conclusions thereof.

The Bureau of a Committee shall verbally present a summarised report and answer questions raised about it in the Plenary Sitting devoted to that report.

**Section 4: Conference of Chairpersons**

**Article 59: Composition of the Conference of Chairpersons and quorum for its meetings**

The Conference of Chairpersons shall be composed of the Bureau of the Senate and Bureaus of the Standing Committees.

The quorum for meetings of the Conference of Chairpersons shall be three fifths (3/5) of its members.

**Article 60: Responsibilities of the Conference of Chairpersons**

The Conference of Chairpersons shall:

1° draft the agenda for ordinary session to be

Bureau de la Commission peut envoyer un groupe de Sénateurs membres de la Commission en mission à l'intérieur du pays. Ce groupe transmet le rapport au Bureau de la Commission.

**Article 58: Rapport d'une Commission**

Chaque Commission fait rapport à l'Assemblée Plénière. Le rapport contient le compte-rendu résumé des débats et les conclusions.

Le Bureau de la Commission fait un rapport verbal synthétique et répond aux questions posées lors de la séance plénière consacrée à la question dont la Commission était saisie.

**Section 4: Conférence des Présidents**

**Article 59: Composition de la Conférence des Présidents et son quorum**

Les membres du Bureau du Sénat et les membres des Bureaux des Commissions permanentes constituent la Conférence des Présidents.

Pour siéger, la Conférence des Présidents doit réunir un quorum de trois cinquièmes (3/5) de ses membres.

**Article 60 : Attributions de la Conférence des Présidents**

La Conférence des Présidents est chargée de:

1° élaborer le projet de programme des

y'igihembwe gisanzwe kandi ugomba kwemezwa n'Inteko Rusange;

2° gufata imyanzuro irebana n'imirimo y'Abasenateri, iy'Inteko Rusange cyangwa iya Komisiyo; ikabishyikiriza Inteko Rusange kugira ngo ibyemeze ;

3° kwiga imishinga y'amategeko iyo byemejwe n'Inteko Rusange.

**Ingingo ya 61: Iterana ry'Inama y'Abaperezida**

Inama y'Abaperezida iterana rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa. Itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Sena. Inama y'Abaperezida itanga raporo y'imirimo yayo mu Nteko Rusange rimwe mu kwezi. Bisabwe mu nyandiko na Perezida wa Sena cyangwa undi Musenateri, Inteko Rusange ijya impaka kuri iyo raporo.

Inama y'Abaperezida ifata ibyemezo ku bwumvikane busesuye, bitashoboka ikibazo kigashyikirizwa Inteko Rusange ikagifataho icyemezo.

Mu gihe Inama y'Abaperezida yiga umushinga w'itegeko, yubahiriza ingingo z'iri tegeko ngenga zirebana n'uko Komisiyo zihoraho zikora mu gihe ziga imishinga y'amategeko.

submitted to the Plenary Assembly for approval;

2° make decisions regarding the activities of Senators, those of the Plenary Assembly and those of Committees to the Plenary Assembly for approval;

3° examine bills if the Plenary Assembly so decides.

**Article 61: Meeting of the Conference of Chairpersons**

The Conference of Chairpersons shall meet once a month and whenever necessary. It shall be convened and chaired by the President of the Senate. The Conference of Chairpersons shall submit its report to the Plenary Assembly once a month. The President of the Senate or any other Senator shall request in writing the Plenary Assembly to debate that report.

The Conference of Chairpersons shall make decisions by consensus, if the consensus is not reached the issue shall be presented to the Plenary Assembly for decision.

When examining a bill, the Conference of Chairpersons shall apply the provisions of this Organic Law regarding the proceedings governing the debates on bills by Standing Committees.

activités de la session ordinaire qui doit être approuvé par l'Assemblée Plénière ;

2° prendre les décisions relatives aux activités des Sénateurs, de l'Assemblée Plénière et celles des Commissions et les soumettre à l'Assemblée Plénière pour leur approbation ;

3° examiner les projets et propositions des lois lorsque l'Assemblée Plénière l'a décidé ainsi.

**Article 61: Réunion de la Conférence des Présidents**

La Conférence des Présidents se réunit une fois par mois et autant de fois que de besoin. Elle est convoquée et présidée par le Président du Sénat. La Conférence des Présidents fait rapport de ses activités à l'Assemblée Plénière une fois par mois. Sur demande écrite par le Président du Sénat ou par un autre Sénateur, ce rapport fait l'objet des débats à l'Assemblée Plénière.

Les décisions de la Conférence des Présidents sont prises par consensus. Si le consensus n'est pas atteint, le sujet en discussion est soumis à l'Assemblée Plénière pour décision.

Lorsque la Conférence des Présidents examine un projet ou une proposition de loi, elle applique les dispositions de la présente loi organique qui régissent les Commissions permanentes en ce qui concerne l'examen des projets ou des propositions de lois.

**Icyiciro cya 5: Inzego z'imirimo n'ingengo y'imari bya Sena**

**Ingingo ya 62: Inzego z'imirimo za Sena**

Inzego z'imirimo za Sena zigizwe n'Urwego rw'Ubunyamabanga Bukuru n'izindi zibushamikiyeho kugira ngo Sena yuzuze inshingano zayo.

Izo nzego zose zikuriwe n'Umunyamabanga Mukuru zikagenzurwa na Biro ya Sena.

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 67 y'iri tegeko ngenga, abakozi ba Sena bagengwa n'Itegeko rishyiraho Sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

**Ingingo ya 63: Ishyirwaho ry'inzego z'imirimo za Sena**

Inzego z'imirimo za Sena zemezwa n'Inteko rusange ya Sena. Zishyirwaho n'iteka rya Perezida, bisabwe na Perezida wa Sena.

Umushahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba Sena bigenwa n'iteka rya Perezida.

**Ingingo ya 64: Ishyirwaho ry'Umunyamabanga Mukuru n'Umunyamabanga Mukuru Wungirije ba Sena**

Umunyamabanga Mukuru n'Umunyamabanga

**Section 5: Senate Administration and budget**

**Article 62 : Administrative organs of the Senate**

The Senate administration shall be made of the office of the Clerk and other related departments for the Senate to achieve its mission.

Administrative departments shall be under the responsibility of the Clerk with the supervision of the Bureau of the Senate.

Notwithstanding the provisions of Article 67 of this Organic Law, the Senate personnel shall be governed by the General Statute of Rwanda Civil Service.

**Article 63: Establishment of the Senate's administrative organs**

The Senate's administrative organs shall be approved by the Plenary Assembly of the Senate. They shall be determined by a Presidential Order, upon request by the President of the Senate.

Salaries and other benefits which are allocated to the personnel of the Senate shall be determined by a Presidential Order.

**Article 64: Appointment of the Clerk and Deputy Clerk of the Senate**

The Clerk and Deputy Clerk shall be appointed

**Section 5: Administration et budget du Sénat**

**Article 62: Services administratifs du Sénat**

Les services administratifs du Sénat sont composés du Secrétariat Général et d'autres services connexes nécessaires à la réalisation de la mission du Sénat.

Les services administratifs du Sénat sont sous la responsabilité du Secrétaire Général et sous la supervision du Bureau du Sénat.

Sans préjudice des dispositions de l'article 67 de la présente loi organique, le personnel du Sénat est régi par la loi portant Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise.

**Article 63: Mise en place des services administratifs du Sénat**

Les services administratifs du Sénat sont approuvés par l'Assemblée Plénière du Sénat. Ils sont déterminés par arrêté présidentiel sur demande du Président du Sénat.

Le salaire et autres avantages alloués au personnel du Sénat sont déterminés par un arrêté présidentiel.

**Article 64: Nomination du Secrétaire Général et du Secrétaire Général Adjoint du Sénat**

Le Secrétaire Général et le Secrétaire Général

Mukuru Wungirije ba Sena bashyirwaho n'iteka rya Perezida bisabwe na Biro ya Sena.

**Ingingo ya 65: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru wa Sena**

Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru wa Sena ni izi zikurikira:

1° guhuriza hamwe no kuyobora imirimo y'urwego rwa tekiniki;

2° kugira inama Perezida wa Sena mu byerekeye amategeko ngengamikorere ya Sena;

3° kwakira ibibazo by'Abasenateri bijyanye n'ibyangombwa by'akazi bakeneye;

4° kuba Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari ya Sena;

5° kwitabira inama za Biro n'iz'Inama y'Abaperezida no kuzibera umwanditsi. Ajya muri izo nama, ariko nta burenganzira afite bwo gufata ibyemezo;

6° gukurikirana itegurwa ry'inyandiko zose zirebana n'imirimo y'Inteko Rusange;

7° gutegura no gushyikiriza Biro ya Sena raporo y'ukwezi, iy'igihembwe n'iy'umwaka y'imirimo ya Sena;

8° gutegura urutonde rw'Abasenateri bifuza

by a Presidential Order upon request by the Senate Bureau.

**Article 65: Responsibilities of the Clerk of the Senate**

The responsibilities of the Clerk of the Senate shall be the following:

1° to coordinate and head the activities of the technical organ;

2° to advise the President of the Senate on rules of procedure of the Senate;

3° to receive requests of Senators related to service facilities they need;

4° to act as the Chief Budget Manager of the Senate;

5° to be a rapporteur in meetings of the Bureau and the Conference of Chairpersons but without the right to decision making ;

6° to follow up the preparation of all documents related to activities of the Plenary Assembly;

7° to prepare monthly, quarterly and annual reports of Senate activities and submit them to the Bureau of the Senate;

8° to prepare the list of Senators wishing to

Adjoint du Sénat sont nommés par arrêté présidentiel, sur demande du Bureau du Sénat.

**Article 65: Attributions du Secrétaire Général du Sénat**

Les attributions du Secrétaire Général du Sénat sont les suivantes :

1° coordonner et diriger les activités du Sénat ;

2° conseiller le Président du Sénat sur les questions relatives au règlement d'ordre intérieur du Sénat ;

3° recevoir les demandes des Sénateurs relatives aux facilités de travail dont ils ont besoin ;

4° être le Gestionnaire Principal du budget du Sénat ;

5° assister aux réunions du Bureau et de la Conférence des Présidents et en être le secrétaire mais sans droit à la prise des décisions;

6° assurer le suivi de la préparation de tous les documents relatifs aux travaux de l'Assemblée Plénière ;

7° préparer et transmettre au Bureau du Sénat, le rapport mensuel, trimestriel et annuel des activités du Sénat ;

8° dresser la liste des Sénateurs qui souhaitent prendre la parole à l'Assemblée Plénière ;

guhabwa ijambo mu Nteko Rusange;

9° gutegura no gukurikirana imirimo yo gutora mu Nteko Rusange;

10° gukurikirana no gushyira umukono ku nyandikomvugo n'inyandiko zivunaguye z'Inteko Rusange;

11° gutegura igenamigambi n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Sena;

12° gutegura imbanzirizamushinga y'imbonerahamwe y'imirimo n'inzego z'imirimo bya Sena;

13° gukora indi mirimo ya Sena yasabwa na Biro ya Sena.

**<u>Ingingo ya 66</u>: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru Wungirije wa Sena**

Inshingano z'Umunyamabanaga Mukuru Wungirije wa Sena ni izi zikurikira:

1° gusimbura Umunyamabanga Mukuru wa Sena iyo adahari;

2° kwitabira inama za Biro n'iz'Inama y'Abaperezida no kuzibera umwanditsi iyo Umunyamabanga Mukuru wa Sena adahari;

3° Gutegura inyandiko zose zirebana

make contributions in the Plenary Sitting;

9° to prepare and participate in voting activities in the Plenary Assembly;

10° to supervise the writing of Plenary Sittings verbatim transcripts and minutes and sign them;

11° to prepare the plan of activities and the draft budget proposal of the Senate;

12° to prepare a draft of the organisation chart and the structure of the Senate

13° to perform any other activities of the Senate as may be required by the Bureau of the Senate.

**<u>Article 66</u>: Responsibilities of the Deputy Clerk to the Senate**

The responsibilities of the Deputy Clerk of the Senate shall be the following :

1° to replace the Clerk to the Senate in case of his/her absence;

2° to attend meetings of the Bureau and those of the Conference of Chairpersons and be the rapporteur in case the Clerk to the Senate is absent;

3° to prepare all the documents relating to the

9° préparer et suivre les activités de vote à l'Assemblée Plénière;

10° superviser la rédaction des procès verbaux et des comptes-rendus des séances plénières et les signer.

11° préparer la planification des activités et l'avant projet du budget du Sénat ;

12° préparer l'avant projet du cadre organique et de l'organigramme du Sénat ;

13° exécuter toutes les autres activités du Sénat que le Bureau du Sénat peut lui confier.

**<u>Article 66</u>: Attributions du Secrétaire Général Adjoint du Sénat**

Les attributions du Secrétaire Général Adjoint du Sénat sont les suivantes :

1° remplacer le Secrétaire Général du Sénat en cas de son absence ;

2° assister aux réunions du Bureau et de la Conférence des Présidents et en être le rapporteur en cas d'absence du Secrétaire Général du Sénat ;

3° préparer tous les documents en rapport

n'imirimo y'Inteko Rusange;

4° gukurikirana no guhuza imirimo ijyanye n'amategeko n'ijyanye no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma;

5° guhuza ibikorwa bijyanye n'inama z'Inteko Rusange ya Sena;

6° gukora indi mirimo ya Sena yasabwa na Biro ya Sena.

**Ingingo ya 67: Ingengo y'Imari ya Sena**

Sena igira ingengo y'imari yayo, kandi ikagira ubwigenge mu micungire y'imari n'abakozi byayo.

Amafaranga ateganyijwe mu ngengo y'imari ya Sena ashyirwa kuri konti ya Sena muri Banki Nkuru y'Igihugu.

**Ingingo ya 68: Igenzurwa ry'imikoreshereze y'ingengo y'imari ya Sena**

Imikoreshereze y'ingengo y'imari ya Sena igenzurwa n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta.

**Icyiciro cya 6: Amahuriro y'Abasenateri**

**Ingingo ya 69: Amahuriro y'Abasenateri ku bibazo byihariye**

Abasenateri bashobora gushyiraho amahuriro ku bibazo byihariye.

Plenary Sittings;

4° to follow up and coordinate legislative activities and oversight of activities of the Government;

5° to coordinate activities of the Plenary Sittings;

6° to perform any other activities of the Senate as may be required by the Bureau of the Senate

**Article 67: Budget of the Senate**

The Senate shall have its own budget and shall enjoy financial and administrative autonomy.

The budget allocated to the Senate shall be transferred to an account in the National Bank of Rwanda**.**

**Article 68 : Audit of the budget of the Senate**

The audit of the execution of the Budget of the Senate shall be carried out by the Auditor General of State Finances.

**Section 6: Senators' networks or forums**

**Article 69: Senators' networks and forums on special issues**

Senators may establish networks or forums on special issues.

avec les séances plénières ;

4° assurer le suivi et la coordination des activités relatives à la législation et au contrôle de l'action gouvernementale ;

5° assurer la coordination des séances plénières ;

6° exécuter toutes les autres activités du Sénat que le Bureau du Sénat peut lui confier.

**Article 67: Budget du Sénat**

Le Sénat dispose de son propre budget et jouit de l'autonomie de gestion administrative et financière.

Les fonds provenant du budget alloué au Sénat sont transférés à un compte du Sénat ouvert à la Banque Nationale du Rwanda.

**Article 68 : Audit du budget du Sénat**

L'audit de l'exécution du budget du Sénat est assuré par l'Auditeur Général des Finances de l'Etat.

**Section 6: Réseaux ou forums des Sénateurs**

**Article 69: Réseaux et forums des Sénateurs sur les problèmes spécifiques**

Les Sénateurs peuvent constituer des réseaux ou forums sur des problèmes spécifiques.

Buri Musenateri ashobora kuba mu ihuriro rimwe cyangwa menshi.

**<u>Ingingo ya 70</u>: Gusaba no kwemera ishyirwaho ry'ihuriro ry'Abasenateri**

Inteko Rusange niyo yemeza ishyirwaho ry'ihuriro bisabwe n'Umusenateri cyangwa Abasenateri bishyize hamwe.

Ibaruwa isaba ishyirwaho ry'ihuriro ry'Abasenateri kimwe n'inyandiko isobanura intego, gahunda n'amategeko arigenga bishyikirizwa Perezida wa Sena na we akabishyikiriza Abasenateri hanyuma akabishyira ku murongo w'ibizigwa n'Inteko Rusange.

Umusenateri cyangwa Abasenateri bishyize hamwe basabye ko hashyirwaho ihuriro ry'Abasenateri bahabwa ijambo mu Nteko Rusange kugira ngo batange ibisobanuro byerekeranye n'iryo huriro.

**<u>Ingingo ya 71</u>: Amategeko agenga amahuriro y'Abasenateri**

Buri huriro rigira amategeko yihariye arigenga.

Ayo mategeko agomba kugaragaza nibura ibi bikurikira:

1° intego z'ihuriro n'igihe rizamara;

Every Senator shall have the right to be in one or several networks or forums.

**<u>Article 70:</u> Request for and approval of establishment of Senators' network or forum**

The Plenary Assembly shall approve the establishment of a network or forum upon request by a Senator or a group of Senators.

A letter requesting the setting up of a network or forum together with a memorandum outlining its objectives, programme and statutes shall be submitted to the President of the Senate who shall inform Senators thereof and include it on the agenda of the Plenary Sitting business.

A Senator or a group of Senators requesting for the setting up of a network or forum shall be given the opportunity to give explanations concerning that network or forum in the Plenary Sitting.

**<u>Article 71:</u> Statutes of Senators' networks or forums**

Every Senators' network or forum shall be governed by its own special statute.

The statute shall among others include at least the following:

1° the objectives and duration of the network

Tout Sénateur est libre d'être membre d'un ou de plusieurs réseaux ou forums.

**<u>Article 70</u>: Demande et approbation de la constitution d'un réseau ou forum de Sénateurs**

L'Assemblée Plénière peut approuver la constitution d'un réseau ou forum, à la demande d'un Sénateur ou d'un groupe de Sénateurs.

La lettre de demande de constitution d'un réseau ou forum de Sénateurs ainsi qu'un mémorandum expliquant ses objectifs, programmes ainsi que ses statuts sont adressés au Président du Sénat qui les transmet à son tour aux Sénateurs et inscrit à l'ordre du jour de la séance plénière l'examen de cette demande.

Le Sénateur ou le groupe de Sénateurs qui a introduit une demande de constitution d'un réseau des Sénateurs a droit d'être entendu en séance plénière pour donner des explications relatives au réseau ou forum en question.

**<u>Article 71:</u> Statuts des réseaux ou forums**

Chaque réseau ou forum est régi par des statuts particuliers.

Ces statuts doivent indiquer au moins les éléments suivants :

1° les objectifs et la durée pour laquelle le

2° abemerewe kuba abanyamuryango;

3° inzego z'ihuriro;

4° inkomoko y'umutungo w'ihuriro n'uburyo ucungwa;

5° imikoranire y'ihuriro na Sena.

**Ingingo ya 72: Gahunda na raporo y'ibikorwa by'amahuriro y'Abasenateri**

Buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa, amahuriro y'Abasenateri ashyikiriza Perezida wa Sena gahunda na raporo y'ibikorwa byayo, akayishyikiriza Abasenateri.

Bisabwe mu nyandiko na Perezida wa Sena cyangwa se n'undi Musenateri, Inteko Rusange ijya impaka kuri iyo raporo.

**Ingingo ya 73: Raporo y'umutungo w'amahuriro y'Abasenateri n'imikoreshereze yawo**

Sena itera inkunga ihuriro ry'Abasenateri.

Buri huriro rikora raporo y'umutungo waryo wa buri mwaka, rikayishyikiriza Perezida wa Sena. Iyo raporo igaragaza neza inkomoko

or forum;

2° the membership eligibility;

3° the organs of the network or forum;

4° the source of the network or forum finances and its management;

5° the working relations between the network or forum and the Senate.

**Article 72: Plan of actions and activity report of Senators' networks or forums**

Every quarter and at any time it is deemed necessary, networks and forums of Senators submit to the President of the Senate their plans of actions and their activity reports for him/her to submit them to Senators.

Upon written request by the President of the Senate or any other Senator, the Plenary Assembly shall conduct debates on such a report.

**Article 73: Financial report of networks and forums of Senators and use of their assets**

The Senate shall support a network or forum of Senators.

Every network or forum shall prepare an annual financial report and submit it to the President of the Senate. Such report shall

réseau ou forum est créé ;

2° les conditions d'adhésion au réseau;

3° les organes du réseau ou forum;

4° la provenance des ressources du réseau ou forum et leur mode de gestion ;

5° les relations du réseau ou forum avec le Sénat.

**Article 72: Plan d'actions et rapport d'activités des réseaux ou forums des Sénateurs**

Les réseaux et forums des Sénateurs transmettent, chaque trimestre et chaque fois que de besoin, leurs plans d'actions ainsi que leurs rapports d'activités au Président du Sénat qui, à son tour, les transmet aux Sénateurs.

Sur demande du Président du Sénat ou de tout autre Sénateur, l'Assemblée Plénière mène des débats sur ce rapport.

**Article 73: Rapport financier des réseaux et forums des Sénateurs et utilisation de leur patrimoine**

Le sénat appuie un réseau ou forum de Sénateurs.

Tout réseau ou forum des Sénateurs fait un rapport financier annuel et le transmet au Président du Sénat. Ce rapport précise la

y'umutungo kimwe n'ikoreshwa ryawo.

**Ingingo ya 74: Gukurikirana imikorere y'amahuriro y'Abasenateri**

Sena ikurikirana imikorere y'Amahuriro y'Abasenateri.

Bisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize ihuriro, Biro ya Sena, Umusenateri umwe cyangwa benshi batari mu Ihuriro, Inteko Rusange ishobora guhagarika Ihuriro ry'Abasenateri cyangwa se kurisesa iyo riciye ukubiri n'inshingano n'imikorere ya Sena.

**UMUTWE WA III: IMIKORERE YA SENA**

**Icyiciro cya mbere: Ibihembwe**

**Akiciro ka mbere: Ibihembwe bisanzwe**

**Ingingo ya 75: Ibihembwe bisanzwe bya Sena**

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 71 y'Itegeko Nshinga, Sena iterana mu bihembwe bitatu (3) bisanzwe; buri gihembwe kimara amezi abiri (2):

1° igihembwe cya mbere gitangira ku itariki ya 5 Gashyantare;
2° igihembwe cya kabiri gitangira ku itariki

indicate the source of the property and its use.

**Article 74: Follow up on activities of networks or forums of Senators**

The Senate shall ensure the smooth functioning of networks and forums of Senators.

Upon request by a third (1/3) of members of a network or forum, the Bureau of the Senate, one or several Senators not members of the network or forum, the Plenary Assembly may suspend or dissolve a network or forum of Senators if it is inconstitent with the mission and functioning of the Senate.

**CHAPTER III: FUNCTIONING OF THE SENATE**

**Section One: Sessions**

**Sub-Section One: Ordinary Sessions**

**Article 75: Ordinary Sessions of the senate**

As provided for by Article 71 of the Constitution, the Senate shall have three (3) ordinary sessions, each session lasting two (2) months:

1° the first session shall commence on February 5;
2° the second session shall commence on

provenance des ressources et leur utilisation.

**Article 74: Suivi des activités des Réseaux et Forums des Sénateurs**

Le Sénat s'assure du bon fonctionnement des réseaux ou forums des Sénateurs.

Sur demande d'un tiers (1/3) des membres du réseau ou forum, du Bureau du Sénat, d'un Sénateur ou de plusieurs Sénateurs non membres du réseau ou forum, l'Assemblée Plénière peut suspendre un réseau ou forum de Sénateurs ou le dissoudre en cas de non conformité à la mission et au fonctionnement du Sénat.

**CHAPITRE III: FONCTIONNEMENT DU SENAT**

**Section première: Sessions**

**Sous-Section première: Sessions ordinaires**

**Article 75: Sessions ordinaires du Sénat**

Conformément à l'article 71 de la Constitution, le Sénat se réunit en trois (3) sessions ordinaires de deux (2) mois chacune:

1° la première session s'ouvre le 5 février ;

2° la deuxième session s'ouvre le 5 juin;

ya 5 Kamena;

3° igihembwe cya gatatu gitangira ku itariki ya 5 Ukwakira.

Iyo umunsi wa mbere cyangwa wa nyuma w'igihembwe atari umunsi w'akazi, itangira cyangwa isozwa ry'igihembwe rishyirwa ku munsi ukurikira, bitashoboka rikimurirwa ku munsi wa mbere w'akazi ukurikira.

Hagati y'ibihembwe bisanzwe, imirimo ya za Komisiyo, iyo gusura abaturage n'iyo kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma yo irakomeza.

Haseguriwe ibiteganyijwe mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, Abasenateri bagira ikiruhuko cy'iminsi isanzwe mirongo itatu (30) hagati y'igihembwe gisanzwe cya kabiri n'icya gatatu, bagahagarika imirimo yabo. Inteko Rusange ni yo igena igihe icyo kiruhuko gitangirira n'igihe kirangirira.

**<u>Ingingo ya 76:</u> Inama ya mbere y'igihembwe gisanzwe**

Mu nama ya mbere y'igihembwe gisanzwe, Inteko Rusange ya Sena yemeza ibiri ku murongo w'ibyigwa by'igihembwe cyose.

**<u>Ingingo ya 77</u>: Itumizwa ry'igihembwe gisanzwe**

Abasenateri bahamagarwa mu gihembwe gisanzwe na Perezida wa Sena iminsi cumi

June 5;

3° the third session shall commence on October 5.

When the first or last day of the session is not a working day, the opening or closing of the session shall be postponed to the following day or, if the following day is a holiday, to the next working day.

Between two ordinary sessions, the activities of the Standing Committees, field trips and activities related to Executive oversight shall continue.

Notwithstanding the provisions of Paragraph 3 of this Article, Senators shall have an annual leave of thirty (30) days between the second and the third ordinary sessions. The Plenary Assembly shall determine when to start and end the annual leave.

**<u>Article 76:</u> First Plenary Sitting of an ordinary session**

At the beginning of the first Plenary Sitting of an ordinary session, the Plenary Assembly of the Senate shall adopt the agenda of the whole session.

**<u>Article 77:</u> Convening of an ordinary session**

The ordinary session of the Senate shall be convened by the President of the Senate fifteen

3° la troisième session s'ouvre le 5 octobre.

Au cas où le jour de l'ouverture ou de la clôture de la session est férié, l'ouverture ou la clôture est reportée au lendemain ou, le cas échéant, au premier jour ouvrable qui suit.

Les activités des Commissions, celles relatives aux descentes sur terrain et au contrôle de l'action gouvernementale, continuent entre deux sessions ordinaires.

Sans préjudice des dispositions de l'alinéa 3 du présent article précédent, les Sénateurs ont droit à un congé de trente (30) jours calendrier entre la deuxième session ordinaire et la troisième. L'Assemblée Plénière fixe le début et la fin de ce congé.

**<u>Article 76</u>: Première séance d'une session ordinaire**

Au début de sa première séance d'une session ordinaire, l'Assemblée Plénière du Sénat adopte l'ordre du jour de toute la session.

**<u>Article 77</u> : Convocation d'une session ordinaire**

La session ordinaire est convoquée par le Président du Sénat quinze (15) jours avant la

n'itanu (15) mbere y'uko Inteko Rusange iterana akoresheje urwandiko n'ubundi buryo bwose bw'itangazamakuru n'itumanaho bikubiyemo ibiri ku murongo w'ibyigwa. Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'Intebe bagenerwa kopi y'urwo rwandiko.

Buri gihe ibikorwa bya Sena bitangazwa hakoreshejwe uburyo bunyuranye bw'itangazamakuru n'itumanaho.

**<u>Akiciro ka 2</u> : Ibihembwe bidasanzwe**

**<u>Ingingo ya 78</u>: Itumizwa ry'igihembwe kidasanzwe**

Perezida wa Sena ashobora gutumiza Inteko Rusange mu gihembwe kidasanzwe amaze kugisha inama abandi bagize Biro, abyibwirije, cyangwa abisabwe na Perezida wa Repubulika, na we abisabwe na Guverinoma cyangwa bisabwe na kimwe cya kane (¼) cy'abagize Sena.

**<u>Ingingo ya 79</u>: Uburyo bukoreshwa mu gutumiza igihembwe kidasanzwe n'ibikubiye mu nyandiko itumira**

Abasenateri bahamagarwa mu gihembwe kidasanzwe na Perezida wa Sena akoresheje inyandiko n'ubundi buryo bwose bw'itangazamakuru n'itumanaho. Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'Intebe bagenerwa kopi.

(15) days before the Plenary Assembly meets. This will be done in writing or through any other means of information and communication and the invitation shall indicate the agenda of the session. The President of the Republic and Prime Minister shall be given a copy thereof.

The Senate shall always make its activities public using different means of information and communication.

**<u>Sub-Section 2</u>: Extraordinary sessions**

**<u>Article 78:</u> Convening of an extraordinary session**

The President of the Senate may convene the Plenary Assembly in an extraordinary session after consulting other members of the Bureau either on his/her own initiative or upon request by the President of the Republic on proposal of the Cabinet, or when requested by one quarter (1/4) of the Members.

**<u>Article 79:</u> Procedure to convene an extraordinary session and content of an invitation letter**

Senators shall be invited to an extraordinary session by the President of the Senate.The invitation shall be communicated in letter form and through any other means of information and communication. The President of the Republic and the Prime Minister shall be given a copy thereof.

tenue de l'Assemblée Plénière, par lettre ou tout autre moyen d'information et de communication. L'invitation doit indiquer l'ordre du jour. Une copie de la lettre est envoyée au Président de la République ainsi qu'au Premier Ministre.

Les activités du Sénat sont régulièrement publiées par divers moyens d'information et de communication.

**<u>Sous-Section 2</u> : Sessions extraordinaires**

**<u>Article 78:</u> Convocation d'une session extraordinaire**

Le Président du Sénat peut convoquer l'Assemblée Plénière en session extraordinaire après consultation des autres membres du Bureau ou à la demande soit du Président de la République sur proposition du Gouvernement, soit d'un quart (1/4) des membres du Sénat.

**<u>Article 79 :</u> Procédure de convocation de session extraordinaire et contenu de la lettre d'invitation**

Les Sénateurs sont convoqués en session extraordinaire par le Président du Sénat par lettre et par tout autre moyen d'information et de communication. Une copie est réservée au Président de la République et au Premier Ministre.

Inyandiko zitumira ziba zikubiyemo mu buryo bunonosoye ibiri ku murongo w'ibyigwa akaba ari na byo byonyine Inteko Rusange ishobora kuzajyaho impaka.

Mbere yo gutangira kujya impaka izo ari zo zose, Inteko Rusange ibanza gusuzuma niba impamvu zitangwa kugira ngo Sena iterane mu gihembwe kidasanzwe zifite ishingiro hanyuma ikemeza ibiri ku murongo w'ibyigwa.

**Icyiciro cya 2 : Gufata ibyemezo no gucisha mu majwi**

**Ingingo ya 80: Uko ibyemezo bifatwa**

Sena igaragaza ibyemezo byayo ikoresheje gucisha mu majwi.

Mbere yo gucisha mu majwi, uyoboye inama y'Inteko Rusange atangaza umubare w'Abasenateri bitabiriye inama ashingiye ku bashyize umukono ku rutonde rw'amazina ruvugwa mu ngingo ya 24 y'iri tegeko ngenga.

**Ingingo ya 81: Gucisha mu majwi**

Gucisha mu majwi bikorwa hakoreshejwe bumwe muri ubu buryo:

1° ubwumvikane busesuye;
2° gukoresha ibyuma byabugenewe;
3° gushyira ukuboko hejuru;
4° guhamagara buri wese mu izina rye;
5° kwandika mu ibanga.

The invitation shall clearly indicate the items on the agenda and it is only on these items that the debates of the Plenary Assembly shall be confined.

Before starting any debates, the Plenary Assembly shall first discuss the reason for the convening of the extraordinary session and then confirm the items on the agenda.

**Section 2: Decision making and voting**

**Article 80: Decision making**

Decisions of the Senate shall be taken by way of vote.

Before the vote is conducted, the Chairperson of the Plenary Sitting shall communicate the number of Senators who signed on the attendance list provided for in Article 24 of this Organic Law.

**Article 81: Voting**

The vote shall be conducted using one of the following means:

1° consensus;
2° electronic vote;
3° show of hand;
4° recorded division;
5° secret ballot.

La convocation contient l'ordre du jour précis en dehors duquel l'Assemblée Plénière ne peut délibérer.

Avant toute délibération, l'Assemblée Plénière se prononce sur les raisons qui ont motivé la convocation du Sénat en session extraordinaire et approuve l'ordre du jour.

**Section 2: Prise de décisions et vote**

**Article 80 : Prise de décisions**

Le Sénat exprime ses décisions par voie de vote.

Avant de procéder au vote, le Président de la séance annonce le nombre des Sénateurs présents sur base des signatures apposées sur la liste prévue à l'article 24 de la présente loi organique.

**Article 81 : Du vote**

Le vote est effectué à l'aide de l'un des modes ci-après :

1° le consensus ;
2° le vote électronique ;
3° la main levée ;
4° l'appel nominal ;
5° le scrutin secret.

Uburyo bw'ubwumvikane busesuye, gushyira ukuboko hejuru cyangwa se gukoresha ibyuma byabugenewe ni bwo bwonyine bukoreshwa iyo Sena ijya impaka ku bitari amategeko.

Itora mu ibanga rikorwa igihe Inteko Rusange igomba gufata ibyemezo bireba abantu ku giti cyabo cyangwa bisabwe na kimwe cya gatanu (1/5) cy' Abasenateri bahari bikemezwa n'Inteko Rusange.

Iyo hatorwa ingingo zigize itegeko hakoreshwa ibyuma byabugenewe cyangwa kuzamura ukuboko.

Iyo hatorwa itegeko ryose hakoreshwa guhamagara umuntu mu izina rye.

Muri icyo gihe, Umunyamabanga Mukuru wa Sena cyangwa umusimbura iyo adahari ahamagara Abasenateri akurikije inyuguti zitangira amazina yabo.

Uhamagawe asuubiza mu ijwi riranguruye avuga «yego», «oya» cyangwa «ndifashe».

Uburyo ubwo ari bwo bwose bukoreshwa hacishijwe mu majwi, buri Musenateri afite ijwi rimwe gusa. Nta Musenateri ushobora gutorera undi Musenateri.

Ijwi ry'Umusenateri utagaragaje igitekerezo cye mu matora kandi yaje mu nama ribarwa nk'imfabusa.

When the item of business before the Senate is not a bill, the vote shall be by consensus, electronic vote or by a show of hand only.

A vote by secret ballot may be held if the Plenary Assembly has to make decisions concerning individuals or upon request of one-fifth (1/5) of Senators in attendance upon approval by the Plenary Assembly.

Voting on the provisions of a bill is conducted electronically or by show of hand.

Voting on an entire bill shall be conducted by way of recorded division.

In votes on recorded division, the Clerk of the Senate or his/her representative shall proceed by calling the names of Senators in alphabetical order.

When called upon, each Senator shall loudly say either "yes" or "no" or "abstain".

Whatever the voting method used, each Senator shall have only one vote. There shall be no proxy voting.

A vote of a Senator who did not state his/her position despite attending the sitting shall be considered void.

Le consensus, la main levée ou le vote électronique sont les seuls modes utilisés lorsque le Sénat délibère sur des matières autres que les lois.

Le scrutin secret n'est utilisé que si l'Assemblée Plénière doit prendre les décisions sur des personnes ou à la demande d'un cinquième (1/5) des Sénateurs présents après approbation par l'Assemblée Plénière.

Le vote des articles d'une loi se fait électroniquement ou par main levée.

Le vote d'une loi se fait par appel nominal.

Le vote par appel nominal se fait par ordre alphabétique, le Secrétaire Général du Sénat ou son délégué appelant les Sénateurs par leurs noms.

Le Sénateur appelé s'exprime à haute voix par « oui », « non » ou par « abstention ».

Quel que soit le mode selon lequel le vote est exprimé, chaque Sénateur ne dispose que d'une voix. Le vote par procuration n'est pas accepté.

La voix du Sénateur qui n'a pas manifesté sa position lors d'un scrutin, alors qu'il s'est présenté à la séance, est considérée comme nulle.

Abasenateri ntibagendera ku mabwiriza y'uwo ari we wese igihe batora. Uburenganzira bwo gutora ni ubw' umwe mu bagize Sena ku giti cye.

**Ingingo ya 82: Impamvu zo kwifata**

Iteka nyuma yo gucisha mu majwi, haba hakoreshejwe gushyira ukuboko hejuru, gukoresha ibyuma byabigenewe cyangwa guhamagara buri wese mu izina rye, Perezida yemerera Abasenateri bifashe, iyo babisabye, kuvuga mu minota itarenze itatu (3), impamvu zatumye bifata. Izo mpamvu ntizishobora kugibwaho impaka.

**Ingingo ya 83: Isubirwamo ry'amatora**

Iyo hari ibitagenze neza mu matora, itora risubirwamo nta mpaka, hakimara gutangazwa uko amatora yagenze, iyo bisabwe kandi bigaragajwe n'umuyobozi w'inama cyangwa nibura Abasenateri batatu (3).

Iyo isubirwamo ry'amatora ridashoboye gukemura impaka bitewe n'uko hari abatanyuzwe n'itora, bacisha mu majwi bahamagara buri wese mu izina rye.

Iyo ingingo ibuze amajwi ya ngombwa iba ivuyemo. Icyakora, nyuma yo kubara amajwi, iyo ingingo ibuze amajwi ya ngombwa, Umusenateri, Komisiyo yize umushinga cyangwa uwuhagarariye, babinyujije ku muyobozi w'inama, bashobora gusaba ko iyo ngingo isubizwa muri Komisiyo. Ibi bigomba

Any imperative Senator's mandate shall be null and void. The right of vote of a Senator shall be ad personam.

**Article 82: Justification of abstention**

After voting, be it by show of hand, electronic vote or by recorded division, the President of the Senate shall give abstaining Senators the opportunity to justify their abstention in three (3) minutes if they wish to do so. There shall be no debate thereon.

**Article 83: Repeating of the voting**

Where the voting has not been regular, it shall automatically be repeated as soon as the results are announced, either at the request of the chairperson of the sitting or at least three (3) Senators.

Should there remain any doubt after the vote is repeated because some Senators are still not satisfied with the way the vote was conducted a vote by recorded division shall be held.

An article of a bill which does not obtain the required votes shall be rejected. However, a Senator, the Committee that examined the bill or the Government representative may request, through the chairperson of the sitting, that the article be sent back to the Committee upon

Tout mandat impératif est nul. Le droit de vote du Sénateur est personnel.

**Article 82: Motifs d'abstention**

Après tout vote, que ce soit par main levée, par vote électronique ou par appel nominal, le Président accorde aux Sénateurs qui se sont abstenus, s'ils le demandent, l'opportunité d'exprimer en trois (3) minutes au maximum les motifs de leur abstention. Ces motifs ne peuvent faire l'objet de débat.

**Article 83 : Reprise du vote**

Si le vote n'a pas été régulier, le vote est repris de droit aussitôt après l'annonce des résultats du vote, à la demande motivée du Président de la séance ou d'au moins trois (3) Sénateurs.

Si le doute persiste après la reprise du vote, certains Sénateurs n'étant pas satisfaits du déroulement du vote, il est procédé au vote par appel nominal.

Si, après le décompte des voix, un article d'une loi n'a pas obtenu le nombre de voix requis, il est rejeté. Toutefois, un Sénateur, la Commission ayant examiné le projet ou la proposition de loi ou le représentant du Gouvernement, par l'intermédiaire du président de la séance, peuvent demander que

kwemezwa n'Inteko Rusange.

Iyo ari ikibazo cyangwa igitekerezo cyatorewe ntihagire icyemezo kiganza ikindi gisubizwa uwakizanye.

Iyo mu gutora umushinga w'itegeko wose hatabonetse ubwiganze bw'amajwi buteganywa n'igika cya 3 n'icya 4 by'ingingo ya 93 y'Itegeko Nshinga, Biro ya Sena imaze kubijyaho inama n'Inama y'Abaperezida iwugarura mu Nteko Rusange nyuma y'iminsi cumi n'itanu (15) kugira ngo wongere utorerwe.

**<u>Ingingo ya 84</u>: Gucisha mu majwi hakoreshejwe uburyo bwo kwandika mu ibanga**

Iyo gucisha mu majwi bibaye bandika mu ibanga, Umunyamabanga Mukuru wa Sena cyangwa umusimbura aha buri Musenateri uhari urupapuro ruriho gusa kashe ya Sena n'umukono w'uyoboye inama washyizweho mbere.

Buri Musenateri umaze gutora azinga urupapuro rwe akarushyira mu isanduku yabigenewe.

Ibarura ry'impapuro zatoreweho n'iry'amajwi rihita rikorerwa imbere y'Abasenateri rigakorwa n'uhagarariye Biro ya Sena abifashijwemo n'Abasenateri babiri

approval by the Plenary Assembly.

Issues or opinions which have not obtained the required votes shall be returned to their authors.

When the whole bill is put to vote and does not obtain the required majority provided for in Paragraph 3 and 4 of Article 93 of the Constitution, the Senate Bureau, on consultation with the Conference of Chairpersons, shall return it to the Plenary Assembly after fifteen (15) days for another vote.

**<u>Article 84:</u> Vote by secret ballot**

If the vote is by secret ballot, the Clerk of the Senate or his/her representative shall give to every Senator present a ballot paper bearing only the stamp of the Senate and signed by the chairperson of the sitting.

After casting his/her vote, a Senator shall deposit the ballot paper in a ballot box.

Ballot papers shall then be counted in the presence of Senators by a representative of the Senate Bureau who shall be assisted by two Senators designated by the chairperson of the

cet article soit renvoyé à la Commission. Cette demande doit être soumise à l'approbation de l'Assemblée Plénière.

La question ou proposition autre que les lois qui, après le vote, n'obtient pas la majorité requise est retournée à son auteur.

Lorsqu'on vote l'ensemble d'un projet de loi et qu'il n'y a pas de majorité qui se dégage, conformément à l'alinéa 3 et 4 de l'article 93 de la Constitution, le Bureau du Sénat, après concertation avec la Conférence des Présidents, ramène le projet de loi à l'Assemblée Plénière après quinze (15) jours pour un nouveau vote.

**<u>Article 84:</u> Vote par scrutin secret**

Lorsqu'il est procédé à un vote par scrutin secret, le Secrétaire Général du Sénat ou son délégué distribue, à chaque Sénateur présent, un bulletin portant exclusivement le cachet du Sénat et préalablement paraphé par le Président de la séance.

Après y avoir exprimé son vote, chaque Sénateur dépose son bulletin dans l'urne prévue à cet effet.

Il est ensuite procédé, devant les Sénateurs, au dépouillement des bulletins de vote par un Représentant du Bureau du Sénat assisté par deux Sénateurs désignés par le président de la

bashyirwaho na Perezida w'inama hamwe n'Umunyamabanga Mukuru wa Sena.

Impapuro zitatoreweho, buri rupapuro ruriho ikimenyetso cyangwa ikindi kidahuye n'ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ziba imfabusa.

Impapuro zose ziriho ibindi bitari ibitorerwa ziba na zo imfabusa

**Ingingo ya 85: Gucagagura impapuro zatoreweho**

Iyo inama yatoye ikoresheje gucisha mu majwi mu ibanga irangije imirimo yayo, impapuro zatoreweho zicagagurirwa imbere y'Inteko Rusange.

**Ingingo ya 86: Uko ibindi byemezo bya Sena bifatwa**

Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 80 y'iri tegeko ngenga, ibyemezo bya Sena bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari, uretse ibiteganyijwe ukundi n'Itegeko Nshinga n'iri tegeko ngenga.

Iyo Inteko Rusange igomba gufata icyemezo ku bindi bitari amategeko, uyoboye inama y'Inteko Rusange abaza ko hari Umusenateri udashyigikiye umwanzuro atanze cyangwa watanzwe n'undi Musenateri. Iyo atabonetse, icyemezo kiba gifashwe ku bwumvikane

sitting as well as the Clerk.

Blank ballots and any ballot bearing a sign or mark other than those that are provided for in Paragraph One of this Article shall be null and void.

Any ballot expressing a position other than the positions put to vote shall also be null and void.

**Article 85: Destruction of used ballots**

Used ballots shall be destroyed before the Plenary Assembly at the end of the sitting devoted to a secret vote.

**Article 86: Taking of other decisions of the Senate**

Notwithstanding the provisions of Article 80 of this Organic Law, the decision of the Senate shall require an absolute majority vote of Senators present except where the Constitution and this Organic Law provide otherwise.

When the Plenary Assembly has before it a proposal on a matter other than legislation, the chairperson of the Plenary Sitting shall ask the assembly whether there is any Senator who does not support the conclusion given by him/her or by another Senator. If there is not

séance et le Secrétaire Général du Sénat.

Les bulletins blancs et tout bulletin comportant un signe ou une inscription autre que celle prévue à l'alinéa premier du présent article sont nuls.
De même, tous les bulletins comportant des opinions autres que celles qui concernent les questions mises au vote sont considérés comme nuls.

**Article 85: Destruction des bulletins de vote**

A la fin de la séance réservée au vote, les bulletins ayant servi au scrutin secret sont détruits devant l'Assemblée Plénière.

**Article 86: Prise d'autres décisions du Sénat**

Sans préjudice des dispositions de l'article 80 de la présente loi organique, les décisions du Sénat sont prises à la majorité absolue des Sénateurs présents, sauf dispositions contraires de la Constitution ou de la présente loi organique.

Lorsque l'Assemblée Plénière doit se prononcer sur des matières autres que les lois, le président de la séance demande s'il y a un Sénateur qui a une objection à la proposition qu'il fait ou à celle faite par un autre Sénateur. S'il n'y a pas d'objection, la proposition est

busesuye. Iyo habonetse utabyemeye, hakoreshwa gucisha mu majwi bakoresha ibyuma byabugenewe cyangwa bashyira ukuboko hejuru.

**Ingingo ya 87: Kwemeza abayobozi**

Mbere yo kwemeza abayobozi bavugwa mu ngingo ya 88 y'Itegeko Nshinga, Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere myiza isuzuma Imishinga y'Amateka ashyiraho Abayobozi bemezwa na Sena.

Igihe cyo gusuzuma iyo mishinga y'Amateka, Komisiyo ishobora gutumira mu nama zayo Abayobozi bagomba kwemezwa cyangwa undi muntu wese wayiha ibisobanuro ikeneye.

Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere Myiza ishyikiriza raporo n'imyanzuro Inteko Rusange ikayifataho ibyemezo binyuze mu itora ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abasenateri bahari.

**UMUTWE WA IV: IBYEREKEKEYE IMYITWARIRE Y'ABASENATERI**

**Icyiciro cya mbere: Imyitwarire rusange y'Abasenateri**

**Ingingo ya 88: Imyitwarire y'Umusenateri**

Umusenateri agomba kuba inyangamugayo n'indakemwa, yaba ari mu mirimo ya Sena

any, the decision shall be made by consensus. If there is a Senator who is against it, the matter shall be put to vote by electronic vote or a show of hand.

**Article 87: Approval of appointments**

Before the Senate approves the appointment of candidates referred to in Article 88 of the Constitution, the Standing Committee on Political Affairs and Good Governance shall examine the draft Orders appointing candidates to be approved.

When examining such draft-Orders, the Standing Committee may invite the candidates who are to be approved or any other person who may give it necessary information.

The Standing Committee on Political Affairs and Good Governance shall submit its report and recommendations to the Plenary Assembly for a decision thereof through absolute majority vote of Senators present.

**CHAPTER IV: CONDUCT OF SENATORS**

**Section One: Conduct of Senators in general**

**Article 88: Conduct of a Senator**

A Senator shall be of high integrity and good morals in or out of the Senate. He/she shall

considérée comme adoptée par consensus. S'il y a au moins une voix contre, il est procédé au vote électronique ou par main levée.

**Article 87: Approbation des nominations**

Avant d'approuver la nomination des personnalités visées à l'article 88 de la Constitution, la Commission Politique et de la Bonne Gouvernance examine les projets d'arrêtés de nomination des personnalités concernées.

Lors de l'examen de ces projets d'arrêtés, la Commission peut inviter à ses réunions les personnalités qui doivent être approuvées ou toute autre personne qui est en mesure de lui donner les explications nécessaires.

La Commission Politique et de la Bonne Gouvernance transmet le rapport et les recommandations à l'Assemblée Plénière qui prend une décision par vote à la majorité absolue des Sénateurs présents.

**CHAPITRE IV: COMPORTEMENT DES SENATEURS**

**Section Première: Comportement général des Sénateurs**

**Article 88: Comportement d'un Sénateur**

Le Sénateur doit être intègre et de bonne moralité, qu'il soit au Sénat ou en dehors du

cyangwa atayirimo. Agomba kwirinda cyane cyane:

1° gusiba inama nta mpamvu;

2° ibikorwa by'urugomo;

3° gukoresha ububasha yahawe mu nyungu ze bwite;

4° ubusinzi;

5° ubuhemu;

6° indi myitwarire imutesha agaciro ubwe cyangwa urwego arimo.

Umusenateri ugaragayeho amakosa avugwa muri iyi ngingo ashobora kwihanangirizwa, kugawa ku mugaragaro cyangwa gukurwa muri Sena byemejwe na bitatu bya gatanu (3/5) by'Abasenateri bahari.

**<u>Ingingo ya 89</u>: Kuregera icyemezo cya Sena cyo kwirukana Umusenateri muri Sena**

Icyemezo cya Sena cyo kwirukanwa muri Sena hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 88 y'iri tegeko ngenga kiregerwa kandi kiburanishwa ku rwego rwa mbere n'urwa nyuma n'Urukiko Ikirenga.

especially avoid the following:

1° unjustified absence at meetings;

2° barbarism;

3° use of his/her authority to serve his/her own interest;

4° drunkenness;

5° dishonesty;

6° other conduct which could jeopardize his/her personality or his/her position.

Any Senator found guilty of breaches referred to in this Article may be warned, reprimanded or excluded from the Senate upon approval by three-fifths (3/5) of the Senators present.

**<u>Article 89:</u> Appeal against a decision of the Senate relating to the exclusion of a Senator**

The decision of the Senate to exclude a Senator from the Senate referred to under Article 88 of this Organic Law shall be lodged and heard in the first and last instance by the Supreme Court.

Sénat. Il doit spécialement éviter :

1° toute absence non justifiée aux réunions ;

2° les actes de barbarie ;

3° l'usage de son pouvoir à des fins personnelles ;

4° l'ivresse ;

5° la malhonnêteté;

6° d'autres comportements indignes pour sa personne ou pour sa fonction.

Le Sénateur qui commet les fautes visées au présent article peut être publiquement blâmé ou exclu du Sénat, après approbation des trois cinquièmes (3/5) des Sénateurs présents.

**<u>Article 89:</u> Recours contre la décision du Sénat relative à l'exclusion d'un Sénateur**

La décision du Sénat relative à l'exclusion d'un Sénateur dont il est question à l'article 88 de la présente loi organique est portée devant la Cour suprême qui tranche en premier et dernier ressort.

**<u>Ingingo ya 90</u>: Kwirukana Umusenateri muri Sena wakatiwe igihano ku buryo budasubirwaho n'urukiko kubera icyaha cy'ubugome**

Umusenateri wakatiwe igihano ku buryo budasubirwaho n'urukiko kubera icyaha cy'ubugome ahita asezererwa muri Sena byemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga.

**<u>Ingingo ya 91:</u> Ibyemezo bifatirwa Umusenateri bitewe n'ikosa yakoreye mu nama z'Inteko Rusange**

Bitewe n'ikosa yakoreye mu nama z'Inteko Rusange ya Sena, Umusenateri ashobora gufatirwa ibyemezo bikurikira:

1° kwibutswa kwitonda;
2° kwihanangirizwa mu magambo;
3° kwihanangirizwa bikandikwa mu nyandikomvugo ;
4° kuvanwa by'agateganyo mu mwanya wagenewe Abasenateri ;
5° guhezwa mu nama yakurikiranaga;
6° guhezwa mu nama eshanu zikurikirana;
7° kwamburwa bimwe mu byo agenerwa;
8° kugawa mu ruhame.

Ibyemezo bivugwa kuva mu gace ka kane (4°) kugeza mu gace ka munani (8°) bifatwa n'Inteko Rusange.

**<u>Article 90</u>: Exclusion of a Senator definitively sentenced for a crime**

Any Senator who has been definitively sentenced for a crime shall immediately be removed from the Senate upon the ruling of the Supreme Court.

**<u>Article 91:</u> Measures taken against a Senator due to misconduct in Plenary Sittings**

Depending on misconduct manifested by a Senator in a Plenary Sitting, the following disciplinary measures shall be applied:

1° a call to order;
2° an oral warning;
3° a warning that is reproduced in the verbatim transcript;
4° a temporary exclusion from the Senators' area;
5° an exclusion from the sitting in progress;
6° an expulsion from five consecutive sittings;
7° a suspension of some of his/her fringe benefits;
8° a formal reprimand.

Disciplinary measures provided for under item 4º to 8º shall be taken by the Plenary Assembly.

**<u>Article 90</u>: Déchéance d'un Sénateur définitivement condamné pour avoir commis un crime**

Tout Sénateur définitivement condamné pour avoir commis un crime par une juridiction statuant en dernier ressort est d'office déchu de son mandat sur décision de la Cour Suprême.

**<u>Article 91:</u> Mesures prises contre un Sénateur suite à une faute commise pendant les séances de l'Assemblée Plénière**

Les mesures ci-après, peuvent être prises contre un Sénateur, suite à une faute commise pendant les séances plénières:

1° le rappel à l'ordre ;
2° l'avertissement verbal ;
3° l'avertissement qui est repris dans un procès-verbal ;
4° l'exclusion temporaire de la place réservée aux Sénateurs ;
5° l'exclusion de la réunion à laquelle il assistait ;
6° l'exclusion des cinq (5) séances successives ;
7° la privation de certains de ses avantages ;
8° le blâme solennel.

Les mesures prévues au point 4º jusqu'au point 8º sont prises par l'Assemblée Plénière.

**Ingingo ya 92: Umusenateri ubuza ituze mu Nteko Rusange**

Uyoboye inama y'Inteko Rusange ahamagara Umusenateri ubuza ituze mu Nteko Rusange mu izina rye amwibutsa kwitonda. Iyo asubiriye, uyoboye inama y'Inteko Rusange aramwihaniza, kandi bigashyirwa mu nyandikomvugo.

Iyo uwo Musenateri abikomeje cyangwa agaragaweho n'irindi kosa rikomeye, uyoboye inama y'Inteko Rusange amutegeka kuva by'agateganyo mu myanya yagenewe Abasenateri, kandi byemejwe n'Inteko Rusange.

**Ingingo ya 93: Guhezwa k'Umusenateri mu Nteko Rusange**

Guhezwa k'Umusenateri mu Nteko Rusange kunatuma abuzwa gukurikirana imirimo y'Inteko Rusange no gufata ibyemezo muri yo, mu gihe cyose cy'inama yahejwemo.

**Ingingo ya 94: Uko bigenda iyo Umusenateri wahejwe mu Nteko Rusange yanze kuva mu mwanya wagenewe Abasenateri**

Iyo Umusenateri wahejwe mu Nteko Rusange yanze kuva mu mwanya wagenewe Abasenateri, uyoboye inama y'Inteko Rusange ayihagarika by'igihe gito cyangwa burundu.

**Article 92: A Senator who disturbs the proceedings of the Plenary Sitting**

Any Senator who disturbs the proceedings of the Plenary Sitting shall be named and called to order by the chairperson of the sitting. In case he/she does it again, the chairperson of the sitting shall give him/her a warning which shall be mentioned in the minute.

Should he/she disturb the proceedings again or make another serious mistake, the chairperson of the sitting shall order that the Senator be expelled temporarily from the Senator's area upon approval by the Plenary Assembly.

**Article 93: Exclusion of a Senator from the proceedings of the Plenary Sitting**

A Senator who has been expelled shall be barred from taking part in the proceedings and decisions of the Plenary Assembly for the remainder of the sitting from which he/she was excluded.

**Article 94: Procedure when a Senator expelled from the Plenary Sitting refuses to leave the Senators' area**

If the Senator who has been expelled does not obey the order of leaving the Senators' area, the chairperson of the Plenary Sitting shall suspend or adjourn the sitting and the Senator

**Article 92 : Sénateur qui trouble l'ordre public en séance de l'Assemblée Plénière**

Le Président de la séance rappelle nominativement à l'ordre le Sénateur qui trouble l'ordre public en séance plénière. En cas de récidive, le président de la séance lui donne un avertissement qui doit être mentionné dans le procès verbal.

Si le concerné persiste, ou commet une autre faute, le Président de la séance ordonne, après approbation de l'Assemblée Plénière, son exclusion temporaire de la place réservée aux Sénateurs.

**Article 93 : Exclusion d'un Sénateur de la séance de l'Assemblée Plénière**

L'exclusion d'un Sénateur d'une séance de l'Assemblée Plénière entraîne pour lui l'interdiction de prendre part aux travaux et aux décisions de l'Assemblée Plénière durant le temps qui reste pour la séance au cours de laquelle l'exclusion a été prononcée.

**Article 94: Procédure à suivre lorsqu'un Sénateur exclu de la séance de l'Assemblée Plénière refuse de quitter la place réservée aux Sénateurs**

Si le Sénateur exclu d'une séance de l'Assemblée Plénière pour avoir troublé l'ordre n'obtempère pas à l'injonction de quitter la place réservée aux Sénateurs, le Président de la

Icyo gihe Umusenateri ahezwa, ku buryo budakuka, mu nama eshanu (5) zikurikira. Anamburwa kimwe cya kane (1/4) cy'ibihembo agenerwa mu kwezi kumwe kandi akagawa ku buryo bwanditse.

**Ingingo ya 95: Imbabazi ku Musenateri wahejwe**

Umusenateri wahejwe ashobora gusaba imbabazi zo gukurirwaho ibihano, akoresheje inyandiko. Uyoboye inama y'Inteko Rusange asomera iyo nyandiko abari mu Nteko Rusange, ikaba ari yo ifata umwanzuro.

**Ingingo ya 96: Gukuraho uguhezwa k'Umusenateri mu nama z'Inteko Rusange**

Uguhezwa k'Umusenateri mu nama z'Inteko Rusange gukurwaho n'ibi bikurikira:

1° iyo igihe Umusenateri wahejwe yahawe kirangiye;

2° iyo Umusenateri wahejwe asabye imbabazi Sena kandi akazihabwa;

3° iyo Sena ifashe icyemezo cyo kwisubiraho.

**Ingingo ya 97: Ituze mu Nteko Rusange**

Iyo abari mu Nteko Rusange bateye isahinda, uyoboye inama y'Inteko Rusange abibutsa

shall be barred from five (5) consecutive sittings. A quarter (1/4) of his/her monthly remuneration shall be suspended and he/she shall be reprimanded in writing.

**Article 95: Apology from a Senator expelled**

A Senator who has been expelled may seek to have the decision rescinded by making a written apology. The chairperson of the Plenary Sitting shall read the apology to the Plenary Assembly which shall take a decision thereon.

**Article 96: Removal of expulsion of a Senator from Plenary Sittings**

A Senator's expulsion order from Plenary Sitting shall be rescinded in the following cases:

1° if the exclusion order expires;

2° if the Senator makes an apology to the Senate and the latter accepts it;

3° if the Senate retracts its decision.

**Article 97: Order in the Plenary Sitting**

If a Plenary Sitting becomes stormy, the chairperson of the sitting shall call the Plenary

séance suspend ou lève la séance. Dans ce cas, le Sénateur est exclu d'office des cinq (5) séances suivantes. Il est également privé d'un quart (1/4) de sa rémunération mensuelle et il reçoit un blâme écrit.

**Article 95: Excuses d'un Sénateur exclu**

Le Sénateur faisant objet d'une exclusion peut en faire cesser les effets en présentant ses excuses par écrit. Le Président de la séance fait lecture de cette déclaration à l'Assemblée Plénière qui décide de la suite à lui réserver.

**Article 96: Levée des mesures d'exclusion d'un Sénateur des séances de l'assemblée plénière**

Les mesures d'exclusion d'un Sénateur des séances de l'Assemblée Plénière sont levées dans les cas suivants :

1° lorsque le délai de l'exclusion expire ;

2° lorsque le Sénateur exclu présente des excuses au Sénat et que celui-ci les accepte ;

3° lorsque le Sénat décide de revoir sa décision.

**Article 97: Ordre public en séance de l'Assemblée Plénière**

Lorsqu'une séance de l'Assemblée Plénière devient tumultueuse, le président de la séance

kugarukana ituze. Iyo bakomeje, uyoboye inama y'Inteko Rusange arayihagarika, Abasenateri bakaba basohotse.

Inama yongera guterana iyo uyoboye inama y'Inteko Rusange abona ko ituze rihagije ryagarutse.

**<u>Ingingo ya 98:</u> Uko bigenda iyo Umusenateri asibye inama z'Inteko Rusange cyangwa iza Komisiyo atarabimenyesheje**

Umusenateri wasibye inama eshatu (3) nibura zikurikirana z'Inteko Rusange cyangwa iza Komisiyo, kimwe n'Umusenateri wasibye inama esheshatu (6) mu gihembwe atarabimenyesheje Perezida wa Sena cyangwa Perezida wa Komisiyo, cyangwa Biro ya Sena cyangwa iya Komisiyo ikabona ko impamvu atanga zidafite ishingiro, ikibazo cy'uwo Musenateri gishyikirizwa Inteko Rusange ifata icyemezo cyo kumwihanangiriza kandi akabimenyeshwa mu nyandiko.

Iyo uwo Musenateri wihanangirijwe atisubiyeho ashobora guhabwa ibihano byo kwamburwa igice cy'ibihembo agenerwa mu gihe cyagenwa n'Inteko Rusange, kugawa mu ruhame cyangwa gukurwa muri Sena byemejwe na bitatu bya gatanu (3/5) by'abagize Sena.

Sitting back to order, but should the commotion persist, the sitting chairperson shall suspend the sitting and Senators shall leave the hall.

The Plenary Sitting shall resume after the chairperson of the sitting deems that order has been restored.

**<u>Article 98:</u> Procedure when a Senator is absent from plenary or Committee sittings without prior notification**

Any Senator who is absent from three (3) consecutive plenary or Committee sittings or who is absent from six (6) sittings in a session without notifying the President of the Senate or the chairperson of the Committee or who advances reasons that the Senate or Committee Bureau finds not sound, shall be referred to the plenary assembly for a warning which shall be notified to him/her in writing.

If the Senator repeats the same mistake, he/she may be denied some of his/her fringe benefits for a period fixed by the plenary assembly, formally reprimanded or expelled from the Senate upon approval by three-fifths ( 3/5) of the Members.

rappelle à l'ordre l'Assemblée Plénière. Si le tumulte persiste, le Président suspend la séance et les Sénateurs quittent la salle.

La séance reprend son cours lorsque le président de la séance juge que le calme est suffisamment rétabli.

**<u>Article 98 :</u> Procédure à suivre lorsqu'un Sénateur s'absente des séances de l'Assemblée Plénière ou des réunions des commissions**

Tout Sénateur qui s'absente trois (3) fois successives des séances de l'Assemblée plénière ou des réunions des commissions, ainsi que tout Sénateur qui s'absente de six (6) séances durant une session sans en avoir avisé le Président du Sénat ou le président de la Commission ou si le Bureau du Sénat ou de la Commission trouve que les raisons avancées ne sont pas pertinentes, voit son cas soumis à l'Assemblée Plénière qui prend la décision de le blâmer et de le lui notifier par écrit.

En cas de récidive, le Sénateur peut être privé de certains avantages lui alloués pendant une durée déterminée par l'Assemblée Plénière, blâmé solennellement ou exclu du Sénat après approbation des trois cinquièmes (3/5) des membres du Sénat.

**Icyiciro cya 2: Imirimo itabangikanywa n'Ubusenateri**

**Ingingo ya 99: Imirimo itabangikanywa n'iy'Ubusenateri**

Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 68 y'Itegeko Nshinga, imirimo itabangikanwa n'iy'ubusenateri ni iyo kuba:

1° Perezida wa Repubulika ;
2° umwe mu bagize Guverinoma ;
3° Umudepite ;
4° umwe mu bagize Komite Nyobozi y'Umudugudu, Inama Njyanama y'Akagari, Inama Njyanama y'Umurenge, Inama Njyanama y'Akarere cyangwa iy'Umujyi wa Kigali;
5° umukozi wo mu buyobozi bw'inzego z'ibanze;
6° umucamanza;
7° umushinjacyaha;
8° umwe mu bagize Komisiyo z'igihugu zihoraho ziteganywa n'Itegeko Nshinga cyangwa izindi zashyirwaho n'amategeko;
9° umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi mu kigo cya Leta cyangwa ikigo Leta ifitemo imigabane, cyangwa umugenzuzi w'imari w'icyo kigo;
10° Umuyobozi w'ikigo cy'ubucuruzi cyangwa umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi yacyo;
11° umukozi wa Leta cyangwa umukozi wo mu kigo cya Leta ;

**Section 2: Incompatibilities with the Senator's office**

**Article 99: Incompatibilities with the Senator's office**

Notwithstanding the provisions of Article 68 of the Constitution, the office of Senator shall be incompatible with being:

1° the President of the Republic;
2° a member of the Cabinet;
3° a Deputy;
4° a member of the Village Executive Committee, the Cell Council or, a member of the Sector, District or the City of Kigali Council;
5° staff member of administrative organs of local administrative entities;
6° a Judge;
7° a Prosecutor;
8° a member of one of the national commissions provided for by the Constitution or others that may be set up by laws;
9° a member of the Board of Directors in a public institution or an institution in which the Government is a shareholder or an auditor of such an institution;
10° a director of a commercial enterprise or one of the members of its Board of Directors;
11° a civil servant or an employee in a public institution;

**Section 2: Incompatibilités aux fonctions de Sénateur**

**Article 99: Incompatibilité avec la fonction de Sénateur**

Sans préjudice des dispositions de l'article 68 de la Constitution, les fonctions de Sénateur sont incompatibles avec la fonction de:

1° Président de la République ;
2° membre du Gouvernement ;
3° Député ;
4° membre du Comité Exécutif du Village, Conseil de Cellule ou du Secteur, de District ou de la Ville de Kigali;
5° agent dans la direction des entités administratives locales ;
6° juge ;
7° Officier de poursuite judiciaire;
8° membre d'une Commission Nationale prévue par la Constitution ou d'autres Commissions qui peuvent être mises en place par des lois;
9° membre du Conseil d'Administration ou de Commissaire aux comptes d'un Etablissement Public ou d'un établissement dans lequel l'Etat est actionnaire ;
10° Directeur ou de membre du Conseil d'Administration d'une entreprise ou société commerciale;
11° agent de l'Etat ou d'un établissement public;

12° umukozi ugengwa n'amasezerano y'umurimo ;
13° umwe mu nzego zishinzwe amatora;

14° mu Ngabo z'u Rwanda, muri Polisi y'u Rwanda cyangwa mu rwego rw'Igihugu rushinzwe umutekano n'iperereza;

15° mu nzego z'ubuyobozi bw'amashyirahamwe n'imiryango itari iya Leta.

**<u>Ingingo ya 100</u>: Ubwigenge n'ukutabogama k'Umusenateri mu nshingano yo kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma**

Umusenateri yirinda igikorwa cyose cyabangamira ubwigenge n'ukutabogama bye mu nshingano yo kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.

Umusenateri ntiyemerewe, haba ku giti cye cyangwa binyuze mu kigo afitemo imigabane, kujya mu masoko ya Leta arebana n'Inteko Ishinga Amategeko kimwe n'andi yose atanzwe mu buryo bw'ubwumvikane cyangwa bwo kugabanya umubare w'abapiganwa.

Ikigo cy'Umusenateri cyangwa ikigo Umusenateri afitemo imigabane, bishobora gupiganira andi masoko ya Leta uretse avugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo. Muri icyo gihe, abo bireba babimenyesha Perezida wa Sena n'Umuvunyi Mukuru bashobora kubyifashisha bibaye ngombwa.

12° an employee working under an employment contract;
13° a member of electoral organs;

14° a member of Rwanda Defence Forces, Rwanda National Police, the National Intelligence and Security Service;

15° a member of the leadership of non-government organizations.

**<u>Article 100</u>: Independence and impartiality of a Senator in the exercise of the mission of executive oversight**

A Senator shall refrain from any action that may hinder his/her independence and impartiality in the exercise of the mission of executive oversight.

A Senator shall not, either individually or through a firm in which he/she is a shareholder, apply for a public tender bearing relation with the Parliament as well as any other tender by mutual agreement or restricted tender.

A company owned by a Senator or a company in which he/she is a shareholder shall be allowed to apply for public tenders except for those provided for in Paragraph 2 of this Article. In such a case, the concerned Senators shall notify the President of the Senate and the Ombudsman who may make use of them when and as need arises.

12° agent régi par un contrat de travail ;

13° membre des organes en charge des élections;
14° membre des Forces Rwandaises de Défense, de la Police Nationale du Rwanda ou du Service National de Renseignements et de Sécurité ;
15° membre de la direction des organisations non- gouvernementales.

**<u>Article 100</u>: Indépendance et impartialité d'un Sénateur dans l'exercice de la mission de contrôle de l'action gouvernementale**

Un Sénateur s'abstient de toute action pouvant compromettre son indépendance et son impartialité dans l'exercice de la mission de contrôle de l'action gouvernementale.

Un Sénateur ne peut, individuellement ou par le biais de la société dans laquelle il est actionnaire, soumissionner dans les marchés publics en rapport avec le Parlement ainsi que dans tout autre marché de gré à gré ou d'adjudication restreinte.

Une société appartenant à un Sénateur ou une société dans laquelle un Sénateur détient des actions peut soumissionner à des marchés publics à l'exception de ceux stipulés à l'alinéa 2 du présent article. Dans ces cas, les Sénateurs concernés le notifient au Président du Sénat et à l'Ombudsman qui peuvent s'y référer en cas de besoin.

**Ingingo ya 101: Gutorwa cyangwa gushyirwa muri Sena ku muntu uri mu mirimo itabangikanywa n'iy'Ubusenateri**

Uretse abantu bavugwa mu duce twa 6°, 13° na 14° tw'igika cya mbere cy'ingingo ya 99 y'iri tegeko ngenga, imirimo itabangikana n'iy'Ubusenateri ivugwa mu ngingo ya 99 y'iri tegeko ngenga ntibuza uyikora gutorwa cyangwa gushyirwa muri Sena. Icyakora akimara kurahira, uwo Musenateri ahita yegura ku mirimo yakoraga bikamenyeshwa Perezida wa Sena n'Umuvunyi Mukuru.

**Ingingo ya 102: Ukwifata k'Umusenateri ufite inyungu bwite mu kibazo gisuzumwa**

Iyo hari Umusenateri ubona ko afite inyungu bwite ku buryo bwihariye mu kibazo cyigwa na Sena, haba muri Komisiyo cyangwa mu Nteko Rusange, Umusenateri bireba agomba kubimenyesha Inteko Rusange cyangwa Komisiyo kandi akifata.

**Icyiciro cya 3: Ukudahungabanywa k'Umusenateri**

**Ingingo ya 103: Ubudahungabanywa bw'Umusenateri**

Nta Musenateri ushobora gukurikiranwa, gushakishwa, gufatwa, gufungwa cyangwa gucirwa urubanza azira ibitekerezo yagaragaje cyangwa uko yatoye, mu gihe akora imirimo

**Article 101: Election or appointment of a person holding incompatible functions with the Senator's office**

Apart from the persons mentioned in points 6º, 13º and 14º of the first Paragraph of Article 99 of this Organic Law, incompatible functions with the Senator's office provided for in Article 99 of this Organic Law shall not prevent any one exercising these functions from being elected or appointed as Senator. Nevertheless, the concerned Senator shall resign from his/her offices immediately after taking oath and notify the President of the Senate and the Ombudsman of his/her resignation.

**Article 102: Refraining from debates for a Senator personally concerned by an issue under consideration**

Where a Senator is personally concerned by an issue under consideration by the Senate, be it in a Committee or in the Plenary Sitting, the Senator shall inform the Plenary Assembly or the Committee thereof and refrain from the debates.

**Section 3: Immunity of a Senator**

**Article 103: Immunity of a Senator**

No Senator shall be prosecuted, pursued, arrested, detained or judged for any opinions expressed or votes made by him/her in the exercise of his/her duties.

**Article 101: Election ou désignation d'une personne qui occupe les fonctions incompatibles avec la fonction de Sénateur**

Excepté les personnes mentionnées aux points 6°, 13° et 14° de l'alinéa premier de l'article 99 de la présente loi organique, les fonctions incompatibles avec la fonction de Sénateur prévues à l'article 99 de la présente loi organique n'empêchent pas la personne qui exerce ces fonctions d'être élue ou désignée comme Sénateur. Toutefois, dès le jour de la prestation de serment, le Sénateur doit démissionner de ses fonctions antérieures et en informer le Président du Sénat et l'Ombudsman.

**Article 102: Abstention d'un Sénateur lors de l'examen d'un sujet l'intéressant personnellement**

En cas d'examen en Commission ou à l'Assemblée Plénière d'un sujet intéressant personnellement un Sénateur, le concerné en informe la Commission ou l'Assemblée Plénière et s'abstient.

**Section 3 : Immunité d'un Sénateur**

**Article 103: Immunité d'un Sénateur**

Aucun Sénateur ne peut être poursuivi, recherché, arrêté, détenu ou jugé pour ses opinions ou votes émis dans l'exercice de ses fonctions.

ashinzwe.

Nta Musenateri ukekwaho icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye ushobora gukurikiranwa cyangwa gufatwa bidatangiwe uburenganzira na Sena binyujijwe mu nzira y'amatora ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'abitabiriye inama, keretse afatiwe mu cyuho akora icyaha cy'ubugome cyangwa yarakatiwe igihano ku buryo budasubirwaho.

Iyo atari mu gihembwe, hatumizwa igihembwe kidasanzwe kubera iyo mpamvu.

Umusenateri wese wakatiwe igihano ku buryo budasubirwaho n'urukiko kubera icyaha cy'ubugome ahita asezererwa muri Sena, byemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga.

**<u>Ingingo ya 104</u>: Urukiko ruburanisha Perezida wa Sena mu manza z'inshinjabyaha**

Mu manza z'inshinjabyaha, Perezida wa Sena aburanishwa, mu rwego rwa mbere n'urwa nyuma, n'Urukiko rw'Ikirenga, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 145-6° y'Itegeko Nshinga.

**<u>Icyiciro cya 4</u>: Ubutumwa bw'Abasenateri**

**<u>Ingingo ya 105:</u> Ubutumwa bw'Abasenateri imbere mu gihugu no mu mahanga**

Umusenateri ashobora koherezwa mu butumwa imbere mu gihugu byemejwe na

No Senator suspected of a felony or misdemeanor shall be arrested or prosecuted without the authorisation of the Senate by a two-thirds (2/3) majority vote of the members present except where he/she is caught red-handed committing a felony or where a court of law has passed a final sentence against him/her.

Where Parliament is not in session, it shall therefore be summoned to an extraordinary session.

Any Senator who is finally sentenced by a court of law shall be automatically stripped of his/her seat from the Senate after confirmation by the Supreme Court.

**<u>Article 104</u>: Court trying the President of the Senate in penal proceedings**

In penal proceedings, the President of the Senate shall be tried in the first and last instance by the Supreme Court as provided for by Article 145-6° of the Constitution.

**<u>Section 4</u>: Official missions of Senators**

**<u>Article 105:</u> Official missions of Senators within the country and abroad**

A Senator may go for an official mission with the authorization of the President of the

Aucun Sénateur suspecté d'avoir commis un crime ou un délit ne peut être poursuivi ou arrêté, sans l'autorisation du Sénat procédant, par élection, à la majorité des deux tiers (2/3) des membres présents, sauf en cas de flagrant délit d'un crime ou en cas de condamnation définitive.

Hors session, il est convoqué une session extraordinaire à cette fin.

Tout Sénateur définitivement condamné pour un crime, est d'office déchu de son mandat sur la confirmation de la Cour Suprême.

**<u>Article 104</u>: Cour qui juge le Président du Sénat en matière pénale**

En matière pénale, le Président du Sénat est jugé en premier et dernier ressort par la Cour Suprême, conformément à l'article 145-6° de la Constitution.

**<u>Section 4</u>: Missions officielles des Sénateurs**

**<u>Article 105:</u> Missions officielles des Sénateurs à l'intérieur et à l'extérieur du pays**

Un Sénateur peut effectuer une mission officielle à l'intérieur du pays sur approbation

Perezida wa Sena. Ubutumwa bushobora gukorwa n'Umusenateri cyangwa itsinda ry'Abasenateri mu rwego rwa Komisiyo, hagamijwe gusura abaturage, ibikorwa by'amajyambere cyangwa kwitabira gahunda za Leta Umusenateri yatumiwemo.

Umusenateri ashobora kandi koherezwa mu butumwa mu mahanga byemejwe na Perezida wa Repubulika abisabwe na Perezida wa Sena.

**<u>Ingingo ya 106</u>: Uko Umusenateri asura abaturage**

Buri Musenateri afite inshingano yo gusura abaturage kugira ngo amenye ibibakorerwa n'ibyo bigezaho kandi anamenye ibibazo bafite.

Iryo surwa rikorwa rinyuze muri za Komisiyo no mu mahuriro y'Abasenateri biteganyijwe muri iri tegeko ngenga, cyangwa se bigakorwa n'Umusenateri ku giti cye.

Umusenateri afite uburenganzira ku minsi ibiri (2) mu kwezi yo gusura abaturage

Umusenateri kandi ashobora kumenya ibikorwa cyangwa ibibazo by'abaturage anyuze muri Komite Mpuzabikorwa z'Intara, Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali, iz'Uturere, iz'Imirenge n'iz'Utugari yatumiwemo.
Mu nama zivugwa mu gika cya 4 cy'iyi

Senate. The official mission can be made by one Senator or a group of Senators in a standing committee in order to contact the population, to assess development projects or to participate in public activities to which a Senator has been invited.

A Senator can also go for an official mission abroad with the authorization of the President of the Republic at the request of the President of the Senate.

**<u>Article 106</u>: Senator's visit to the Population**

Each Senator shall have a responsibility of visiting the population in order to know services rendered to them, their own achievements and their problems.

Such a visit shall be conducted through Committees and Forums or Networks of Senators provided for in this Organic Law, or by a Senator as an individual.

A Senator shall have two (2) days in a month to visit the population.

A Senator shall also identify achievements or problems of the population through meetings of the Coordination Committees of Provinces, City of Kigali, District, Sector and Cell Councils to which he/she is invited.

Senators shall participate in debates of the

du Président du Sénat. La mission peut être effectuée par un Sénateur ou par un groupe de Sénateurs au sein d'une commission dans le cadre des visites à la population et aux projets de développement ou pour répondre à une invitation à un programme auquel le Sénateur a été convié.

Un Sénateur peut également effectuer une mission officielle à l'extérieur du pays sur approbation du Président de la République à la demande du Président du Sénat.

**<u>Article 106</u>: Visite d'un Sénateur à la population**

Chaque Sénateur a le devoir de rendre visite à la population pour se rendre compte des actions en leur faveur et de leurs propres réalisations ainsi que de leurs problèmes.

Cette visite se fait à travers les Commissions, et les Forums ou Réseaux des Sénateurs prévus par la présente loi organique ou par un Sénateur sur sa propre initiative.

Un Sénateur dispose de deux (2) jours par mois pour rendre visite à la population.

Un Sénateur peut aussi connaître les actions et les problèmes de la population par le biais des Comités de Coordinations des Provinces, du Conseil de la Ville de Kigali, des Conseils des Districts, des Secteurs et des Cellules auxquels il est invité.
Dans les réunions prévues à l'alinéa 4 du

ngingo, Abasenateri batanga ibitekerezo ariko ntibatora.

Uretse igihe byihutirwa, gusura abaturage bikorwa mu gihe kitari icy'igihembwe gisanzwe.

**Ingingo ya 107: Kwitabira inama z'Inama Njyanama z'Imidugudu kw'Abasenateri**

Mu Nama Njyanama z'Imidugudu babamo cyangwa batuyemo, Abasenateri bagira uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo no gutora igihe cy'ifatwa ry'ibyemezo.

**Ingingo ya 108: Impapuro zihabwa Umusenateri ugiye mu butumwa**

Igihe Umusenateri ari mu butumwa, yitwaza impapuro zabugenewe zitangwa na Perezida wa Repubulika cyangwa Perezida wa Sena nk'uko bivugwa mu ngingo ya 105 y'iri tegeko ngenga.

**Ingingo ya 109: Igenwa ry'ibigenerwa Umusenateri ugiye mu butumwa**

Iteka rya Perezida rigena ibigenerwa Umusenateri ugiye mu butumwa.

**Ingingo ya 110: Itangwa rya raporo y'Umusenateri wagiye mu butumwa**

Iyo Umusenateri avuye mu butumwa ashyikiriza Perezida wa Sena raporo y'ubwo

meetings referred to under Paragraph 4 of this Article but have no voting rights.

Except in cases of urgency, visits to the population shall be conducted during parliamentary recess.

**Article 107: Participation of Senators in meetings of the Village Council**

In Village Council of their residence or domicile, Senators shall have the right to participate in debates and vote in the taking of decisions.

**Article 108: Travel clearance for a Senator on official mission**

Any Senator on official mission shall carry with him/her a travel clearance issued by the President of the Republic or the President of the Senate as provided under Article 105 of this Organic Law.

**Article 109: Determining allowances allocated to a Senator on official mission**

A Presidential Order shall determine travel allowances allocated to a Senator on official mission.

**Article 110: Submission of official mission report**

After an official mission, a Senator submits a mission report to the President of the Senate in a period not exceeding eight (8) days.

présent article, les Sénateurs donnent des avis mais n'ont pas droit de vote.

Sauf en cas d'urgence, les visites à la population se font hors session.

**Article 107: Participation des Sénateurs aux réunions du Conseil de Village**

Dans la réunion du Conseil de Village de leur résidence ou domicile, les Sénateurs ont droit de participer aux débats et de voter au moment de prendre des décisions.

**Article 108: Documents de mission officielle d'un Sénateur**

Un Sénateur qui part en mission de travail est muni des documents y relatifs délivrés par le Président de la République ou le Président du Sénat tel que prévu à l'article 105 de la présente loi organique.

**Article 109: Allocations d'un Sénateur en mission officielle**

Un arrêté présidentiel détermine les allocations d'un Sénateur en mission.

**Article 110: Transmission du rapport de mission officielle**

De retour d'une mission officielle, le Sénateur fait un rapport de mission qu'il adresse au

butumwa mu gihe kitarenze iminsi umunani (8).

**Ingingo ya 111: Ibigenerwa ushinzwe umutekano ujyanye n'Umusenateri mu butumwa**

Ushinzwe umutekano woherejwe n'inzego za Leta zibishinzwe ujyanye n'Umusenateri mu butumwa ahabwa na Sena amafaranga y'ubutumwa angana n'ay'abandi bakozi ba Leta bari mu cyiciro kimwe.

**UMUTWE WA V: UKUTAVOGERWA KW'INGORO YA SENA**

**Ingingo ya 112: Ukutavogerwa kw'imyanya yagenewe Abasenateri**

Uretse Umusenateri cyangwa umukozi wa Sena wabugenewe nta muntu ushobora kwinjira ku mpamvu izo ari zo zose mu myanya yagenewe Abasenateri keretse uwabiherewe uruhushya n'umuyobozi w'inama.

Abakozi ba Sena bambara ibimenyetso bibaranga, mu gihe bari mu kazi.

**Ingingo ya 113: Kutavogerwa kw'ingoro ya Sena**

Ingoro ya Sena kimwe n'ibiyirimo byose birarindwa.

Umutekano w'Ingoro ya Sena ubumbatirwa n'Umutwe wihariye utangwa n'inzego z'umutekano z'Igihugu, ariko imikorere yawo

**Article 111: Mission allowances for a security officer assigned to escort a Senator on official mission**

A security officer assigned by relevant public organs to escort a Senator on mission shall get from the Senate a travel allowance equivalent to that given to a civil servant of similar grade.

**CHAPTER V: INVIOLABILITY OF THE SENATE BUILDING**

**Article 112: Inviolability of the area reserved for Senators**

Apart from a Senator or authorised staff of the Senate, no one else shall enter, for any reason, into the area reserved for Senators except with the authorisation of the chairperson of the sitting.

The Senate staff members shall wear identification badges when they are on duty.

**Article 113: Inviolability of the building of the Senate**

The Senate Building and everything therein shall be kept secure.

The Security of the Senate building shall be maintained by a special unit provided by the national security services, but which is

Président du Sénat dans un délai ne dépassant pas huit (8) jours.

**Article 111: Frais de mission d'un agent de sécurité accompagnant un Sénateur en mission officielle**

Un agent de sécurité affecté par les institutions publiques habilitées pour accompagner un Sénateur en mission officielle reçoit du Sénat les frais de mission équivalant à ceux accordés à un fonctionnaire de même rang.

**CHAPITRE V: INVIOLABILITE DU PALAIS DU SENAT**

**Article 112: Inviolabilité de l'espace réservé aux Sénateurs**

Exception faite des Sénateur ou agent du Sénat autorisé, personne n'est autorisé, quel que soit le motif, à s'introduire dans l'espace réservé aux Sénateurs, sauf si elle y a été autorisée par le Président de la séance.

Lorsqu'ils sont au service, les agents du Sénat portent des badges d'identification.

**Article 113: Inviolabilité du Palais du Sénat**

Le Palais du Sénat et tout ce qui s'y trouve sont sécurisés.

La sécurité du Palais du Sénat est assurée par une unité spécialisée offerte par les services de sécurité du pays, mais son fonctionnement est

ikagenzurwa na Biro ya Sena.

Birabujijwe kwinjirana intwaro mu Ngoro ya Sena. Abantu bose bitwaje intwaro binjiye mu Ngoro ya Sena bazisigira abashinzwe umutekano wa Sena, bakazisubizwa basohotse.

Iyo hari abacunga umutekano bitwaje intwaro bashaka kwinjira mu Ngoro ya Sena, kandi atari abashinzwe umutekano wa Sena, intwaro zabo bazibitsa ahabigenewe; keretse abashinzwe umutekano wa Perezida wa Repubulika cyangwa uw'abandi bashyitsi bo ku rwego rwe baba bagendereye Sena.

Iyo abashinzwe umutekano w'Abasenateri binjiye aho Sena ikorera, bagomba kubimenyesha ukuriye Umutwe ushinzwe ukutavogerwa n'umutekano by'Ingoro ya Sena.

Iyo abashinzwe umutekano bo hanze bakeneye gukurikirana umuntu uri mu kigo cy'Ingoro ya Sena, babisaba Perezida wa Sena cyangwa umusimbura.

**<u>Ingingo ya 114</u>: Kutavogerwa kw'icyumba cy'Inteko Rusange**

Abantu batari Abasenateri cyangwa abakozi ba Sena binjira mu cyumba cy'Inteko Rusange banyuze mu miryango yihariye yabugenewe.

supervised by the Senate Bureau.

It is forbidden to enter the Senate Building premises with a weapon. All persons in possession of weapons who enter the building of the Senate shall leave them to those responsible for maintaining the security of the Senate and take them back as they go out.

Any armed security officers not attached to the unit of security of the Senate wishing to enter the building of the Senate, shall leave their weapons at a relevant place, except those in charge of the security of the President of the Republic or those escorting other senior dignitaries of equivalent rank visiting the building of the Senate.

When security officers in charge of the security of Senators enter the building of the Senate, they shall inform the chief police officer in charge of inviolability and security of the building of the Senate.

When Security officers from outside the Senate are in pursuit of a person in the Senate building, they shall first request an authorisation of the President of the Senate or his/her representative.

**<u>Article 114:</u> Inviolability of the Plenary Chamber**

Persons other than Senators or authorized staff of the Senate shall enter the plenary chamber

through an entrance reserved for them. They

supervisé par le Bureau du Sénat.

Il est formellement interdit de s'introduire avec une arme dans l'enceinte du Palais du Sénat. Toute personne en possession d'armes qui entre dans l'enceinte du Palais du Sénat laisse ces armes aux agents chargés de la sécurité du Sénat et elles leur sont remises à la sortie.

Les agents de sécurité armés qui ne font pas partie de l'unité de sécurité du Sénat souhaitant entrer au Palais du Sénat laissent les armes à l'endroit réservé à cet effet, à l'exception des agents chargés de la sécurité du Président de la République ainsi que d'autres personnalités de son rang en visite au Palais du Sénat.

Lorsqu'ils entrent dans l'enceinte du Palais du Sénat, les agents chargés de la sécurité des Sénateurs en avisent le Commandant de l'Unité de Police chargé de l'inviolabilité et de la sécurité du Palais du Sénat.

Les agents externes de sécurité qui veulent poursuivre une personne dans l'enceinte du Palais du Sénat doivent préalablement obtenir l'autorisation du Président du Sénat ou de son remplaçant.

**<u>Article 114</u>: Inviolabilité de la salle plénière du Sénat**

Les personnes autres que les Sénateurs ou le personnel du Sénat accèdent à la salle plénière par les portes réservées au public à cet effet.

Bicara mu myanya yabagenewe mu mutuzo. Iyo Inteko Rusange igiye gukorera mu muhezo barasohoka.

Birabujijwe kwinjirana mu cyumba cy'Inteko Rusange telefone igendanwa yaka cyangwa kuyakirizamo. Biranabujijwe kwinjirana ikintu cyose gishobora guhungabanya imigendekere myiza y'imirimo y'Inteko Rusange.

**<u>Ingingo ya 115:</u> Imyitwarire y'abaturage bakurikirana imirimo y'Inteko Rusange n'uko bamenyeshwa amajwi n'amashusho byafashwe bijyanye n'imirimo y' Abasenateri**

Mu gihe cy'imirimo y'Inteko Rusange, abantu bari mu myanya yagenewe abatari Abasenateri baricara, bagatuza. Bagomba kuba bambaye ku buryo buboneye.

Sena igira ibyuma bisakaza amajwi n'amashusho ajyanye n'imirimo y'Abasenateri igihe baba bayikora. Ayo mashusho n'amajwi byafashwe bigezwa kuri rubanda hakoreshejwe uburyo bw'itumanaho n'itangazamakuru.

shall use seats reserved for them in an orderly manner. When the Plenary Sitting is to be in camera, the public shall leave the plenary chamber.

It is forbidden for anyone to enter the Plenary chamber with their mobile telephone switched on or to switch it on once they are in the Plenary Chamber. It is also forbidden to enter the Chamber with any other gadget that could disturb the plenary proceedings.

**<u>Article 115</u>: Conduct of people attending the Plenary Sittings and how audio-visual recordings of the Senate are transmitted to them**

During Plenary Sittings, people in the public galleries shall sit quietly. They shall be properly dressed.

The Senate shall have audio-visual equipment for registering and transmitting proceedings of the Senate. The recordings shall be transmitted to the public by means of information and communication.

Le public prend place sur des sièges qui lui sont réservés, en silence. Lorsque l'Assemblée Plénière décide de siéger à huis clos, le public sort.

Il est strictement interdit à toute personne d'entrer dans la salle plénière avec un téléphone mobile en marche ou de le mettre en marche dans la salle. Il est également interdit à toute personne d'y entrer avec tout autre matériel pouvant perturber le bon déroulement de la séance.

**<u>Article 115</u>: Comportement des personnes assistant aux séances de l'Assemblée Plénière et diffusion des enregistrements audio-visuels**

Pendant les séances de l'Assemblée Plénière, les personnes se trouvant dans les tribunes publiques se tiennent assises et gardent le silence. Elles doivent être habillées convenablement.

Le Sénat dispose de moyens audio-visuels pour enregistrer et diffuser le déroulement des activités du Sénat. Les enregistrements ainsi réalisés sont mis à la disposition du public par les moyens de communication et d'information.

**Ingingo ya 116: Ibyemezo bifatirwa umuntu utari Umusenateri ubuza umutekano mu Nteko Rusange**

Umuntu wese utari Umusenateri ubuza umutekano mu Nteko Rusange ahita yirukanwa ku itegeko ry'uyiyoboye utanga amabwiriza ya ngombwa ku babishinzwe.

Iyo uwo muntu wirukanywe yakoze icyaha gihanwa n'amategeko, ashyikirizwa ubucamanza bidatinze.

**Ingingo ya 117: Kumenyesha rubanda ingingo z'iri tegeko ngenga zirebana n'ukutavogerwa kw'aho Sena ikorera**

Ingingo z'iri tegeko ngenga zirebana n'ukutavogerwa kw'aho Sena ikorera zimanikwa ku nzugi z'aho rubanda rwinjirira.

**Article 116: Measures taken against a person other than a Senator who disrupts the proceedings of the Plenary Sitting**

Any person other than a Senator who disrupts the proceedings of the Plenary Sitting shall be expelled by the chairperson of the sitting who shall give instructions to the relevant persons.

If that person has committed an offence, he/she shall be immediately handed over to the judiciary.

**Article 117: Display of provisions of this Organic Law concerning the inviolability of the Senate premises**

The provisions of this Organic Law concerning the inviolability of the Senate premises shall be displayed at public entrances.

**Article 116: Mesures prises pour une personne qui n'est pas Sénateur et qui trouble l'ordre de la séance de l'Assemblée Plénière**

Toute personne qui n'est pas Sénateur et qui trouble l'ordre de la séance de l'Assemblée Plénière est immédiatement exclue des tribunes par décision du Président de la séance qui donne les ordres nécessaires aux personnes habilitées.

Si l'acte commis par cette personne constitue une infraction, l'affaire est portée devant la justice sans délai.

**Article 117 : Porter à la connaissance du public les dispositions de la présente loi organique relatives à l'inviolabilité des enceintes du Sénat**

Les dispositions de la présente loi organique relatives à l'inviolabilité du Sénat sont affichées aux portes d'entrée réservées au public.

**INTERURO YA II: UBURYO BWO KWEMEZA AMATEGEKO**

**UMUTWE WA MBERE: IYAKIRWA RY'IMISHINGA Y'AMATEGEKO**

**Ingingo ya 118: Gushyikiriza Abasenateri imishinga y'amategeko yoherejwe n'Umutwe w'Abadepite**

Imishinga y'amategeko yemejwe n'Umutwe w'Abadepite iherekejwe n'isobanurampamvu na raporo y'inama yayemeje yohererezwa Sena yanditswe mu ndimi eshatu (3) zemewe n'amategeko. Biro ya Sena iyishyikiriza Abasenateri mu minsi irindwi (7) uhereye ku munsi yayiboneyeho.

**Ingingo ya 119: Kwemeza ishingiro ry'umushinga w'itegeko**

Mbere yo kujya impaka zo kwemeza ishingiro ry'umushinga w'itegeko uri mu ndimi eshatu zemewe n'amategeko uwo mushinga uratuburwa, ugashyikirizwa Abasenateri, hasigaye nibura iminsi irindwi (7) ngo usuzumwe mu Nteko Rusange.

Impaka rusange zigibwa mu Nteko Rusange nyir'umushinga ahibereye atanga ibisobanuro bijyanye n'umushinga.

**TITLE II: PROCEDURES FOR PASSING BILLS**

**CHAPTER ONE: RECEIVING BILLS**

**Article 118: Submission of bills adopted by the Chamber of Deputies to Senators**

Bills adopted by the Chamber of Deputies shall be sent to the Senate in three (3) official languages together with their explanatory notes as well as the reports of the sittings during which the bills were adopted. The Senate Bureau shall then distribute the bills to the Senators within seven (7) days from the date of their reception.

**Article 119: Adoption of the relevance of a bill**

The bill written in the three official languages shall be reproduced and distributed to Senators at least seven (7) days before the scheduled date for examining its relevance.

The general debate in the Plenary Sitting shall take place in the presence of the author of bill who shall provide necessary explanations concerning the bill.

**TITRE II: PROCEDURES D'ADOPTION DES LOIS**

**CHAPITRE PREMIER : RECEPTION DES PROJETS ET DES PROPOSITIONS DE LOI**

**Article 118: Transmission aux Sénateurs des projets et propositions de lois adoptées par la Chambre des Députés**

Les projets et les propositions de loi accompagnés de l'exposé des motifs et d'un rapport de la séance au cours de laquelle ils ont été adoptés, rédigés en trois (3) langues officielles sont adressés au Sénat après adoption par la Chambre des Députés. Ils sont transmis aux Sénateurs par le Bureau du Sénat dans sept (7) jours à compter de la date de leur réception.

**Article 119: Adoption de l'opportunité d'une proposition ou d'un projet de loi**

La proposition ou le projet de loi rédigé dans les trois langues officielles est multiplié puis distribué aux Sénateurs sept (7) jours au moins avant la date fixée pour l'examen de son opportunité.

Les débats généraux s'effectuent en séance plénière en présence de l'auteur du projet ou de la proposition de loi qui doit fournir les explications concernant l'opportunité du projet ou de la proposition de loi.

**UMUTWE WA II: KWIGA IMISHINGA Y'AMATEGEKO MURI KOMISIYO**

**Ingingo ya 120: Isuzumwa ry'umushinga w'itegeko muri Komisiyo**

Perezida wa Sena yohereza muri Komisiyo ibifite mu nshingano zayo umushinga w'itegeko umaze kwemerezwa ishingiro. Icyakora, iyo bibaye ngombwa, Perezida wa Sena ashobora koherereza umushinga w'itegeko indi Komisiyo.

Abasenateri bafite ubugororangingo ku mushinga w'itegeko babushyikiriza Perezida wa Komisiyo bireba, mu nyandiko, bakagenera kopi Abasenateri bose kugira ngo bashobore gukora ubugororangingo bw'ingoboka, igihe bibaye ngombwa. Ubwo bugororangingo bw'ingoboka bushyikirizwa Perezida wa Komisiyo mu nyandiko. Ubugororangingo bwatanzwe mu nyandiko n'Abasenateri bwitabwaho.

Umushinga uvuye muri Komisiyo ntiwongera kujyibwaho impaka rusange mu Nteko Rusange.

**CHAPTER II: CONSIDERATION OF BILLS BY COMMITTEES**

**Article 120: Consideration of a bill in the Committee**

The President of the Senate shall send the bill to the appropriate Standing Committee after its relevance has been adopted. However, the President of the Senate may send the bill to another Standing Committee if need arises.

Senators who wish to propose amendments to the bill shall refer them in writing to the Chairperson of the appropriate Committee with a copy to Senators so that they may be able to propose sub-amendments if necessary. Those sub-amendments shall also be referred to the Chairperson of the appropriate Committee in writing. Written amendments forwarded by Senators shall be taken into consideration.

Once a bill has been debated on in a Committee, a Plenary Sitting shall not debate it again.

**CHAPITRE II: EXAMEN DES PROJETS ET DES PROPOSITIONS DE LOI EN COMMISSION**

**Article 120: Examen des projets ou propositions de loi en commission**

Le Président du Sénat transmet à la Commission permanente compétente les projets ou propositions de loi dont l'opportunité a été adoptée. Cependant, le Président du Sénat peut, en cas de besoin, transmettre le projet ou proposition de loi à une autre Commission.

Les Sénateurs qui proposent des amendements sur un projet ou sur une proposition de loi s'adressent par écrit, au Président de la Commission concernée en réservant une copie à tous les Sénateurs pour que ces derniers puissent, le cas échéant, faire des sous-amendements. Les sous-amendements sont également adressés par écrit au Président de la Commission. Les amendements présentés par des Sénateurs par écrit sont pris en considération.

Le projet ou la proposition de loi ayant été débattu en Commission ne peut plus faire l'objet de débats généraux en séance plénière.

**<u>Ingingo ya 121</u>: Gutumiza uhagarariye Guverinoma cyangwa umuntu uwo ari we wese gutanga ibisobanuro ku mushinga w'itegeko**

Komisiyo ibinyujije kuri Biro ya Sena, ishobora gutumiza Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta, umuntu uwo ari we wese cyangwa urwego urwo ari rwo rwose bireba, ngo baze gutanga ibisobanuro birambuye ku mushinga w'itegeko ubareba uba usuzumwa na Komisiyo.

Komisiyo ikora raporo yerekeye ubugororangingo yashyikirijwe nk'uko iyikora ku mushinga w'itegeko. Raporo ya Komisiyo ku mushinga w'itegeko ryose ishyikirizwa Abasenateri hasigaye nibura iminsi irindwi (7) mbere y'uko igibwaho impaka n'Inteko Rusange.

Raporo ku ngingo yasubijwe muri Komisiyo ishyikirizwa Abasenateri, hasigaye nibura iminsi ibiri (2) ngo isuzumwe n'Inteko Rusange.

Igihe cyose Inteko Rusange itaratorera umushinga w'itegeko ryose, Komisiyo ishobora kwiga bundi bushya ingingo yatowe byemejwe n'Inteko Rusange, maze igashyikiriza raporo Inteko Rusange kugira ngo iyitorere bundi bushya.

**<u>Article 121</u>: Inviting a Government representative or any other person to provide explanations related to a bill**

Through the Senate Bureau, a Standing Committee may call upon a Minister, Minister of State, any other person, body or institution to a Committee meeting in order to get full information regarding a bill.

The Standing Committee shall make a report of amendments as it does on bills. The report of the Standing Committee on the whole bill shall be passed on to Senators at least seven (7) days before the debates in the Plenary Sitting.

A report on an article that was returned to the Standing Committee shall be given to the Senators at least two (2) days before the debates in the Plenary Sitting.

As long as the Plenary Assembly has not yet voted on the whole bill, the Standing Committee may upon approval by the Plenary Assembly re-examine the voted article and submit a report thereon to the Plenary Assembly for a new vote.

**<u>Article 121</u>: Inviter un représentant du Gouvernement ou toute autre personne à donner des explications relatives à un projet ou à une proposition de loi**

Une Commission peut, par le biais du Bureau du Sénat, inviter un Ministre, un Secrétaire d'Etat, toute autre personne ou organisation à venir donner des explications au cours d'une séance de la Commission consacrée à l'examen d'un projet ou d'une proposition de loi qui les concerne.

La Commission fait un rapport sur les amendements dont elle a été saisie, comme elle le fait pour un projet ou proposition de loi. Le rapport de la Commission relatif à l'ensemble d'un projet ou d'une proposition de loi est distribué aux Sénateurs, sept (7) jours au moins avant la date fixée pour sa discussion en séance plénière.

Le rapport relatif à un article qui a été renvoyé à la Commission est distribué aux Sénateurs, au moins deux (2) jours avant la date fixée pour sa discussion en séance plénière.

Tant que tout le texte de loi n'est pas encore voté par l'Assemblée Plénière, la Commission peut, après approbation de l'Assemblée Plénière, réexaminer un article qui a déjà été voté et transmettre le rapport y relatif à l'Assemblé Plénière pour être voté de nouveau.

## UMUTWE WA III: KWIGA IMISHINGA Y'AMATEGEKO MU NTEKO RUSANGE

**Ingingo ya 122: Ubwoko bw'impaka zigibwa ku mishinga y'amategeko mu Nteko Rusange**

Impaka zigibwa mu Nteko Rusange ziri ukubiri: impaka rusange n'impaka ku ngingo.

Impaka rusange zigibwa mu buryo buteganywa n'ingingo ya 119 y'iri tegeko ngenga zerekeye ishingiro ry'umushinga w'itegeko, umushinga w'itegeko wose muri rusange cyangwa buri gice cyawo.

Impaka ku ngingo zigibwa kuri buri ngingo no kuri buri bugororangingo. Izo mpaka zigibwa nk'uko biteganywa n'ingingo ya 34 y'iri tegeko ngenga.

Ubugororangingo bw'imyandikire ntibugibwaho impaka, ntibunatorerwa.

**Ingingo ya 123: Impaka kuri raporo ya Komisiyo yize umushinga**

Impaka mu Nteko Rusange zibanza kugibwa kuri raporo ya Komisiyo yize umushinga, zigakomereza ku bugororangingo buba bwemejwe na Komisiyo.

Ingingo zidafite ubugororangingo bwagejejwe

## CHAPTER III: CONSIDERING BILLS IN THE PLENARY SITTING

**Aricle 122: Types of debates when considering a bill in the Plenary Sitting**

Debates in Plenary Sittings shall be of two types: general debates or debates on articles.

General debates shall be conducted in accordance with Article 119 of this Organic Law with regard to the relevance of a bill, a bill in general or its parts.

Debates on articles shall deal with each Article and each amendment proposed thereto. Those debates shall be conducted in accordance with Article 34 of this Organic Law.

Amendments related to form shall neither be debated on nor voted for.

**Article 123: Debates on the report of the Committee that considered the bill**

Any debate in the Plenary Sitting shall first be on the Committee's report on the bill and then onto the amendment adopted by a Committee.

Provisions with no amendment submitted to

## CHAPITRE III: EXAMEN DES PROJETS ET PROPOSITIONS DE LOI EN SEANCE DE L'ASSEMBLEE PLENIERE

**Article 122: Débats lors de l'examen d'un projet ou proposition de loi en séance de l'Assemblée Plénière**

Les débats en séance de l'Assemblée Plénière sont de deux ordres : les débats généraux et les débats sur les articles.

Les débats généraux se déroulent suivant les dispositions de l'article 119 de la présente loi organique. Ils portent sur l'opportunité et la présentation de l'ensemble du projet ou de chacune de ses subdivisions.

La discussion des articles porte sur chaque article et sur chaque amendement qui s'y rapporte. Elle est menée selon les dispositions de l'article 34 de la présente loi organique.

Les amendements de forme ne font pas l'objet de débats ni de vote.

**Article 123: Débats sur le rapport de la Commission qui a examiné le projet ou la proposition de loi**

Toute délibération en séance plénière porte d'abord sur le rapport de la Commission qui a examiné le projet ou la proposition de loi, puis sur les amendements qui s'y rapportent et qui ont été adoptés par la Commission.

Les articles dont aucun amendement n'a été

kuri Komisiyo zitorerwa nta mpaka.

**Ingingo ya 124: Impaka ku bugororangingo cyangwa ubugororangingo bw'ingoboka butemewe na Komisiyo**

Ubugororangingo cyangwa ubugororangingo bw'ingoboka butemewe na Komisiyo bugibwaho impaka mu Nteko Rusange iyo bisabwe n'Umusenateri umwe cyangwa benshi. Komisiyo itanga impamvu zatumye itemera ubwo bugororangingo cyangwa ubugororangingo bw'ingoboka.

Ubugororangingo butorerwa mbere y'umushinga w'itegeko ubwawo, n'ubugororangingo bw'ingoboka bugatorerwa mbere y'ubugororangingo.

**Ingingo ya 125: Gusaba gusubirana ingingo y'umushinga w'itegeko**

Komisiyo ishobora gusaba gusubirana ingingo y'umushinga w'itegeko itaratorerwa kugira ngo yongere iyisuzume bundi bushya. Byemezwa n'Inteko Rusange.

**Ingingo ya 126: Kumenyesha Umutwe w'Abadepite ibijyanye n'itorwa ry'umushinga w'itegeko**

Iyo umushinga w'itegeko utowe na Sena nta bugororangingo, Perezida wa Sena abimenyesha Umutwe w'Abadepite mu gihe

the Committee shall be voted for without debate.

**Article 124: Debates on amendments and sub-amendments rejected by the Committee**

Amendments and sub-amendments rejected by a Committee shall be considered in the Plenary Sitting on request of one or several Senators. The Committee shall state reasons as to why amendments or sub-amendments were rejected.

Amendments to bills shall be put to vote before the original bills, and sub-amendments before amendments.

**Article 125: Request to re-consider a provision of the bill**

A Committee may request that it re-considers a provision before it is put to vote. This request is granted by a decision of the Plenary Assembly.

**Article 126: Informing the Chamber of Deputies of the adoption of a bill**

Upon adoption of a bill by the Senate without amendments, the President of the Senate shall inform the Chamber of Deputies in a period

transmis à la Commission sont soumis au vote sans débats.

**Article 124: Débats sur les amendements ou les sous-amendements rejetés par la Commission**

Les amendements ou les sous-amendements qui ont été rejetés par la Commission peuvent faire l'objet de débat en séance plénière à la demande d'un ou de plusieurs Sénateurs. La Commission présente alors les raisons qui ont motivé le rejet de l'amendement ou du sous amendement.

Les amendements sont soumis au vote avant le projet ou la proposition de loi, et les sous-amendements avant les amendements.

**Article 125: Demande de réexamen en commission d'un article de projet ou proposition de loi**

Une Commission peut demander le réexamen en commission d'un article de projet ou proposition de loi avant qu'il ne soit soumis au vote, après approbation de l'Assemblée Plénière.

**Article 126: Informer la Chambre des Députés du vote d'un projet ou proposition de loi**

Lorsqu'un projet ou une proposition de loi est adopté par le Sénat sans amendements, le Président du Sénat en informe la Chambre des

kitarenze iminsi cumi n'itanu (15).

Iyo umushinga w'itegeko udatowe, Perezida wa Sena amenyesha mu ncamake, Umutwe w'Abadepite, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) impamvu zatumye Abasenateri batawemera.

Iyo umushinga w'itegeko watowe na Sena ariko wakorewe ubugororangingo, Perezida wa Sena abimenyesha mu ncamake, Umutwe w' Abadepite, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15).

**Ingingo ya 127: Kugenzura ko itegeko ryemejwe ryohererezwa Umutwe w'Abadepite rihuye n'inyandikomvugo, ko itegeko ryasohotse mu Igazeti ya Leta rihuye n'iryatowe n'Inteko Rusange**

Iyo umushinga w'itegeko wemejwe, mbere y'uko wohererezwa Umutwe w'Abadepite, Umunyamabanga Mukuru hamwe n'abagize Biro ya Komisiyo yize umushinga, bemeza ko kopi zohererezwa Umutwe w'Abadepite n'izishyirwa mu bushyinguro bw'inyandiko bwa Sena zihuye neza n'inyandikomvugo.

Umunyamabanga Mukuru n'abagize Komisiyo yize umushinga w'itegeko bakurikirana ko itegeko ryasohotse mu Igazeti ya Leta rihuye neza n'iryari ryatowe n'Inteko Rusange.

not exceeding fifteen (15) days.

When a bill is rejected, the President of the Senate shall, in brief statement, explain to the Chamber of Deputies the reasons of its rejection in a period not exceeding fifteen (15) days.

When a bill adopted by the Senate has been amended, the President of the Senate shall, in a brief statement, inform the Chamber of Deputies in a period not exceeding fifteen (15) days.

**Article 127: Certifying that an adopted bill to be sent to the Chamber of Deputies corresponds to the verbatim transcripts and that the law published in the Official Gazette corresponds to the law passed by the Plenary Assembly**

Upon adoption of a bill and before it is sent to the Chamber of Deputies, the Clerk together with the Bureau of the Committee that considered the bill, shall certify that the copies sent to the Chamber of Deputies and those to be filed in the Senate's records correspond with the verbatim transcript.

The Clerk and the members of the Committee that considered the bill shall ensure that the wording of the law published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda corresponds to the wording of the law passed

Députés dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours.

Lorsqu'un projet ou une proposition de loi n'est pas adopté, le Président du Sénat en informe la Chambre des Députés, et lui soumet succinctement les raisons qui ont motivé cette décision dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours.

Lorsque le Sénat vote le projet ou la proposition de loi mais après y avoir apporté des amendements, le Président du Sénat le notifie à la Chambre des Députés dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours.

**Article 127: Certification que la loi à transmettre à la Chambre des Députés est conforme au procès-verbal et que le texte de loi publié au Journal Officiel est conforme au texte de loi qui a été adopté par l'Assemblée Plénière**

Lorsqu'un projet ou une proposition de loi a été adopté et avant qu'il ne soit transmis à la Chambre des Députés, le Secrétaire Général et les membres du Bureau de la Commission qui a examiné le projet ou la proposition certifient que les copies à transmettre à la Chambre des Députés et celles à classer dans les archives du Sénat sont conformes au procès-verbal.

Le Secrétaire Général et les membres de la Commission qui a étudié le projet ou la proposition de loi s'assurent que le texte de loi publié au Journal Officiel est conforme au texte tel qu'il a été adopté par l'Assemblée

by the Plenary Assembly.

Plénière.

**<u>Ingingo ya 128</u>: Ivugururwa ry'Itegeko Nshinga ritangijwe na Sena**

Iyo gutangiza ivugururwa ry'Itegeko Nshinga bikozwe na Sena byemezwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'Abagize Sena. Umushinga w'ivugururwa umaze kwemerezwa ishingiro na Sena wohererezwa Umutwe w'Abadepite.

Iyo iryo vugururwa rimaze kwemezwa n'Umutwe w'Abadepite, rigarurirwa Sena.

Ivugururwa ry'Itegeko Nshinga ryemezwa ritowe hakurikijwe ubwiganze bwa bitatu bya kane (3/4) by'Abagize Sena nk'uko biteganywa n'ingingo ya 193 y'Itegeko Nshinga.

**<u>UMUTWE WA IV</u>: IMIGENDEKERE Y'IMPAKA MU GIHE BYIHUTIRWA**

**<u>Ingingo ya 129:</u> Guhindura ibiri ku murongo w'ibyigwa, ibijyanye no guhindura inyandiko mu rundi rurimi cyangwa ibyo kubahiriza igihe**

Mu gihe byihutirwa, bisabwe na Guverinoma, cyangwa byemejwe na Sena bisabwe n'Umusenateri, ingingo z'iri tegeko ngenga zirebana n'ibiri ku murongo w'ibyigwa, ibyo guhindura inyandiko mu rundi rurimi cyangwa ibyo kubahiriza ibihe ntizikurikizwa.

**<u>Article 128</u>: Amendment of the Constitution initiated by the Senate**

If the initiative to amend the Constitution is taken by the Senate, it shall be adopted by a two-thirds (2/3) majority vote of members of the Senate. When the relevance of the amendment has been adopted by the Senate, it shall be sent to the Chamber of Deputies.

When the amendment has been adopted by the Chamber of Deputies, it shall be sent back to the Senate.

A constitutional amendment shall be adopted by a three quarters (3/4) majority vote of the Senate as provided for by Article 193 of the Constitution.

**<u>CHAPTER IV</u>: DEBATES IN URGENT CIRCUMSTANCES**

**<u>Article 129</u>: Changing of the agenda, translation or time schedule**

In urgent circumstances, upon request by the Government, or on a decision of the Senate at the request of a Senator, the provisions of this Organic Law concerning the agenda, translations or time schedule shall be disregarded.

**<u>Article 128</u>: Révision de la Constitution initiée par le Sénat**

Lorsque la révision de la Constitution est initiée par le Sénat, la décision y relative est prise à la majorité des deux-tiers (2/3) des membres du Sénat. La proposition de révision est adressée à la Chambre des Députés après adoption de son opportunité par le Sénat.

Après son adoption par la Chambre des Députés, la révision est retransmise au Sénat.

La révision n'est acquise que par un vote à la majorité des trois quarts (3/4) des membres du Sénat conformément à l'article 193 de la Constitution.

**<u>CHAPITRE IV</u>: PROCEDURE D'URGENCE**

**<u>Article 129</u> : Changement de l'ordre du jour, traduction et respect des délais**

En cas d'urgence, soit à la demande du Gouvernement, soit sur décision du Sénat prise à la demande d'un Sénateur, les dispositions de la présente loi organique concernant l'ordre du jour, la traduction du texte et le respect des délais, ne sont pas prises en considération.

Iyo Umusenateri asabye ko imishinga y'amategeko cyangwa ikindi kibazo byigwa ku buryo bwihutirwa, Sena ibifatira icyemezo ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'Abasenateri bateraniye mu Nteko Rusange. Iyo Guverinoma ibisabye buri gihe irabyemererwa.

Iyo byemejwe ko imishinga cyangwa ikindi kibazo byigwa ku buryo bwihutirwa, biza mbere ku murongo w'ibyigwa.

**<u>Ingingo ya 130:</u> Gushyikiriza Komisiyo umushinga w'itegeko wihutirwa n'igihe kigenerwa ufata ijambo mu gihe byihutirwa**

Nyuma y'impaka rusange zivugwa mu ngingo ya 119 y'iri tegeko ngenga, Biro ya Sena ishyikiriza Komisiyo ibishinzwe umushinga w'itegeko wihutirwa kugira ngo wigwe ku buryo bwihutirwa.

Iyo Sena igomba gufata icyemezo ku buryo bwihutirwa, uyoboye inama ashobora kugena igihe gihabwa ufata ijambo wese, hatitawe ku biteganywa n'ingingo ya 28 y'iri tegeko ngenga.

**<u>Ingingo ya 131</u>: Gusaba ko umushinga utorerwa utanyuze muri Komisiyo**

Iyo impaka rusange zirangiye, uhagarariye umushinga ashobora gusaba ko uhita utorerwa utanyuze muri Komisiyo. Icyo cyemezo gifatwa ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu

When a Senator requests that a bill or any other issue be urgently debated on, his/her request shall be adopted by a two thirds (2/3) majority vote of Senators present in the Plenary Sitting. When such a request is made by the Government, it shall always be granted.

When it is decided that a bill or any other issue be urgently debated on, they shall be given due priority on the agenda.

**<u>Article 130</u>: Submission of an urgent bill to the Committee and time limit of speech during urgent consideration**

After general debates referred to in Article 119 of this Organic Law, the Senate Bureau shall refer the urgent bill to the appropriate Committee for urgent consideration.

When the Senate is to make an urgent decision, the person chairing the sitting shall set time limit to be allotted to each member who wishes to speak, without due consideration to provisions of Article 28 of this Organic Law.

**<u>Article 131</u>: Request that the bill be put directly to vote without being considered by a Committee**

After the general debates, the author of a bill may request that the bill under consideration be put directly to vote without being considered by a Committee. That request shall be adopted by a three-fifths (3/5) majority vote

Lorsque l'urgence est demandée par un Sénateur, le Sénat s'y prononce à la majorité des deux-tiers (2/3) des Sénateurs présents en séance plénière. Lorsque l'urgence est demandée par le Gouvernement, elle est toujours accordée.

Dans tous les cas où l'urgence est accordée, l'examen de la loi ou de la question qui en est l'objet a priorité sur l'ordre du jour.

**<u>Article 130</u> : Transmission d'un projet ou proposition de loi urgent à la Commission et durée de parole en cas d'urgence**

Après les débats généraux prévus à l'article 119 de la présente loi organique, le Bureau du Sénat transmet à la Commission compétente, le projet ou la proposition de loi en question pour qu'elle l'examine en urgence.

Lorsque le Sénat doit se prononcer d'urgence, le Président de la séance détermine la durée de parole accordée à chaque orateur indépendamment des dispositions de l'article 28 de la présente loi organique.

**<u>Article 131</u>: Demander qu'un projet ou proposition de loi soit soumis directement au vote sans passer par une Commission**

Après la clôture des débats généraux, l'initiateur d'un projet ou d'une proposition de loi en discussion peut demander qu'il soit soumis directement au vote sans passer par une

(3/5) by'Abasenateri bahari.

Imaze gutanga raporo, Komisiyo yize umushinga ishobora gusaba ko ingingo zigize umushinga w'itegeko zitorerwa nta mpaka zigiwe. Byemezwa na bitatu bya gatanu (3/5) by'Abasenateri bitabiriye inama.

**<u>INTERURO YA III</u>: IMIGENDEKERE Y'IMPAKA KU BYEREKEYE KUMENYA NO KUGENZURA IBIKORWA BYA GUVERINOMA**

**<u>Ingingo ya 132</u>: Igikorwa cyo kumenya no kugenzura ibikorwa bya guverinoma n'imigendekere y'impaka**

Mu gihe cy'ibihembwe, inama imwe buri cyumweru iharirwa ibibazo abagize Sena babaza Guverinoma n'ibisubizo ibaha. Minisitiri w'Intebe, Abaminisitiri cyangwa Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma bitabira izo nama, babimenyeshwa nibura iminsi irindwi (7) mbere y'uko ziba. Icyakora, icyo gihe gishobora kugabanuka byemejwe n'Inteko Rusange, hakurikijwe ubwihutirwe bw'ingingo isuzumwa.

Iyo ku munsi wari uteganyirijwe ibibazo n'ibisubizo nta gikorwa nk'icyo kibaye, hashyirwaho indi gahunda, iyo bibaye

of Senators present.

After presenting its report, a Committee that considered a bill may request that the provisions of the bill be put to vote without debate. That request shall be adopted upon by a three-fifths (3/5) majority vote of Senators present.

**<u>TITLE III</u>: CONDUCT OF DEBATES DURING OVERSIGHT OF GOVERNMENT ACTION**

**<u>Article 132</u>: Oversight of Government action and conduct of debates**

During sessions, one sitting per week shall be devoted to questions by members of the Senate to the Executive and answers thereto. The Prime Minister, Ministers or Ministers of State, or any other member of the cabinet shall attend the sitting if they are informed at least seven (7) days before the scheduled Plenary Sitting. However, such period may be reduced upon the decision of the Plenary Assembly, depending on the urgency of the item on the agenda.

If a sitting on government oversight that was scheduled does not take place, another item

Commission. La décision est prise à la majorité des trois cinquièmes (3/5) des Sénateurs présents.

La Commission qui a examiné un projet ou une proposition de loi peut, après avoir présenté son rapport, demander que les articles du projet ou de la proposition de loi soient soumis au vote sans débats. La décision est prise à la majorité des trois cinquièmes (3/5) des Sénateurs présents.

**<u>TITRE III</u>: DEBATS LORS DU CONTROLE DE L'ACTION GOUVERNEMENTALE**

**<u>Article 132:</u> Contrôle de l'action gouvernementale et déroulement des débats**

Durant les sessions, une séance par semaine est réservée aux questions des membres du Sénat au Gouvernement et aux réponses du Gouvernement. Le Premier Ministre, les Ministres, les Secrétaires d'Etat, ou les autres membres du Gouvernement se présentent à ces sessions quand ils en sont notifiés au moins sept (7) jours en avance. Sur décision de l'Assemblée Plénière, ce délai peut cependant être écourté eu égard à l'urgence du point inscrit à l'ordre du jour.

Lorsque la séance réservée aux questions et réponses n'a pas eu lieu, un autre programme peut être mis à l'ordre du jour de cette séance,

ngombwa.

Impaka z'Inteko Rusange zigamije kwiga inyandiko z'Abasenateri na raporo ku byerekeye kumenya no kugenzura imikorere ya Guverinoma, zikorwa hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 28 y'iri tegeko ngenga.

Icyakora, iyo Inteko Rusange igamije kumva ibisubizo by'ibibazo mu magambo, Abasenateri batanze ibyo bibazo cyangwa abo batumye kubavugira ni bo bonyine gusa bafite uburenganzira bwo kwandikwa kuri lisiti ya mbere. Naho Abasenateri bandi bose babyifuza bashobora kwiyandikisha kuri lisiti ya kabiri n'iya gatatu hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 28 y'iri tegeko ngenga.

**<u>Ingingo ya 133</u>: Uburyo bwo kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma**

Mu rwego rwo kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, Abasenateri bashobora kubaza Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma mu magambo cyangwa mu nyandiko.

Sena ishobora na none gushyiraho za Komisiyo z'igenzura mu rwego rwo kumenya no kugenzura imikorere ya Guverinoma. Icyakora, ntishobora kubariza mu ruhame abagize Guverinoma cyangwa ngo itangize ibyerekeye kubavanaho icyizere.

Itegeko ngenga rigena ibigomba gukurikizwa

shall be put on the agenda.

Debates in a Plenary Sitting devoted to the examination of Senators' documents and to the consideration of reports regarding Government oversight shall be conducted in accordance with Article 28 of this Organic Law.

However, where a Plenary Sitting is devoted to answers to oral questions, only Senators who submitted their questions, or their representatives thereof, may register on the first list. Any Senator may, however, have his/her name registered on the second and third list in accordance with the provisions of Article 28 of this Organic Law.

**<u>Article 133:</u> Means of oversight of Government Action**

With regard to oversight of Government action, Senators may put either oral or written questions to the Prime Minister, Minister, Ministers of State and other Cabinet member.

The Senate may also establish commissions of inquiry for oversight of Government action. However, it shall not proceed to an interpellation or initiate a vote of no confidence.

An Organic Law shall determine the

en cas de nécessité.

Les débats en séance plénière consacrée à l'examen des documents des Sénateurs et des rapports relatifs au contrôle de l'action gouvernementale se déroulent selon les dispositions de l'article 28 de la présente loi organique.

Toutefois, lorsque la séance plénière est consacrée à entendre les réponses aux questions orales, seuls les Sénateurs auteurs de ces questions ou leurs représentants ont droit de se faire inscrire sur la première liste, tandis que tous les Sénateurs qui le désirent peuvent se faire inscrire sur la deuxième et la troisième liste conformément aux dispositions de l'article 28 de la présente loi organique.

**<u>Article 133</u>: Moyens d'information et de contrôle de l'action gouvernementale**

Dans le cadre de la procédure d'information et de contrôle de l'action gouvernementale, les Sénateurs peuvent adresser au Premier Ministre, au Ministre, aux Secretaires d'Etat et aux autres membres du Gouvernement des questions orales ou des questions écrites.

Le Sénat peut également constituer des Commissions d'enquête dans le cadre du contrôle de l'action gouvernementale. Toutefois, il ne peut procéder à l'interpellation ni initier une motion de censure.

Une loi organique détermine la procédure

mu kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.

**Ingingo ya 134: Kugeza ku Nteko Ishinga Amategeko ibikorwa bya Guverinoma**

Rimwe mu gihembwe cy'Inteko Ishinga Amategeko, Minisitri w'Intebe aza gusobanurira Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, ibikorwa bya Guverinoma.

**INTERURO YA IV: KUREGA IMITWE YA POLITIKI**

**Ingingo ya 135: Kurega imitwe ya politiki**

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 55 y'Itegeko Nshinga, Sena ishobora kurega umutwe wa politiki wateshutse bikomeye ku nshingano zikubiye mu ngingo ya 52, 53 na 54 z'Itegeko Nshinga.

Icyemezo cyo kurega umutwe wa politiki mu nkiko gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu (3/5) by'Abasenateri bahari.

Perezida wa Sena ashyikiriza Urukiko Rukuru icyemezo cyafashwe n'Inteko Rusange hamwe n'ikirego.

Mu manza, Sena ishobora guhagararirwa mu buryo inzego za Leta zihagararirwamo.

procedures for oversight of Government action.

**Article 134: Informing Parliament of Government activities**

The Prime Minister, once in a session of Parliament, shall inform both Chambers of the Parliament in joint session, of Government activities.

**TITLE IV: LODGING A PLAINT AGAINST POLITICAL ORGANIZATIONS**

**Article 135: Lodging a plaint against a political organisation**

As provided for by Article 55 of the Constitution, the Senate may lodge a plaint against a political organisation which has grossly violated the obligations contained in the provisions of Article 52, 53 and 54 of the Constitution.

A decision to lodge a plaint against a political organization shall be taken by the Plenary Assembly upon a three fifths (3/5) majority vote of Senators present.

The President of the Senate shall submit the decision taken while referring the plaint to the High Court.

The Senate shall be represented before courts in the same way as other public institutions are represented.

d'information et de contrôle de l'action gouvernementale.

**Article 134: Informer le Parlement de l'action gouvernementale**

Une fois durant la session parlementaire, le Premier Ministre informe le Parlement, les deux Chambres réunies, de l'action du Gouvernement.

**TITRE IV: ACTION EN JUSTICE CONTRE LES FORMATIONS POLITIQUES**

**Article 135: Action en justice contre les formations politiques**

Conformément aux dispositions de l'article 55 de la Constitution, le Sénat peut actionner en justice une formation politique pour manquement grave aux obligations contenues dans les dispositions des articles 52, 53 et 54 de la Constitution.

La décision d'actionner en justice une formation politique est prise par l'Assemblée Plénière à la majorité des trois cinquièmes (3/5) des Sénateurs présents.

Le Président du Sénat saisit la Haute Cour et lui transmet la décision prise.

Le Sénat peut être représenté devant les juridictions dans les mêmes conditions que les

autres institutions de l'Etat.

**<u>INTERURO YA V</u>: INGINGO SENA IHURIYEHO N'UMUTWE W'ABADEPITE**

**<u>Ingingo ya 136:</u> Itumizwa ry'Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi mu gihembwe kidasanzwe**

Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi ishobora gutumizwa mu gihembwe kidasanzwe byumvikanyweho na ba Perezida b'Imitwe yombi, bisabwe na Perezida wa Repubulika cyangwa na kimwe cya kane (1/4) cy'abagize buri Mutwe.

**<u>Ingingo ya 137</u>: Gutanga ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta**

Mbere y'uko ingengo y'imari ya Leta yemezwa burundu, Sena igomba gushyikiriza Umutwe w'Abadepite icyo ivuga ku mushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta umaze kwemerezwa ishingiro n'Umutwe w'Abadepite.

Perezida wa Sena ashyikiriza umushinga w'itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta Komisiyo ifite ingengo y'imari mu nshingano zayo. Komisiyo irawusuzuma ikawutangaho ibitekerezo byemezwa n'Inteko Rusange kandi bigashyikirizwa Umutwe w'Abadepite.

**<u>TITLE V</u>: COMMON PROVISIONS TO THE SENATE AND THE CHAMBER OF DEPUTIES**

**<u>Article 136:</u> Convening both Chambers of Parliament in an extraordinary session**

Both Chambers of Parliament may be convened in an extraordinary joint session after consultations between the Presidents of both Chambers, at the request of the President of the Republic or that of a quarter (1/4) of members of each Chamber.

**<u>Article 137</u>: Providing opinion on the State finance bill**

Before the final adoption of the Budget, the Senate shall provide the Chamber of Deputies with its opinion on the State finance bill after the Chamber of Deputies has adopted the relevance thereof.

The President of the Senate shall submit the State finance bill to the Standing Committee in charge of finance. The Standing Committee shall examine the bill and its comments thereon shall be decided upon by the Plenary Assembly and submitted to the Chamber of Deputies.

**<u>TITRE V</u>: DISPOSITIONS COMMUNES AU SENAT ET A LA CHAMBRE DES DEPUTES**

**<u>Article 136:</u> Convocation du Parlement, les deux Chambres réunies en session extraordinaire**

Les deux Chambres du Parlement peuvent être convoquées en session extraordinaire conjointe après concertation entre les Présidents des deux Chambres, sur demande du Président de la République ou d'un quart (1/4) des membres de chaque Chambre.

**<u>Article 137</u>: Avis du Sénat sur le projet de loi des finances de l'Etat**

Avant l'adoption définitive du budget de l'Etat, le Sénat doit donner à la Chambre des Députés son avis sur le projet de loi des finances de l'Etat après l'adoption de son opportunité par la Chambre des Députés.

Le Président du Sénat transmet le projet de loi des finances de l'Etat à la Commission du Sénat ayant les finances dans ses attributions. La Commission l'examine et émet son avis qui doit être soumis à l'approbation de l'Assemblée Plénière et transmis à la Chambre des Députés.

Sena ishobora guhagararirwa muri Komisiyo y'Umutwe w'Abadepite mu gihe cyo gusuzuma umushinga w'itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta mu rwego rwo gusobanura ibitekerezo byawutanzweho na Sena.

**Ingingo ya 138: Gusuzuma umushinga w'itegeko watowe n'Umutwe w'Abadepite**

Hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 89 y'Itegeko Nshinga, Perezida w'Umutwe w'Abadepite ahita yohererereza Perezida wa Sena umushinga w'itegeko watowe n'Umutwe w'Abadepite Sena ifitiye ububasha nk'uko biteganywa n'ingingo ya 88 y'Itegeko Nshinga, kimwe na raporo ziwerekeye.

Igihe umushinga w'itegeko ugibwaho impaka muri Komisiyo ya Sena, Umutwe w'Abadepite, ubisabwe na Sena, ushobora kohereza uwuhagarariye gusobanura uwo mushinga muri iyo Komisiyo.

**Ingingo ya 139: Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko**

Iyo umushinga w'itegeko watowe na Sena imaze kuwukorera ubugororangingo, hanyuma ubwo bugororangingo ntibwemerwe n'Umutwe w'Abadepite, Perezida w'Umutwe w'Abadepite ashyikiriza Perezida wa Sena inyandiko igaragaza ingingo zitemewe

When the bill is under consideration in the relevant Committee of the Chamber of Deputies, the Senate may be represented in the said Committee in order to give explanations on the opinion expressed by the Senate on the bill.

**Article 138: Consideration of a bill adopted by the Chamber of Deputies**

Pursuant to the provision of Article 89 of the Constitution, the Speaker of the Chamber of Deputies shall, without undue delay, submit to the President of the Senate the bill adopted by the Chamber of Deputies in accordance with legislative competence provided for by Article 88 of the Constitution as well as the reports thereof.

When a bill is under consideration in a Standing Committee of the Senate, the Chamber of Deputies may, upon request by the Senate, be represented in the Committee to provide explanations.

**Article 139: Joint Committee of both Chambers of Parliament**

When the Senate adopts a bill after making amendments thereto and when those amendments are not accepted by the Chamber of Deputies, the Speaker of the Chamber of Deputies shall submit to the President of the Senate a document containing provisions that

Pendant l'examen du projet de loi des finances, le Sénat peut être représenté dans la Commission de la Chambre des Députés en vue de donner des éclaircissements sur l'avis émis par le Sénat sur le projet la loi des finances.

**Article 138: Examen d'un projet ou proposition de loi adopté par la Chambre des Députés**

Conformément à l'article 89 de la Constitution, le Président de la Chambre des Députés transmet immédiatement au Président du Sénat le projet ou proposition de loi adopté par la Chambre des Députés rentrant dans les compétences législatives du Sénat tel que prévu à l'article 88 de la Constitution, ainsi que les rapports y relatifs.

Pendant l'examen d'un projet ou d'une proposition par la Commission du Sénat, la Chambre des Députés, sur demande du Sénat, peut être représentée à ladite Commission en vue de donner des éclaircissements sur ce projet.

**Article 139: Commission Paritaire des deux Chambres du Parlement**

Lorsque le Sénat adopte un projet ou une proposition de loi après y avoir apporté des amendements et que ces derniers ne sont pas acceptés par la Chambre des Députés, le Président de la Chambre des Députés transmet au Président du Sénat un document contenant

n'Umutwe w'Abadepite n'amazina y'Abadepite batanu (5) bawuhagararira muri Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi ishinzwe gutegura umwanzuro wumvikanyweho ku ngingo zikomeje kugibwaho impaka.

Mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7), ashyikirijwe ayo mazina, Perezida wa Sena amenyesha Perezida w'Umutwe w'Abadepite amazina y'Abasenateri batanu (5) bagize Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi.

Umwanzuro wumvikanyweho na Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi wohererezwa buri Mutwe, ugatorwa nta bundi bugororangingo.

Mu gihe Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi itumvikanye kuri uwo mwanzuro cyangwa umwe muri iyo Mitwe ntubashe kwemeza ibyumvikanyweho n'iyo Komisiyo, uwo mushinga w'itegeko usubizwa uwawuzanye.

Umushinga wasubijwe uwawuzanye muri ubwo buryo ntiwongera kwigwa muri icyo gihembwe.

Iyo uwazanye umushinga w'itegeko ashatse kuwugarura mu kindi gihembwe agomba kubitangirira mu Mutwe w'Abadepite.

are not accepted by the Chamber of Deputies and the names of five (5) Deputies to represent it in the Joint Committee of both Chambers responsible for drafting proposals regarding the provisions which are still under discussion.

Within seven (7) days of receiving such names, the President of the Senate shall notify the Speaker of the Chamber of Deputies as to the names of five (5) Senators to be members of the Joint Committee of both Chambers.

The compromise adopted by the Joint Committee shall be submitted to each Chamber which shall adopt it without any other amendment.

When a compromise is not reached by the Joint Committee or if one of the Chambers does not adopt the compromise reached by the Joint Committee, the bill shall be returned to its initiator.

The bill which has been returned to its initiator shall not be reconsidered in the same session.

In the event the initiator wishes the bill to be considered in another session, he/she shall table it before the Chamber of Deputies.

les dispositions qui ne sont pas acceptées par la Chambre des Députés et les noms de cinq (5) Députés qui vont la représenter dans la Commission Paritaire chargée de proposer un texte de compromis sur les dispositions objet de débats.

Dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours après la réception de ces noms, le Président du Sénat notifie au Président de la Chambre des Députés les noms des cinq (5) Sénateurs membres de la Commission paritaire mixte.

Le texte de compromis adopté par la Commission paritaire mixte est ensuite envoyé à chaque Chambre pour un vote sans autre amendement.

En cas de désaccord de la Commission paritaire mixte, ou si l'une des deux Chambres n'a pas pu adopter le texte de compromis proposé par la Commission paritaire, le projet ou la proposition de loi est renvoyé à l'initiateur.

Le projet ou la proposition de loi renvoyée à son initiateur dans ces conditions ne peut pas être réexaminé au cours de la même session.

Dans le cas où l'auteur du projet ou de la proposition de loi veut le réintroduire dans une autre session, la procédure doit recommencer devant la Chambre des Députés.

**<u>Ingingo ya 140</u>: Gutangaza itegeko**

Iyo itegeko rimaze gutorwa n'Imitwe yombi, Perezida w'Umutwe w'Abadepite arishyikiriza Perezida wa Repubulika kugira ngo aritangaze.

**<u>Ingingo ya 141</u>: Amahuriro ahuriyemo Abasenateri n'Abadepite**

Hashobora kujyaho amahuriro ahuriyemo Abasenateri n'Abadepite. Ayo mahuriro yemezwa na buri Mutwe ugize Inteko Ishinga Amategeko.

Iyo umwe mu Mitwe igize Inteko Ishinga Amategeko utemeye ihuriro ry'Abasenateri n'Abadepite, abari mu Mutwe waryanze ntibemerewe kujya muri iryo huriro. Ibyo ntibibuza abandi b'Umutwe waryemeye kurishyiraho no kurijyamo.

**<u>Ingingo ya 142</u>: Raporo zigezwa ku Nteko Ishinga Amategeko ziteganywa n'Itegeko Nshinga**

Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga ko zishyikiriza raporo yazo Inteko Ishinga Amategeko zohereza buri Mutwe ugize Inteko Ishinga Amategeko raporo yazo mu nyandiko.

Izo nzego zigeza kandi raporo yazo mu magambo ku Mitwe yombi igize Inteko Ishinga Amategeko iteraniye hamwe.

**<u>Article 140</u>: Promulgation of a law**

When a law is adopted by both Chambers, the Speaker of the Chamber of Deputies shall submit it to the President of the Republic for promulgation.

**<u>Articl 141</u>: Networks bringing together Senators and Deputies**

Parliamentary networks bringing together Senators and Deputies may be established. Such networks shall be approved by each Chamber of the Parliament.

In the event one Chamber does not approve a parliamentary network, members of this Chamber shall not be allowed to be members of that network. However, this does not prevent members of the other Chamber from establishing the network and being members thereof.

**<u>Article 142</u>: Reports submitted to Parliament as provided for by the Constitution**

Institutions which, according to the Constitution, submit their reports to Parliament shall do so in writing to each Chamber.

They shall also verbally present their reports in a common sitting of both Chambers.

**<u>Article 140</u>: Promulgation d'une loi**

Lorsqu'une loi est adoptée par les deux Chambres, le Président de la Chambre des Députés la transmet au Président de la République pour promulgation.

**<u>Article 141</u>: Réseaux regroupant les Sénateurs et les Députés**

Des réseaux regroupant les Sénateurs et les Députés peuvent être constitués. Ces réseaux sont autorisés par chacune des Chambres du Parlement.

Si l'une des Chambres du Parlement n'accepte pas un réseau regroupant les Sénateurs et les Députés, les membres de la Chambre qui l'a refusé ne sont pas autorisés d'être membres de ce réseau. Toutefois, les membres de l'autre Chambre qui l'a accepté peuvent le constituer et en être membres.

**<u>Article 142</u>: Rapports transmis au Parlement tel que prévu par la Constitution**

Les institutions qui, selon les dispositions de la Constitution font rapport au Parlement transmettent leurs rapports par écrit à chacune des deux Chambres du Parlement.

Une présentation de ce rapport est également faite dans une séance réunissant les deux Chambres.

Komisiyo ibishinzwe ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko isuzuma iyo raporo ikagira icyo iyivugaho. Inteko Rusange ya buri Mutwe isuzuma umwanzuro wa Komisiyo yize raporo ikawufataho icyemezo. Icyo cyemezo gishyikirizwa inzego zibishinzwe.

**<u>Ingingo ya 143</u>: Ifatwa ry'ibyemezo igihe Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko yateraniye hamwe**

Iyo Imitwe yombi igize Inteko Ishinga Amategeko yakoreye inama hamwe, hakurikizwa Itegeko Ngenga rigena imikorere y'Umutwe w'Abadepite.

Buri Mutwe ufata icyemezo ukwawo, ukurikije Itegeko ryayo rigena imikorere yawo.

Icyakora, iyo ari itora ry'abagize Inteko Ishinga Amategeko y'akarere cyangwa mpuzamahanga u Rwanda rurimo, iryo tora rikorwa mu ibanga kandi amajwi y'abahari akabarurirwa hamwe.

**<u>Ingingo ya 144</u>: Imikoranire y'Imitwe yombi igize Inteko Ishinga Amategeko**

Imikoranire y'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko igengwa n'Itegeko Ngenga rigena imikorere ya buri Mutwe.

The relevant Standing Committee of each Chamber shall examine the report and make comments thereon. The Plenary Assembly of each Chamber shall examine the recommendation of the Standing Committee and make a decision thereon. Such a decision shall be submitted to the relevant organs.

**<u>Article 143</u>: Making resolutions during a joint Plenary Sitting of both Chambers of Parliament**

When both Chambers of Parliament meet in a joint Plenary Sitting, the business shall be conducted in accordance with the Organic Law establishing Internal Rules of Procedure of the Chamber of Deputies.

Each Chamber shall adopt resolutions in accordance with its Internal Rules of Procedure.

However, when it comes to the election of members of a regional or international Parliament in which Rwanda has membership, the election shall be held by secret ballot and votes of the members present shall be counted together.

**<u>Article 144:</u> Working relations between both Chambers of Parliament**

The working relations between both Chambers of Parliament shall be determined by an Organic Law establishing the internal rules of each Chamber.

La Commission compétente de chaque Chambre examine le rapport et donne un avis. L'Assemblée Plénière de chaque Chambre prend une décision, sur l'avis proposé par la Commission. Cette décision est soumise aux organes compétents.

**<u>Article 143:</u> Prise de décision dans une séance conjointe des Chambres du Parlement**

Lorsque les deux Chambres du Parlement sont réunies en séance conjointe, la loi organique portant règlement d'ordre intérieur de la Chambre des Députés est appliquée.

Les décisions sont prises séparément par chaque Chambre conformément à son règlement d'ordre intérieur.

Toutefois, lorsqu'il s'agit d'élection des membres d'un Parlement régional ou international dont le Rwanda est membre, le vote est secret et les voix des membres présents sont comptées ensemble.

**<u>Article 144</u>: Rapports entre les deux Chambres du Parlement**

Les rapports entre les deux Chambres du Parlement sont déterminés par une loi organique portant règlement d'ordre intérieur de chaque Chambre.

Ibidateganyijwe n'iri tegeko ngenga bijyanye n'imikoranire hagati y'Imitwe yombi igize Inteko Ishinga Amategeko bikemurwa binyuze mu bwumvikane bwa za Biro z'Imitwe yombi igize Inteko Ishinga Amategeko.

**INTERURO YA VI: IMIKORANIRE YA SENA N'INTEKO ZISHINGA AMATEGEKO U RWANDA RURIMO**

**Ingingo ya 145: Isuzuma ry'inyandiko zivuye mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba**

Umunyamabanga Mukuru w'Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba ashyikiriza Umunyamabanga Mukuru wa Sena inyandiko zose zifitanye isano n'impaka zakorewe mu nama y'Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba zigomba gusuzumwa na Sena hari na Minisitiri ushinzwe Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba ari na we ugomba kubisobanura imbere y'Inteko Rusange ya Sena.

Perezida wa Sena yoherereza izo nyandiko Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano, cyangwa indi Komisiyo iyo bibaye ngombwa, kugira ngo izisuzume, ayisaba gutegurira Inteko Rusange raporo. Komisiyo z'Imitwe yombi zasuzumye izo nyandiko zumvikana kuri raporo mbere yo kuyishyikiriza Inteko Rusange ya buri Mutwe. Raporo yumvikanyweho yemezwa nta mpaka.

Matters concerning the working relations between both Chambers of the Parliament which are not provided for by this Organic Law shall be addressed upon consultation of the Bureaus of both Chambers of the Parliament

**TITLE VI: RELATIONSHIP BETWEEN THE SENATE AND PARLIAMENTS IN WHICH RWANDA HAS MEMBERSHIP**

**Article 145: Consideration of documents from the East African Legislative Assembly**

The Clerk to the East African Legislative Assembly shall submit to the Clerk to the Senate all documents pertaining to the proceedings of the East African Legislative Assembly to be considered by the Senate in the presence of the Minister in charge of East African Community who explains such documents before the Plenary Sittings of the Senate.

The President of the Senate shall submit such documents to the Committee in charge of foreign affairs, cooperation and security for consideration, or to any other Committee if deemed necessary, requesting it to prepare a report thereon for the Plenary Assembly. The Committees of both Chambers that considered such documents shall agree on the report before tabling it to the Plenary Assembly of each Chamber. The report agreed upon shall be adopted without debates.

Les sujets non prévus par la présente loi organique concernant des rapports entre les deux Chambres, sont résolus par consultation entre les Bureaux des deux Chambres du Parlement.

**TITRE VI: COLLABORATION ENTRE LE SENAT ET LES PARLEMENTS DONT LE RWANDA EST MEMBRE**

**Article 145: Examen des documents provenant de l'Assemblée Législative de l'Afrique de l'Est**

Le Secrétaire Général de l'Assemblée Législative de l'Afrique de l'Est transmet au Secrétaire Général du Sénat tous les documents en relation avec les débats qui ont eu lieu dans la séance de l'Assemblée Législative de l'Afrique de l'Est devant être examinés par le Sénat en présence du Ministre chargé de la Communauté de l'Afrique de l'Est qui donne des éclaircissements à la séance plénière du Sénat.

Le Président du Sénat transmet ces documents à la Commission des affaires étrangères, de la coopération et de la sécurité ou à toute autre Commission si besoin est, pour examen en lui demandant de préparer un rapport pour l'Assemblée Plénière. Les Commissions des deux Chambres ayant examiné ces documents se conviennent sur le rapport avant de le transmettre à l'Assemblée Plénière de chaque Chambre. Le rapport convenu est adopté sans

Abanyamabanga Bakuru b'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi, bashyikiriza Umunyamabanga Mukuru w'Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba inyandiko n'ibyemezo byose birebana n'impaka zagiwe mu Nteko Rusange ku bibazo bifitanye isano n'Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba.

**Ingingo ya 146: Isuzuma ry'inyandiko zivuye mu Nteko Zishinga Amategeko z'imiryango u Rwanda rurimo**

Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane isuzuma raporo z'Inteko Zishinga amategeko z'imiryango u Rwanda rurimo igashyikiriza imyanzuro Inteko Rusange.

**INTERURO YA VII: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 147: Isubiramo rya kabiri ry'amategeko ngenga n'amategeko asanzwe yatowe**

Hashingiwe ku ngingo ya 108 y'Itegeko Nshinga, iyo Perezida wa Repubulika asabye ko habaho isuzuma rya kabiri ry'amategeko ngenga cyangwa amategeko asanzwe yatowe, bimenyeshwa Inteko Rusange ikayasuzuma bundi bushya. Hakurikizwa uburyo busanzwe

The Clerks to Parliament, both Chambers, shall submit to the Clerk to the East African Legislative Assembly all documents and resolutions pertaining to the proceedings of the Plenary Sitting in relation to the East African Legislative Assembly.

**Article 146: Consideration of documents from Parliaments of organisations in which Rwanda has membership**

The Standing Committee in charge of foreign affairs and cooperation shall consider reports of Parliaments of organizations in which Rwanda has membership and present reports to the Plenary Assembly.

**TITLE VII: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**

**Article 147: Reconsidering the adopted organic or ordinary laws**

Pursuant to Article 108 of the Constitution, when the President of the Republic requests the Parliament to reconsider adopted organic or ordinary laws, the Plenary Assembly shall be informed and consider them afresh. Usual legislative procedures shall be applied.

débats.

Les Secrétaires Généraux des deux Chambres du Parlement transmettent au Secrétaire Général de l'Assemblée Législative de la Communauté de l'Afrique de l'Est tous les documents et toutes les résolutions concernant les débats qui ont eu lieu en séance plénière sur les questions ayant trait à l'Assemblée Législative de l'Afrique de l'Est.

**Article 146: Examen des documents provenant des Parlements des organisations dont le Rwanda est membre**

La Commission ayant les affaires étrangères et la coopération dans ses attributions examine les rapports des Parlements des organisations dont le Rwanda est membre et présente le rapport à l'Assemblée Plénière.

**TITRE VII: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**

**Article 147: Deuxième lecture des lois organiques et des lois ordinaires**

Conformément à l'article 108 de la Constitution, lorsque le Président de la République demande au Parlement de procéder à une deuxième lecture des lois organiques ou des lois ordinaires qui ont été votées, l'Assemblée Plénière en est informée pour une

bukoreshwa mu kwiga imishinga y'amategeko.

nouvelle délibération. La procédure appliquée est la même que celle suivie lors de l'examen des projets ou propositions de loi.

**<u>Ingingo ya 148</u>: Gahunda y'icyumweru y'imirimo y'Inteko Rusange**

Umushinga wa gahunda y'imirimo y'Inteko Rusange ya Sena y'icyumweru utegurwa n'Umunyamabanga Mukuru wa Sena, cyangwa Umunyamabanga Mukuru Wungirije wa Sena mu gihe adahari, ashingiye ku biteganywa muri gahunda y'igihembwe, ikemezwa na Biro ya Sena.

Gahunda yose nshya y'imirimo ya Sena ishyikirizwa Abasenateri nibura iminsi ibiri (2) mbere y'uko ibiyikubiyemo byigwa n'Inteko Rusange keretse iyo byihutirwa. Iyo gahunda imenyekanishwa hakoreshejwe uburyo bushoboka bw'itumanaho n'itangazamakuru.

**<u>Article 148:</u> Weekly agenda of the Plenary Assembly**

The weekly draft agenda of the Plenary Assembly shall be prepared by the Clerk to the Senate or Deputy Clerk to the Senate in absence of the Clerk based on the agenda of the session and shall be approved by the Bureau.

Any new agenda of the Senate shall be submitted in writing to Senators at least two (2) days before its items are considered in the Plenary Sitting except in cases of urgency. Such an agenda shall be published by all means of information and communication available.

**<u>Article 148:</u> Programme des travaux hebdomadaires de l'Assemblée Plénière**

Le projet du programme des travaux hebdomadaires de l'Assemblée Plénière est préparé par le Secrétaire Général du Sénat ou, en cas de son absence, le Secrétaire Général adjoint du Sénat, sur base du programme de la session. Ce projet de programme est approuvé par le Bureau du Sénat.

Tout nouvel ordre du jour des travaux du Sénat est communiqué aux Sénateurs deux (2) jours au moins avant la date fixée pour son examen en Séance Plénière, sauf en cas d'urgence. Il est communiqué par tous les moyens de communication et d'information disponibles.

**<u>Ingingo ya 149</u>: Itangwa rya raporo y'ibikorwa bya Sena by'igihembwe giheruka**

Mu ntangiriro za buri gihembwe gisanzwe, Biro ya Sena itanga raporo y'ibikorwa bya Sena by'igihembwe giheruka ku Nteko Rusange.

**<u>Article 149</u>: Submission of the Senate activity report of the previous session**

At the beginning of every ordinary session, the Bureau of the Senate shall submit the Senate activity report of the previous session to the Plenary Assembly.

**<u>Article 149:</u> Transmission du rapport d'activités du Sénat de la session précédente**

Le Bureau du Sénat présente au début de chaque session ordinaire, le rapport d'activités du Sénat de la session précédente à l'Assemblée Plénière.

**<u>Ingingo ya 150</u>: Iyemezwa ry'umushinga w'ingengo y'imari ya Sena**

Umushinga w'ingengo y'imari ya Sena utegurwa n'Ubunyamabanga Bukuru bwa

**<u>Article 150:</u> Adoption of the draft budget of the Senate**

The draft budget of the Senate shall be prepared by the Senate Clerk's Office and

**<u>Article 150:</u> Adoption du projet de budget du Sénat**

Le projet du budget du Sénat est préparé par le Secrétariat Général du Sénat et examiné par la

Sena, ugasuzumwa na Komisiyo ifite ingengo y'imari mu nshingano zayo, raporo igashyikirizwa Inteko Rusange.

Visi Perezida wa Sena ufite mu nshingano ze gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'Umunyamabanga Mukuru wa Sena cyangwa Umunyamabanga Mukuru Wungirije wa Sena iyo adahari, bumvikana na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze ku mushinga w'ingengo y'imari ya Sena nibura iminsi ibiri (2) mbere y'uko ushyirwa mu mushinga w'ingengo y'imari rusange ya Leta.

**<u>Ingingo ya 151</u>: Ururimi rukoreshwa n'Abasenateri iyo batanga ibitekerezo**

Iyo Abasenateri batanga ibitekerezo byabo, mu magambo cyangwa mu nyandiko, bakoresha ururimi bihitiyemo mu ndimi zikoreshwa zemewe n'Itegeko Nshinga.

**<u>Ingingo ya 152</u>: Uburyo bwo gukemura ikibazo iyo bitateganyijwe n'iri tegeko ngenga**

Iyo hari ibidateganywa n'iri tegeko ngenga, Biro ya Sena itanga uburyo ikibazo cyakemuka maze Inteko Rusange ikabifataho icyemezo.

**<u>Ingingo ya 153:</u> Umushinga wo guhindura iri tegeko ngenga**

Umushinga wose wo guhindura iri tegeko

considered by the Committee in charge of budget, and the report thereon shall be submitted to the Plenary Assembly.

The Vice President in charge of finance and the Clerk to the Senate or Deputy Clerk to the Senate in his/her absence shall jointly consult with the Minister in charge of finance on the draft budget of the Senate at least two (2) days before it is integrated in the State finance bill.

**<u>Article 151</u>: Language used by Senators to express their opinion**

Senators shall choose one of the languages provided for by the Constitution to express their opinion orally or in writing.

**<u>Article 152:</u> Addressing matter that is not provided for by this Organic Law**

For matters that are not provided for by this Organic Law, the Bureau of the Senate shall propose ways of addressing them and the Plenary Assembly shall make a decision.

**<u>Article 153:</u> Proposal for amendment of this Organic Law**

Any proposal for amendment of this Organic

Commission ayant le budget dans ses attributions. Le rapport est transmis à l'Assemblée Plénière.

Le Vice-Président ayant les finances dans ses attributions et le Secrétaire Général du Sénat ou, en cas de son absence, le Secrétaire Général adjoint du Sénat, se mettent d'accord avec le Ministre ayant les finances dans ses attributions sur le projet du budget du Sénat, au moins deux (2) jours avant son insertion dans le projet de loi des finances de l'Etat.

**<u>Article 151:</u> Langue utilisée par les Sénateurs au cours de leurs interventions orales ou écrites**

Au cours de leurs interventions orales ou écrites, les Sénateurs font usage de la langue de leur choix parmi les langues officielles reconnues par la Constitution.

**<u>Article 152:</u> Résolution de question non prévue par la présente loi organique**

Pour toute matière non prévue par la présente loi organique, le Bureau du Sénat soumet une proposition de solution à l'Assemblée Plénière pour décision.

**<u>Article 153</u>: Projet de modification de la présente loi organique**

Tout projet de modification de la présente loi

ngenga ushyikirizwa Perezida wa Sena na we akawushyikiriza Abasenateri.

Iyo Inteko Rusange yemeje ko uwo mushinga ufite ishingiro ushyikirizwa Inama y'Abaperezida kugira ngo iwige.

**Ingingo ya 154: Itangira ry'imirimo ya Sena**

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 71 y'Itegeko Nshinga, Abasenateri bakimara kurahira, Sena itangira imirimo yayo y'igihembwe guhera ku munsi w'irahira.

Icyo gihembwe kirangira hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 71 y'Itegeko Nshinga.

**Ingingo ya 155: Gukurikiza ibisabwa mu bijyanye n'imirimo itabangikanywa n'iy'Ubusenateri**

Umusenateri urebwa n'ibiteganywa n'ingingo ya 99 y'iri tegeko ngenga ahawe igihe cy'iminsi mirongo itatu (30), uhereye igihe agereye mu murimo w'Ubusenateri, kugira ngo akurikize ibisabwa n'iyo ngingo.

Icyakora, Umusenateri ufitanye na Leta amasezerano y'amasoko yasinywe mbere y'uko agera mu murimo w'Ubusenateri, arayakomeza kugeza igihe arangiriye. Ayo masezerano amenyeshwa Perezida wa Sena, Umuvunyi Mukuru akagenerwa kopi.

Law shall be submitted to the President of the Senate who shall, in turn, submit it to Senators.

When the Plenary Assembly adopts the relevance of the proposal for amendment, the amendment shall be submitted to the Conference of Chairpersons for consideration.

**Article 154: Commencement of the Senate business**

Notwithstanding provisions of Article 71 of the Constitution, the Senate shall begin its session activities soon after Senators are sworn in.

This session shall be closed according to provisions of Article 71 of the Constitution.

**Article 155: Compliance with provisions relating to the incompatibilities with the Senator's office**

A Senator who is concerned by the provisions of Article 99 of this Organic Law is given thirty (30) days from the date he/she takes office to comply with them.

However, a Senator who signed a tender contract with the Government before he/she takes office shall be allowed to go ahead with it until its termination. The President of the Senate shall be notified of the existence of the said contract and the Ombudsman shall be

organique est adressé au Président du Sénat qui, à son tour, en informe les Sénateurs.

Après l'adoption de l'opportunité par l'Assemblée Plénière, le projet de modification de la présente loi organique est examiné par la Conférence des Présidents.

**Article 154: Début des travaux du Sénat**

Sous réserve des dispositions de l'article 71 de la Constitution, le Sénat commence les travaux en session immédiatement après la prestation de serment des Sénateurs.

Cette session est clôturée conformément aux dispositions de l'article 71 de la Constitution.

**Article 155: Conformité aux dispositions relatives aux incompatibilités avec la fonction de Sénateur**

Tout Sénateur concerné par les dispositions de l'article 99 de la présente loi organique dispose d'un délai de trente (30) jours à compter de la date de son entrée en fonction de Sénateur pour se conformer aux dispositions dudit article.

Toutefois, le Sénateur ayant conclu un contrat de marché avec l'Etat avant son entrée en fonction de Sénateur exécute ce contrat jusqu'à son terme. Ce contrat est notifié au Président du Sénat avec copie à l'Ombudsman.

given a copy.

**<u>Ingingo ya 156:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko ngenga**

Iri tegeko ngenga ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**<u>Ingingo ya 157</u>: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga**

Itegeko Ngenga n° 02/2005 ryo ku wa 18/02/2005 rigena imikorere ya Sena nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu kimwe n'izindi ngingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko ngenga kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**<u>Ingingo ya 158</u>: Igihe Itegeko Ngenga ritangira gukurikizwa**

Iri Tegeko Ngenga ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **02/11/2012**

**<u>Article 156</u>: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law**

This Organic Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

**<u>Article 157</u>: Repealing provision**

The Organic Law n° 02/2005 of 18/02/2005 establishing rules of procedure of the Senate as modified and complemented to date as well as other prior legal provisions contrary to this Organic Law are hereby repealed.

**<u>Article 158</u>: Commencement**

This Organic Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **02/11/2012**

**<u>Article 156:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi organique**

La présente loi organique a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**<u>Article 157</u>: Disposition abrogatoire**

La Loi Organique n° 02/2005 du 18/02/2005 portant règlement d'ordre intérieur du Sénat telle que modifiée et complétée à ce jour, ainsi que toutes les autres dispositions légales antérieures contraires à la présente loi organique, sont abrogées.

**<u>Article 158</u>: Entrée en vigueur**

La présente loi organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **02/11/2012**

(sé)
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
**KAGAME Paul**
President of the Republic

(sé)
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**KARUGARAMA Tharcisse**
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**KARUGARAMA Tharcisse**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux